1982 ryemeza Amategeko teka nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu; Isubiye ku Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi. YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri tegeko Iri tegeko rireba: 1° abishingizi, abishingira abishingizi baba ibigo bya Leta cyangwa iby'abikorera; 2° abahuza mu by'ubwishingizi; 3° ibigo bicunga ubwishingizi bw'ubuzima;	ratification of Decree-Laws, as modified and complemented to date; Having reviewed Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organisation of insurance business. ADOPTS: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs the organisation of insurance business. <u>Article 2:</u> Scope of this Law This Law applies to: 1° insurers or reinsurers being public or private entities; 2° insurance intermediaries; 3° health maintenance organisations;	décrets-lois, telle que modifiée et complétée à ce jour; Revu la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation d'activités d'assurances. ADOpte: <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi régit l'organisation de l'activité d'assurance. <u>Article 2 :</u> Champ d'application de la présente loi La présente loi s'applique aux : 1° assureurs ou réassureurs tant publics que privés ; 2° intermédiaires d'assurance; 3° organisations de gestion d'assurance santé;
---	---	--

4° ibindi bigo byemerewe gukora umurimo ufutanye isano n'ubwishingizi; 5° amasezerano y'ubwishingizi; 6° amasezerano y'ubwishingizi bw'abishingizi akorewe mu Rwanda keretse biteganyijwe ukundi n'andi mategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga. <u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u> Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe mu buryo bukurikira: 1° agaciro k'icyishingirwa mu masezerano y'ubwishingizi: umubare w'amafaranga umufatabwishingizi agaragariza ikigo cy'ubwishingizi mu nyandiko mbanzirizamasezerano akaba ari na kimwe mu bishingirwaho mu kugena ikiguzi cy'ubwishingizi no kubara indishyi mu gihe impamvu y'icyishingiye yabaye; 2° amabwiriza rusange: inyandiko igamije gusobanura kurushaho ibigomba kubahirizwa bikubiye muri iri tegeko kugira ngo rishyirwe mu	4° other authorised entities carrying out insurance related business; 5° insurance contract; 6° reinsurance contracts entered into in Rwanda, unless otherwise provided by other laws or international treaties. <u>Article 3: Definitions</u> In this Law, the following terms are defined as follows: 1° sum insured under insurance contract: an amount of money a policyholder unveils to an insurer in proposed contract which is one of criteria of fixing the total amount of premiums and valuation of damages where contingent risks under insurance policy occur; 2° regulations: normative acts which are aimed to specify modalities of application of provisions of this Law;	4° autres entités agréées menant des activités relatives à l'assurance ; 5° contrat d'assurance ; 6° contrats de réassurance conclus au Rwanda, sauf disposition contraire d'autres lois ou traités internationaux. <u>Article 3: Définitions</u> Dans la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit : 1° somme assurée dans un contrat d'assurance : un montant qu'un souscripteur d'assurance dévoile à un assureur dans la proposition de contrat, et qui constitue l'un des critères de fixation du montant total des primes ainsi que l'évaluation des dommages-intérêts en cas de risques éventuels au titre de la police d'assurance; 2° règlements : actes normatifs qui visent à préciser les modalités d'application des dispositions de la présente loi;
--	--	--

bikorwa; 3° amabwiriza: ibisabwa gukorwa cyangwa kudakorwa mu buryo runaka bikaba bigenewe umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi; 4° amafaranga y'ingoboka: amafaranga ikigo cy'ubwishingizi giteganyiriza kwishyura abishingiwe cyangwa abagenerwabwishingizi ajyanye n'inshingano zikomoka ku masezerano y'ubwishingizi mu gihe cyose kigifite inshingano yo kwishyura; 5° amasezerano y'ubwishingizi bw'indishyi: inyandiko y'ubwumvikane bukorwa hagamijwe guha uwishingiwe indishyi cyangwa ubwishyu ku gihombo icyo ari cyose yagize bitewe n'impamvu yishingiwe yabayeho; 6° amasezerano y'ubwishingizi: inyandiko y'ubwumvikane ikigo cy'ubwishingizi kigirana n'umufatabwishingizi cyiyemeza kwishyura mu gihe impamvu y'icyishingiwe yabaye, amafaranga cyangwa mu gihe babyumvikanyeho	3° directives: orders or prohibitions of acting in a certain manner designed for a natural person or legal entity; 4° technical provisions: amount reserved by an insurer to fulfil its insurance obligations and to settle all commitments to policyholders and other beneficiaries arising from the insurance contract over the lifetime of the portfolio; 5° indemnity insurance contract: a written agreement under which the insured person is entitled to compensation for any loss suffered due to the occurrence of the insured event; 6° insurance contract: a written agreement between the insurer and the policyholder by which in case of occurrence of an insured event, the insurer undertakes to make payment or if specifically agreed, make provision in kind to the policyholder or to a third	3° directives: ordres ou interdictions d'agir d'une certaine manière adressés à une personne physique ou morale; 4° provisions techniques: le montant réservé par l'assureur en vue d'honorer ses obligations relatives aux polices d'assurance et ses engagements envers les souscripteurs d'assurance et autres bénéficiaires par rapport au contrat d'assurance pendant toute la période du portefeuille d'assurance; 5° contrat d'assurance indemnitaire: une convention écrite par laquelle la personne assurée bénéficie de réparation suite à toute perte subie en raison de la survenance de l'événement assuré;; 6° contrat d'assurance: une convention écrite entre assureur et souscripteur d'assurance par lequel l'assureur s'engage, moyennant paiement par le souscripteur de primes en une seule ou plusieurs fois, à fournir au souscripteur ou à une tierce personne, une prestation
--	---	--

ingurane, kikishyura umufatabwishingizi cyangwa undi muntu, umufatabwishingizi na we akiyemeza gutanga ikiguzi cy'ubwishingizi inshuro imwe cyangwa nyinshi;	party, in return for premiums paid once or several times;	pécuniaire, ou en nature si spécifiquement convenu;
7° icyemezo cy'ubwishingizi cy'agateganyo: inyandiko y'agateganyo ikoreshwa nk'ikimenyetso cy'ubwishingizi mu gihe hagitegurwa inyemeza-masezerano y'ubwishingizi;	7° cover note: a temporary document which is used as a proof that a person is insured until the issuance of the policy;	7° note de couverture: un document temporaire servant de preuve qu'une personne est assurée en attendant l'établissement d'une police d'assurance;
8° igipimo kitagibwa munsu cy'ubushobozi bwo kwishyura: igipimo cyagenwe cy'ubushobozi bwo kwishyura, ikigo cy'ubwishingizi kigomba guhora gifite;	8° minimum solvency margin: absolute minimum regulatory solvency that is required to be maintained by an insurer at all times;	8° marge minimum de solvabilité: niveau minimum de solvabilité réglementaire exigé devant être maintenu à tout moment par un assureur;
9° igipimo ntarengwa cy'ubushobozi bwo kwishyura cyagenwe: igipimo cyagenwe cy'ubushobozi bwo kwishyura kiri hejuru y'imari shingiro itagibwa munsu isabwa, gituma ikigo cy'ubwishingizi kiri hejuru yacyo gifatwa nk'igifite ubushobozi buhagije bwo kwishyura;	9° prescribed solvency margin: level of regulatory solvency higher than the minimum capital required above which an insurer would be considered adequately solvent;	9° marge de solvabilité prescrite: niveau de solvabilité réglementaire supérieur au capital minimum requis et au-dessus duquel un assureur serait considéré en juste position de solvabilité;
10° ikigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga: ikigo gifite icyemezo cyo gukora umurimo w'ubwishingizi	10° foreign insurer: an institution which is licensed under the laws of a foreign country to carry on insurance business;	10° assureur étranger: une entreprise qui est agréée en vertu des lois d'un pays étranger pour exercer les activités

cyatanzwe n'ikindi gihugu;		d'assurance;
11° ikigo cy'ubwishingizi: ikigo cyemewe cyangwa gifite uruhushya rucyemerera gukora umurimo w'ubwishingizi;	11° insurer: a licensed or authorised legal entity which carries out insurance business;	11° assureur : personne morale agréée ou autorisée à mener des activités d'assurance;
12° ikigo cya Leta cy'ubwishingizi: ikigo cya Leta gishyirwaho n'itegeko gikora umurimo w'ubwishingizi;	12° public insurer: a public institution established by law which operates in insurance business;	12° assureur public: établissement public créé par la loi œuvrant dans le domaine d'activités d'assurance;
13° ikigo cyigenga cy'ubwishingizi: ikigo kitari icya Leta cyemerewe gukora umurimo w'ubwishingizi;	13° private insurer: an entity which is not a public insurer licensed to carry out insurance business;	13° assureur privé: entité qui n'est pas un assureur public qui est agréée pour effectuer des activités d'assurance;
14° ikiguzi cy'ubwishingizi: ubwishyu butangwa n'umufatabwishingizi ku kigo cy'ubwishingizi hakurikijwe amasezerano y'ubwishingizi;	14° premium: payment due by the policyholder to an insurer under an insurance contract;	14° prime : paiement dû par le souscripteur d'assurance à un assureur en vertu d'un contrat d'assurance;
15° imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi: imirimo cyangwa ibikorwa iyo bihungabanye, bishobora guteza ingorane zigaragara ku bikorwa by'ubucuruzi, icyizere cyangwa se inyungu by'ikigo cy'ubwishingizi;	15° material functions or activities: functions or activities the instability of which may jeopardise business activities, trust or interests of an insurer;	15° fonctions ou des activités clés : fonctions ou activités dont l'instabilité peut compromettre les activités commerciales, la confiance ou les intérêts d'un assureur;
16° impuguke mu kugena agaciro k'ibyangiritse: umuhanga uhemberwa imirimo ijyanye n'iperereza n'ibiganiro bigamije kurangiza ibibazo bishingiye ku masezerano y'ubwishingizi, mu mwanya w'ikigo cy'ubwishingizi	16° loss adjuster: a specialist, who, for a fee, provides service related to the investigation and negotiation of the settlement of claims under insurance contracts on behalf of either the insurer or the insured;	16° expert évaluateur de dommages: un spécialiste qui, moyennant un paiement, mène une enquête et négocie, pour le compte de l'assureur ou de l'assuré, le règlement des litiges liés aux contrats d'assurance;

cyangwa w'uwishingiwe; 17° impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho: umuhanga mu mibare y'ubwishingizi wemezwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi; 18° impuguke mu mibare y'ubwishingizi: umuhanga w'umwuga mu gusesengura, gukora ibigereranyo no guteganya uburyo bwo gukemura ingaruka mu by'imari zaterwa n'impamvu zitunguranye cyangwa ibyago; 19° inyandiko y'imari ikomoka ku mutungo: amasezerano mu by'ubukungu cyangwa ibicuruzwa agaciro kabyo gashingiye ku gaciro k'ibindi bicuruzwa bifitanye isano; 20° inyemezamasezerano y'ubwishingizi: inyandiko itangwa n'ikigo cy'ubwishingizi cyemeza amasezerano y'ubwishingizi; 21° inyungu y'ubwishingizi: uburenganzira bwo kwishingira bushingiye ku isano y'ubukungu iri hagati y'uwishingiwe n'icyishingirwa; 22° itsinda ry'amasosiyeti y'ubwishingizi: amasosiyete ahuriye	17° appointed actuary: a specialist in actuarial science approved by the Supervisory Authority; 18° actuary: specialised professional in analysis, modelling and management of the financial consequences resulting from unforeseeable events or risks; 19° derivative financial instruments: financial agreements or products whose value derives from similar products value; 20° insurance policy: a written document issued by an insurer evidencing the insurance contract; 21° insurable interest: right to insure arising out of an economic relationship between the insured person and the subject matter of insurance; 22° insurance group: a group of related companies, at least one of which is an	17° actuaire désigné: un spécialiste en science actuarielle approuvé par l'Autorité de contrôle ; 18° actuaire: un professionnel spécialisé dans l'analyse, la modélisation et la gestion des conséquences financières découlant d'événements imprévisibles ou de risques; 19° instruments financiers des produits dérivés: accord financier ou produits dont la valeur dépend de la valeur des produits similaires ; 20° police d'assurance: un document écrit fourni par un assureur prouvant le contrat d'assurance; 21° intérêt assurable: droit d'assurance résultant d'une relation économique entre la personne assurée et l'objet d'assurance; 22° groupe d'assurance: un groupe de sociétés liées, dont au moins l'une est un
--	---	--

hamwe kandi afitanye isano nibura imwe muri yo ari ikigo cy'ubwishingizi kigenzura ibindi bigo by'ubwishingizi ndetse n'ibindi bigo bitari iby'ubwishingizi;	insurer which regulates other insurers as well as such other non-insurers;	assureur qui régleme les autres assureurs ainsi que d'autres institutions distinctes de l'assurance;
23° ubwishingizi buciriritse: ubwishingizi bugamije kwishingira ingorane z'umufatabwishingizi winjiza umusaruro muto cyangwa uciriritse cyangwa ufite amikoro make, habanje kwishyurwa ikiguzi cy'ubwishingizi kijyanye n'urwego rw'ingorane zishobora kubaho;	23° micro insurance: an insurance which consists of covering risks of policyholders with low or middle income, prior to payment of premiums proportionate to the likelihood of risks;	23° micro-assurance : une assurance qui consiste à couvrir les risques des souscripteurs d'assurances à revenus faibles ou moyens, moyennant paiement préalable de primes proportionnées à la probabilité des risques ;
24° ubwishingizi bucurujwe na banki: igurisha, imenyekanisha n'itangwa rya serivisi z'ubwishingizi bikoze na banki cyangwa ikigo cy'imari mu buryo bw'ubuhuza mu bwishingizi;	24° bancassurance: the sale, marketing and distribution of insurance products by a bank or a financial institution through insurance intermediary;	24° bancassurance: vente, marketing et distribution des produits d'assurance par une banque ou institution financière par le biais d'intermédiaire d'assurance;
25° ubwishingizi bw'ibigo by'ubwishingizi: amasezerano umwishingizi w'ibigo by'ubwishingizi wemewe atangiramo ubwishingizi ku byishingiwe n'ikigo cy'ubwishingizi;	25° reinsurance: an agreement whereby a licensed reinsurer provides insurance to a risk assumed by an insurer;	25° réassurance: accord par lequel un réassureur agréé donne l'assurance à un risque couvert par un assureur;
26° ubwishingizi bw'igihe kigufi: amasezerano y'ubwishingizi bwo kurinda uwishingiwe ibyago byo guhomba cyangwa iyangirika ry'umutungo bitewe n'impamvu	26° short-term insurance: an insurance arrangement that protects an insured person against the risk of financial loss or damage due to contingent events specified in the contract for a period not	26° assurance à court terme: un contrat d'assurance qui protège une personne assurée contre le risque de perte ou de dommages financiers dus aux événements éventuels spécifiés dans le

ziteganyijwe mu masezerano zishobora kubaho mu gihe kitarenze umwaka umwe;	exceeding one year ;	contrat pour une période ne dépassant pas une année;
27° ubwishingizi bw'igihe kirekire: icyiciro cy'ubwishingizi aho ikigo cy'ubwishingizi nyuma yo guhabwa ikiguzi cy'ubwishingizi cyiyemeza kwishyura uwishingiwe cyangwa umugenerwabwishingizi ibyumvikanyweho mu masezerano bijyanye n'ibishobora kuba nyuma y'igihe cyagenwe cyangwa ibishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bw'uwishingiwe;	27° long-term insurance: category of insurance whereby an insurer promises, upon payment of premiums, to pay a sum of money as prescribed in the contract, to the insured person or to a designated beneficiary relating to contingencies occurring after a set time span or which are deemed to cause harmful effects on the life of the insured person;	27° assurance à long terme: catégorie d'assurance par laquelle l'assureur s'engage, moyennant paiement par le souscripteur d'assurance des primes, à verser une somme prescrite dans le contrat, à la personne assurée ou à un bénéficiaire désigné, suite à une éventualité survenue après un délai déterminé ou susceptible d'occasionner des conséquences néfastes à la vie de la personne assurée;
28° ubwishingizi bushingiye ku buryozwe bw'isohiyete ubwishingizi bushamikiyeho: ubwishingizi bwemera gusa uburyozwe bushingiye ku byateza igihombo isohiyete mbyeyi n'ibigo biri mu miterere y'itsinda rimwe;	28° captive insurance scheme: an insurance business which undertakes liability solely to the risks of the parent company and entities within the same group structure;	28° régime d'assurance captive: activité d'assurance visant à assumer uniquement la responsabilité des risques de la société mère et des entités au sein de la même structure de groupe.
29° ubwishingizi bw'uburyozwe: ubwishingizi bugamije kwishyura ibyangiritse aho ikigo cy'ubwishingizi cyemera kwishingira umufatabwishingizi ku gihombo cyose cyaterwa n'ibyo yangirije undi muntu;	29° liability insurance: insurance which consists of paying for damages whereby an insurer undertakes to insure any tort that a policyholder may cause to a third party;	29° assurance de responsabilité : une assurance qui consiste à payer des dédommages par laquelle un assureur s'engage à assurer la responsabilité civile d'un souscripteur d'assurance contre une tierce personne ;
30° ubwishingizi bw'ubwisungane:	30° mutual insurance: type of insurance,	30° assurance mutuelle : type d'assurance

ubwishingizi aho abafatabwishingizi bishyira hamwe batanga imisanzu biteganyiriza kugira ngo bashobore kwirinda ingorane zishobora kubabaho;	whereby policyholders contribute money into a pooling system in order to secure insurance against contingent risks;	dans laquelle les souscripteurs d'assurance mettent en commun des contributions en argent afin de se trouver une assurance contre un risque éventuel ;
31° ufitanye isano n'ikigo cy'ubwishingizi:	31° insurer's related person:	31° personne liée à l'assureur:
a. umunyamigabane mu kigo cy'ubwishingizi ufite uruhare rugaragara, uri mu nama y'ubutegetsi cyangwa umukozi mukuru n'uwo bashakanye, abagize umuryango we mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kugeza ku gisanira cya kabiri; b. ikigo cyose aho umuntu uvugwa mu gace kabanziriza aka ari mu nama y'Ubutegetsi, iy'ubuyobozi cyangwa ufite mu buryo butaziguye cyangwa buziguye nibura icumi ku ijana (10%) by'imigabane cyangwa by'uburenganzira bwo gutora; c. ikigo cyose, ikigo cy'ubwishingizi cyonyine cyangwa hamwe n'abandi, kigenzura mu buryo butaziguye cyangwa buziguye; d. ikigo cyose kigenzurwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye n'ikigo	a. qualifying shareholder in an insurer, a member of the board of directors, or a senior officer and his or her spouse, family members on direct lineage or collateral lineage up to the second degree; b. any enterprise where any of the persons specified in the preceding item is a member of the board or management or holds directly or indirectly, at least ten per cent (10%) of the shares or voting rights; c. any enterprise, an insurer, alone or with others, he or she controls directly or indirectly; d. any enterprise controlled directly or indirectly by the Supervisory	a. actionnaire à participation significative dans un assureur, un membre du conseil d'administration, ou un cadre dirigeant et son conjoint, membres de sa famille en ligne directe ou collatérale jusqu'au deuxième degré; b. toute entreprise dans laquelle l'une des personnes indiquées au point précédent est un membre du Conseil d'Administration ou de direction ou détient directement ou indirectement, au moins dix pour cent (10%) des actions ou des droits de vote; c. toute entreprise, assureur, seul ou avec d'autres, qu'elle contrôle directement ou indirectement; d. toute entreprise contrôlée directement ou indirectement par l'Autorité de

kigenzura ikigo cy'ubwishingizi; 32° umufatabwishingizi: umuntu ugirana n'ikigo cy'ubwishingizi amasezerano y'ubwishingizi; 33° umugenerwabwishingizi: umuntu ufite uburenganzira bwo kwishyurwa hakurikijwe amasezerano y'ubwishingizi; 34° umuguzi: umuntu ku giti cye, itsinda ry'abantu cyangwa ikigo, bikorana cyangwa bishobora gukorana igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa kugirana amasezerano n'utanga serivisi y'imari, kugira ngo hagurwe cyangwa hatangwe igicuruzwa cyangwa serivisi y'imari; 35° umuhuza mu bwishingizi: umuntu wese ukora umurimo w'ubuhuza mu bijyanye n'ubwishingizi n'ibindi bijyanye nabwo; 36° umuhuza usanzwe w'ubwishingizi: umuntu utari umukozi w'ikigo cy'ubwishingizi ushyirwaho kandi agahabwa uburenganzira n'icyo kigo cy'ubwishingizi bwo gushishikariza abantu gufata ubwishingizi;	Authority; 32° policyholder: a person who enters into an insurance contract with an insurer ; 33° beneficiary: a person entitled to payment under insurance contract; 34° consumer: a natural person, group of persons or a corporate person that enters, or may enter, into a business relationship or a contract with a financial service provider for the purpose of acquiring or providing a financial product or service; 35° insurance intermediary: any person operating as intermediary in insurance business and in a similar field; 36° insurance agent: a person other than an employee of an insurer appointed and authorised by that insurer to solicit prospective policyholders to buy insurance products;	contrôle ; 32° souscripteur d'assurance: une personne qui conclut un contrat d'assurance avec un assureur; 33° bénéficiaire d'assurance: une personne qui a droit au paiement en vertu d'un contrat d'assurance; 34° consommateur : personne physique, groupe de personnes ou entreprise qui établit, ou peut établir une liaison d'affaires ou un contrat avec un prestataire de service financier afin d'acquérir ou de fournir un produit ou un service financier; 35° intermédiaire d'assurance : toute personne œuvrant comme intermédiaire dans l'activité d'assurance et autre domaine connexe ; 36° agent d'assurance: une personne autre qu'un employé d'un assureur désignée et autorisée par celui-ci à solliciter les souscriptions des polices d'assurance;
--	--	---

37° umuhuza wigenga mu bwishingizi: isosiyete ihemberwa umurimo wo kugirana imishyikirano y'ubwishingizi n'abishingizi mu izina ry'umufatabwishingizi cyangwa ihagarariye umufatabwishingizi, harimo no kuba umuhuza mu bwishingizi bw'abishingizi ihagarariye ikigo cy'ubwishingizi;	37° insurance broker: a company which, for commission, negotiates insurance business with insurers on behalf of a prospective policyholder or as a representative of a policyholder and includes reinsurance broker carrying on reinsurance brokerage for an insurer;	37° courtier d'assurances: une société qui, moyennant commission, négocie des activités d'assurance avec des assureurs au nom des souscripteurs potentiels ou en tant que leur représentant et inclut un courtier de réassurance qui fait un courtage de réassurance pour un assureur
38° 38° umuntu: umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa sosiyete bifite ubuzimagatozi;	38° person: a natural or a corporate person;	38° personne : une personne physique ou morale ;
39° umurimo w'ubwishingizi: umurimo wo kwirengera ibyago cyangwa indi mpamvu hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi cyangwa ay'ubwishingizi bw'abishingizi ndetse n'umurimo w'ubuhuza mu bwishingizi;	39° insurance business: activity of assuming risks or undertaking liability related to insurance or reinsurance contract as well as insurance intermediary's business;	39° activité d'assurance: activités de prise en charge d'un sinistre ou d'une autre responsabilité sur base d'un contrat d'assurance ou de réassurance ainsi que l'activité d'intermédiaire d'assurance ;
40° uruhare rugaragara: amafaranga ashorwa mu migabane y'ikigo cy'ubwishingizi ku buryo butaziguye cyangwa buziguye ariyo yonyine cyangwa n'andi ahwanye nibura na 5% y'imari shingiro yacyo cyangwa y'uburenganzira bwo gutora bwa nyirayo cyangwa amuhesha ububasha bwo kugira uruhare runini mu ifatwa ry'ibyemezo birebana n'imicungire y'icyo kigo;	40° qualifying shareholding: an amount of money directly or indirectly invested in an insurer solely or together with additional amount of at least 5% of its capital or of voting rights for its holder or otherwise providing him or her powers to influence decision making as far as the management of that insurer is concerned;	40° participation significative: une somme d'argent directement ou indirectement investie dans un assureur, seule ou associée à un montant supplémentaire d'au moins 5% de son capital ou de droits de vote pour l'actionnaire ou lui conférant le pouvoir d'influencer la prise de décisions en matière de la gestion de cet assureur ;

41° Urwego rw'Ubugenzuzi: urwego rufite mu nshingano zarwo gushyiraho amabwiriza no gukora ubugenzuzi bw'umurimo w'ubwishingizi; 42° uwishingiwe: umuntu wishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 4:</u> Ibyiciro n'ubwoko by'ubwishingizi Umurimo w'ubwishingizi ugizwe n'ibyiciro bibiri by'ingenzi bikurikira: 1° ubwishingizi bw'igihe kigufi; 2° ubwishingizi bw'igihe kirekire. Ubwoko bw'ubwishingizi buri muri buri cyiciro cy'umurimo w'ubwishingizi bugenwa n'amabwiriza rusange. Umurimo w'ubwishingizi ugizwe kandi n'ubwishingizi bwihariye burimo: 1° ubwishingizi bw'ubwisungane; 2° ubwishingizi buciriritse; 3° ubwishingizi bushingiye ku buryozwe	41° Supervisory Authority: an organ in charge of regulating and supervising insurance business; 42° insured person: a person who is covered under an insurance contract. <u>Article 4:</u> Categories and classes of insurance Insurance business comprises the following two main categories: 1° short-term insurance; 2° long-term insurance. Classes of insurance comprised under each category of insurance business are determined by the regulations. Insurance business also comprises special insurance including: 1° mutual insurance; 2° micro insurance; 3° captive insurance scheme.	41° Autorité de contrôle : un organe ayant dans ses attributions la réglementation et supervision de l'activité d'assurance; 42° personne assurée: personne couverte par un contrat d'assurance. <u>Article 4:</u> Catégories et classes d'assurance L'activité d'assurance comprend deux principales catégories suivantes : 1° assurance à court terme; 2° assurance à long terme. Les classes d'assurance incluses dans chacune des catégories d'activités d'assurance sont déterminées par les règlements. L'activité d'assurance comprend également l'assurance spéciale dont : 1° assurance mutuelle ; 2° micro-assurance ; 3° régime d'assurance captive.
--	--	---

bw'isosiye ubwishingizi bushamikiyeho. Ibisabwa byihariye kuri buri cyiciro cy'ubwishingizi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'ubundi bwishingizi bwihariye butavuzwe mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 5: Kurinda ubusugire bw'ijambo "ubwishingizi"</u> Nta muntu wemererwe gukoresha, mu rurimi urwo ari rwo rwose, ijambo "ubwishingizi" haba mu izina ry'ikigo, mu ntego yacyo no mu kirango cyacyo cyangwa mu iyamamaza ryacyo cyangwa mu bundi buryo bwose bushobora kugaragaza ko urikoresheje akora umurimo w'ubwishingizi, atabanje kubihirwa uruhushya. <u>UMUTWE WA II: KWEMERERA ABISHINGIZI GUKORA</u> <u>Ingingo ya 6: Uruhushya rwo gukora umurimo w'ubwishingizi</u> Umurimo w'ubwishingizi wemerewe gukorerwa ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda n'umuntu ufite uruhushya rutangwa n'Urwego rw'Ubugenuzi. Icyakora, uruhushya ruvugwa mu gika	Specific requirements for each category of insurance referred to under Paragraph One of this Article as well as such other special insurance not provided for under Paragraph 3 of this Article are determined by the regulations. <u>Article 5: Protection of the term "insurance"</u> No person is allowed to use, in any language, the word "insurance" in its corporate name, trade name, signage or advertisement, or any other derivative that can indicate or be perceived as related to insurance business without being authorised. <u>CHAPTER II: LICENSING INSURERS</u> <u>Article 6: Licence of carrying out insurance business</u> Insurance business on the territory of the Republic of Rwanda is carried out by a person holding a licence issued by the Supervisory Authority. However, the licence referred to under the	Les exigences spécifiques pour chaque catégorie d'assurance visée à l'alinéa premier du présent article ainsi que toute autre assurance spéciale non-visée à l'alinéa 3 du présent article sont déterminées par les règlements. <u>Article 5: Protection du terme « assurance »</u> Nul ne peut utiliser, dans n'importe quelle langue, le mot "assurance" dans son nom commercial, sa dénomination sociale, son enseigne ou sa publicité ou autre terme dérivé qui peut évoquer ou être perçu comme une activité d'assurance sans être autorisé. <u>CHAPITRE II: AGRÉMENT DES ASSUREURS</u> <u>Article 6 : Licence d'effectuer l'activité d'assurance</u> L'activité d'assurance sur le territoire de la République du Rwanda est exercée par une personne munie d'une licence délivrée par l'Autorité de contrôle. Toutefois, la licence visée à l'alinéa précédent
--	---	--

kibanziriza iki, ntirusabwa ikigo cya Leta gikora umurimo w'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 7: Kwishingira ibiri hanze y'u Rwanda</u> Ikigo cy'ubwishingizi cyangwa umwishingizi w'ibigo by'ubwishingizi ufite icyicaro mu Rwanda wifuza gukorera umurimo w'ubwishingizi hanze y'u Rwanda cyangwa kwishingira ibyishingirwa biri mu mahanga agomba kubanza kubyemererwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. <u>Ingingo ya 8: Kwemerera ikigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga kwishingira icyishingirwa kiri mu Rwanda</u> Ikigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga cyemererwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi kwishingira icyishingirwa kiri mu Rwanda iyo: 1° ikigo cy'ubwishingizi kimwe cyo mu Rwanda cyangwa gifatanyije n'ibindi bigo by'ubwishingizi bidafite ubushobozi bwo kucyishingira; 2° ubwoko bw'ubwishingizi busabwa butaboneka mu Rwanda. Ibindi bisabwa mu kwemerera ikigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga kwishingira	preceding Paragraph does not apply to a public insurer. <u>Article 7: Insuring risks outside the territory of Rwanda</u> An insurer or a reinsurer with a head office in Rwanda, who intends to carry out insurance business outside Rwanda or insure a risk located outside Rwanda, has to secure a prior authorisation issued by the Supervisory Authority. <u>Article 8: Authorising a foreign insurer to insure a risk located on the territory of Rwanda</u> A foreign insurer is authorised by the Supervisory Authority to insure a risk on the territory of Rwanda where: 1° one Rwandan insurer or in partnership with other insurers are unable to ensure that risk; 2° the class of insurance required is not found in Rwanda. Other requirements for a foreign insurer to insure a risk located on the territory of Rwanda	ne s'applique pas à un assureur public. <u>Article 7 : Assurer des risques en dehors du territoire du Rwanda</u> Un assureur ou un réassureur ayant un siège social au Rwanda, qui a l'intention d'exercer des activités d'assurance à l'étranger ou d'assurer un risque situé à l'étranger, doit obtenir au préalable une autorisation délivrée par l'Autorité de contrôle. <u>Article 8: Autoriser un assureur étranger à assurer un risque situé sur le territoire du Rwanda</u> Un assureur étranger est autorisé par l'Autorité de contrôle à assurer un risque sur le territoire du Rwanda lorsque : 1° un assureur rwandais ou en partenariat avec d'autres assureurs n'est pas en mesure d'assurer ce risque; 2° la classe d'assurance requise n'est pas disponible au Rwanda. Autres conditions pour un assureur étranger d'assurer un risque situé sur le territoire du
--	--	---

icyishingirwa kiri mu Rwanda bigenwa n'amabwiriza Rusange. <u>Ingingo ya 9: Ibisabwa uwifuza gukora umurimo w'ubwishingizi nk'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi</u> Uwo ari we wese wifuza gukora umurimo w'ubwishingizi nk'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi agomba: 1° kuba ari ikigo cyanditswe hakurikijwe amategeko y'u Rwanda; 2° kuba afite imari shingiro itagibwa muni; 3° kugaragaza icyiciro cy'umurimo w'ubwishingizi yifuza gukora; 4° kugaragaza imiterere y'imigabane; 5° kugaragaza ko abafite uruhare rugaragara mu migabane bahagaze neza mu byo bakora, bafite ubwamugayoyi, imari yabo ihagaze neza n'ubushobozi bwo kongeramo indi mari mu gihe bibaye ngombwa; 6° kugaragaza ko abari mu Nama y'Ubutegetsi, abayobozi bakuru,	are specified in the regulations. <u>Article 9: Requirements for licensing private insurer</u> Any person intending to carry out insurance business as a private insurer must: 1° be an institution registered in accordance with Rwandan Laws; 2° Have a minimum paid-up capital; 3° indicate the prospective insurance business category; 4° demonstrate shareholding structure; 5° demonstrate that qualifying shareholders possess good business standing, integrity, financial strength and ability to provide further financial support, if necessary; 6° prove that members of the Board of Directors, senior managers, auditors and	Rwanda sont stipulées dans les règlements. <u>Article 9: Conditions d'agrément d'un assureur privé</u> Toute personne désirant effectuer l'activité d'assurance en tant qu'assureur privé doit : 1° être une entreprise enregistrée conformément au droit rwandais 2° avoir le capital minimum exigé ; 3° indiquer la catégorie d'activité d'assurance envisagée ; 4° indiquer la structure d'actionariat; 5° indiquer que les actionnaires à participation significative sont bien positionnés dans leurs affaires, sont intègres, ont la solidité financière et la capacité de fournir l'appui financier, en cas de besoin; 6° prouver que les membres du Conseil d'Administration, les cadres dirigeants,
---	---	--

abagenzuzi b'imbere n'impuguke mu mibare y'ubwishingizi bafite ubushobozi kandi bujuje ibyangombwa mu kuzuza inshingano zabo; 7° kugaragaza ko afite uburyo buhamye bwo gucunga ingorane; 8° kugaragaza ko uburyo bw'imikorere n'ubw'ikoranabuhanga biberanye n'imiterere n'ingano y'ibikorwa biteganyijwe; 9° kugaragaza gahunda y'ibikorwa n'imari ijyanye na byo n'ubushobozi bwo kwishyura; 10° kugaragaza icyemezo kigifite agaciro cy'ubugenuzi yakorewe n'Urwego rw'Ubugenzuzi rw'igihugu aturukamo iyo usaba ari ikigo cy'ubwishingizi gikomoka mu mahanga. Amabwiriza rusange ashobora kugena ibindi bigaragazwa mu gusaba uruhushya rwo gukora nk'ikigo cy'ubwishingizi.	actuaries are competent and capable to fulfil their responsibilities; 7° prove that it has got an effective risk management system; 8° demonstrate that internal procedures and information technology systems are adequate for the nature and scale of the proposed business operations; 9° demonstrate business plan and related financial estimates as well as solvency margins; 10° provide a valid proof of supervision made by the Supervisory Authority of the home country if the applicant is a foreign insurer. The regulations may provide for additional licencing requirements for a private insurer.	les auditeurs et les actuaires sont compétents et capables de remplir leurs attributions; 7° prouver qu'il dispose d'un système efficace de gestion des risques ; 8° prouver que les procédures internes et les systèmes de technologie de l'information sont adaptés à la nature et la taille des opérations commerciales proposées; 9° indiquer les plans d'affaires et les estimations financières y afférentes ainsi que des marges de solvabilité; 10° montrer la preuve valable de supervision effectuée par l'Autorité de contrôle du pays d'origine si le demandeur est un assureur étranger; Les règlements peuvent prévoir des exigences supplémentaires d'agrément pour un assureur privé.
--	--	---

<u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bwo gusaba uruhushya rwo gukora umurimo w'ubwishingizi Usaba uruhushya rwo gukora nk'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi ashyikiriza mu nyandiko dosiye ye Urwego rw'Ubugenzuzi cyangwa akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga, iherekejwe n'ibyangombwa biteganywa mu mabwiriza rusange. Icyakora, iyo rusanze ari ngombwa, Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gushyikirizwa inyandiko y'umwimerere iyo ariyo yose mu nyandiko zatanze. <u>Ingingo ya 11:</u> Gusubiza uwasabye uruhushya Urwego rw'Ubugenzuzi rusesengura dosiye y'ubusabe rukamenyesha uwasabye, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi uhaye ku itariki rwakiriyeho dosiye, ko dosiye y'ubusabe bwe yuzuye cyangwa ko ituzuye. Urwego rw'Ubugenzuzi rwemerera cyangwa ruhakanira uwasabye uruhushya rwo gukora nk'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu y'akazi (30) uhaye ku itariki rwakiriyeho dosiye	<u>Article 10:</u> Application procedure for license to carry out insurance business A person applying for a license to carry out insurance business as a private insurer submits a written application document to the Supervisory Authority or via electronic means together with other accompanying documents as may be specified by the regulations. However, where deemed necessary, the Supervisory Authority may request submission of original copies of any application documents submitted. <u>Article 11:</u> Feedback to the applicant The Supervisory Authority notifies the applicant, within seven (7) working days from the date of reception of the application, that his or her application file is complete or incomplete. The Supervisory Authority grants or denies to grant to the applicant a license to operate as a private insurer, within a period not exceeding thirty (30) working days from the date of reception of the complete application	<u>Article 10:</u> Procédure de demande de licence d'effectuer l'activité d'assurance Une personne faisant la demande d'une licence d'effectuer l'activité d'assurance en tant qu'assureur privé doit en faire une demande écrite auprès de l'Autorité de contrôle ou par voie électronique, accompagnée d'autres documents tels que déterminés par les règlements. Toutefois, si elle le juge nécessaire, l'Autorité de contrôle peut demander la présentation des copies originales de tout document de demande soumis. <u>Article 11 :</u> Réponse au demandeur L'Autorité de contrôle notifie au demandeur, dans un délai de sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la candidature, que son dossier de demande est complet ou incomplet. L'Autorité de contrôle accorde ou refuse d'accorder au demandeur une licence d'exercer en tant qu'assureur privé, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours ouvrables à compter de la date de réception du dossier
--	---	---

y'ubusabe yuzuye. Icyakora, igihe kivugwa mu gika kibanziriza iki gishobora kwiyongera, igihe Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze hari amakuru y'inyongera rukeneye mu gufata icyemezo. Icyo gihe ntigishobora kurenza iminsi mirongo itatu y'akazi (30). Iyo uwasabye atishimiye igisubizo yahawe ashobora gutakamba ku rwego rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe yaboneye igisubizo. Mu gihe uwatakambye atishimiye igisubizo yahawe, afite igihe cy'amezi atatantu (6) cyo kuregera urukiko gitangira kubarwa kuva ku munsu yaboneyeho igisubizo. <u>Ingingo ya 12: Urutonde rw'abishingizi</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rukora, rubika, rukanatangaza urutonde rw'abishingizi bemewe bose ruhujwe n'igihe rubinyujije ku rubuga rwarwo rwa interineti no mu bitangazamakuru bisomwa na benshi.	documents. However, the time referred to in the preceding Paragraph may be extended, when the Supervisory Authority finds that there is a need for additional information before a decision is taken. That period may not exceed thirty (30) working days. If the applicant is not comfortable with the response, he or she may appeal to a relevant organ within a period not exceeding thirty (30) days from the date of receipt of the response. Where the appellant is not comfortable with the response, he or she is entitled to six (6) months effective from the date of reception of the response, to file a case in a court of law. <u>Article 12: Register of insurers</u> The Supervisory Authority establishes, keeps and publishes an updated register of all licenced insurers on its website as well as in media with large audience.	complet de demande. Cependant, le délai visé à l'alinéa précédent peut être prolongé lorsque l'Autorité de contrôle constate que des informations supplémentaires sont nécessaires avant la prise de décision. Ce délai ne peut pas dépasser trente (30) jours ouvrables. Si le demandeur n'est pas satisfait de la décision prise, il peut faire recours auprès de l'organe compétent dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date de réception de ladite décision. Lorsque le requérant n'est pas satisfait de la décision prise, il a droit à six (6) mois à compter de la date de réception de la décision, pour saisir une juridiction compétente. <u>Article 12 : Registre des assureurs</u> L'Autorité de contrôle établit, garde et publie la liste mise à jour de tous les assureurs agréés sur son site web et dans les media diffusés à un large auditoire.
---	--	--

UMUTWE WA III: IMYITWARIRE KU ISOKO N'AMABWIRIZA NGENDERWAHO MU MURIMO W'UBWISHINGIZI	CHAPTER III: MARKET CONDUCT AND PRUDENTIAL RULES IN INSURANCE BUSINESS	CHAPITRE III: CONDUITE D'AFFAIRES ET EXIGENCES PRUDENTIELLES POUR L'ACTIVITÉ D'ASSURANCE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imyitwarire ku isoko	<u>Section One:</u> Market conduct	<u>Section Première :</u> Conduite d'affaires
<u>Ingingo ya 13:</u> Gufata umuguzi uko bikwiye	<u>Article 13:</u> Fair treatment of consumer	<u>Article 13 :</u> Traitement convenable du consommateur
Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gukorana ubuhanga, ubushishozi n'ubwihutirwe igihe cyakira umuguzi kandi ntigishyire inyungu zacyo imbere y'iz'umuguzi.	An insurer must act with due skills, care and diligence when dealing with consumers and refrains from placing its interests above those of consumers.	Un assureur doit agir avec compétence, vigilance et diligence dans ses contacts avec les consommateurs et ne doit pas privilégier ses intérêts au détriment de ceux des consommateurs.
Amabwiriza rusange agena indi myitwarire y'ikigo cy'ubwishingizi ku isoko, harimo irebana n'ibi bikurikira:	The regulations set up other market conduct requirements observed by an insurer, including the following:	Les règlements déterminent autres conditions de conduite d'affaires suivies par un assureur y compris entre autres ce qui suit:
1° guha amakuru umuguzi ;	1° disclose information to consumer;	1° communiquer des informations au consommateur;
2° kumenya amakuru ku muguzi;	2° collect information about consumer;	2° recueillir des informations sur le consommateur;
3° kwamamaza;	3° make advertisements;	3° faire des annonces publicitaires;
4° kwishyura ibyishingiwe no gukemura ibibazo;	4° deal with claims settlement and handle complaints;	4° effectuer des paiements des sinistres et assurer le traitement des plaintes;
5° kugurisha cyangwa gutanga serivisi	5° sell or provide insurance policies	5° assurer la vente ou prestation de

zijyanye n'amasezerano y'ubwishingizi hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 14: Ibigomba kwitabwaho mbere y'icuruzwa rya serivisi z'ubwishingizi</u> Mu gihe cy'ishyirwaho n'imenyekanisha ry'ibicuruzwa by'ubwishingizi, ikigo cy'ubwishingizi kigomba kwita ku nyungu z'umuguzi cyane cyane ibi bikurikira: 1° kumenyekanisha ibicuruzwa na serivisi mu buryo busobanutse, butunganye kandi butayobya; 2° kubahiriza ibisabwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi mu bijyanye n'igihe, itangwa rya serivisi n'ibikubiye mu makuru ahabwa umuguzi mu gihe cy'igurisha; 3° kumenya neza niba mbere y'uko umuguzi asinya amasezerano y'ubwishingizi, yahawe inama ikwiye; 4° kumenya neza ko igongana ry'inyungu iryo ariryo ryose ryitaweho mu gihe umuguzi ahabwa inama mbere y'uko asinya amasezerano y'ubwishingizi.	services through electronic means. <u>Article 14: Pre-sale process of insurance products</u> When developing and marketing insurance products, an insurer must consider the interests of the consumer especially the following: 1° promoting products and services in a manner that is clear, fair and not misleading; 2° complying with the requirements set out by the Supervisory Authority with regard to the timing, service delivery and content of information provided to the consumer at the time of sale; 3° ensuring whether, the consumer receives appropriate advice before entering into an insurance contract; 4° establishing that any potential conflict of interest is properly managed, where consumer receives advice prior to entering into an insurance contract.	services relatifs aux polices d'assurance par voie électronique. <u>Article 14: Processus de pré-vente des produits d'assurance</u> Lors de la conception et du marketing des produits d'assurance, un assureur doit tenir en considération les intérêts du consommateur surtout ce qui suit : 1° promouvoir les produits et les services de manière claire, juste et qui n'induit pas en erreur; 2° se conformer aux exigences de l'Autorité de contrôle en matière de temps, de prestation de service et du contenu des informations fournies au consommateur au moment de la vente; 3° veiller à ce que le consommateur reçoive les conseils appropriés avant de signer un contrat d'assurance; 4° s'assurer que tout conflit d'intérêts éventuel est bien géré, lorsque le consommateur reçoit les conseils avant de conclure un contrat d'assurance.
---	--	--

<u>Ingingo ya 15: Ibishingirwaho mu kugena ikiguzi n'imisanzu by'ubwishingizi</u> Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho inyandiko igenga uburyo bw'imicururize n'ikiguzi cya buri bwoko bw'ubwishingizi. Ikiguzi cy'ubwishingizi kigomba kuba gishingiye ku buryo bw'isesengura ry'imibare y'ubwishingizi, iy'ibarurishamibare n'iy'ibaruramari. Mu kugena ikiguzi cy'ubwishingizi nk'uko bivugwa mu gika kibanziriza iki, hibandwa nibura kuri ibi bikurikira: 1° imiterere y'icyishingiwe; 2° agaciro k'icyishingiwe; 3° ingano y'indishyi cyangwa ubwishyu; 4° ubwoko bw'ibyago byagwirira icyishingiwe; 5° imyitwarire y'umufatabwishingizi; 6° ingano y'impanuka zabaye ku cyishingiwe. Ibishingirwaho mu kugena umusanzu	<u>Article 15: Criteria for setting rates of insurance premiums and contributions</u> An insurer puts in place a written underwriting and pricing policy for each class of insurance. Premium rates are based on actuarial premium rates, statistical and financial methods. In setting premium rates as stated in the preceding Paragraph, at least the following is considered: 1° nature of risk insured; 2° sum insured; 3° amount of indemnity or payment; 4° nature of the risk; 5° behaviour of a policyholder; 6° claims ratio. The basis for determining the contribution of	<u>Article 15: Critères de fixation des taux de primes et cotisations d'assurance</u> Un assureur met en place une politique écrite de souscription et des prix pour chaque classe d'assurance. Les taux de prime doivent se baser sur des méthodes actuarielles, statistiques et financières. Lors de la fixation des taux de prime tel qu'indiqué dans l'alinéa précédent, au moins les éléments suivants sont pris en compte : 1° nature du sinistre assuré; 2° somme assurée; 3° montant de l'indemnité ou du paiement; 4° la nature du risque ; 5° le comportement d'un souscripteur d'assurance; 6° le nombre de sinistres survenus; Les critères de fixation de la contribution
--	--	---

w'ubwishingizi mu bigo bya Leta by'ubwishingizi bigenwa n'amategeko abigenga. Ibigo by'ubwishingizi byishyize hamwe ntibyemerewe gushyiraho ikiguzi cy'ubwishingizi gihuriweho. Ibigo by'ubwishingizi ntibyemerewe kwishyira hamwe hagamijwe gushyiraho ikiguzi n'imisanzu by'ubwishingizi. Amabwiriza rusange agena ubundi buryo ikigo cy'ubwishingizi gishingiraho mu kugena ikiguzi n'imisanzu by'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 16:</u> Ingamba zo kurwanya uburiganya Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gushyiraho ingamba zo gukumira, gutahura, kumenyekanisha n'izo kurwanya uburiganya mu murimo w'ubwishingizi. Ibisabwa mu kurwanya uburiganya mu murimo w'ubwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange. Urwego rw'ubugenzuzi rushobora gufata ingamba zihamye zijyanye n'iyubahirizwa ry'amabwiriza avugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.	insurance in public insurers is determined by relevant laws. Insurers organised in associations are not allowed to set common insurance premium rates. Insurers are not allowed to form cartels with a view to set rates of premiums and contributions of insurance. The regulations set out other methods for insurers to set rates of premiums and contributions of insurance. <u>Article 16:</u> Measures for countering fraud An insurer must undertake effective measures to prevent, detect, report and fight against fraud in insurance business. Requirements to counter fraud in insurance business are determined by the regulations. The Supervisory Authority may take appropriate enforcement action to ensure compliance with the regulations referred to in Paragraph two of this article.	d'assurance dans les assureurs publics sont déterminés par les lois en la matière. Les assureurs regroupés en associations ne sont pas autorisés à fixer des taux de prime d'assurance conjoints. Les assureurs ne sont pas autorisés à former des cartels en vue de fixer des taux de primes et de cotisations d'assurance. Les règlements définissent d'autres méthodes utilisées par des assureurs pour fixer les taux de primes et de cotisations d'assurance. <u>Article 16:</u> Mesures de lutte contre la fraude Un assureur doit entreprendre des mesures efficaces de prévention, de détection, de communication et de lutte contre des cas de fraude dans l'activité d'assurance. Les conditions pour lutter contre la fraude dans l'activité d'assurance sont déterminées par les règlements. L'Autorité de contrôle peut prendre des mesures appropriées relatives à la mise en application des règlements visés à l'alinéa deux du présent article.
---	--	---

<u>Ingingo ya 17: Kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba</u> Ikigo cy’ubwishingizi kigomba gufata ingamba zihamye zo kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba. Bitabangamiye ibiteganywa n’amategeko yerekeye kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, Urwego rw’Ubugenzuzi rushobora gushyiraho imirongo-ngenderwaho mu birebana no kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba igomba kugenderwaho n’abarebwa bose n’iri tegeko no gufata ibyemezo bigamije ishyirwa mu bikorwa ryayo. <u>Ingingo ya 18: Guhindura icyicaro gikuru n’ishami by’ikigo cy’ubwishingizi</u> Bitabangamiye ibiteganywa n’andi mategeko, ihinduka iryo ariryo ryose rifitanye isano n’icyicaro gikuru cy’ikigo cy’ubwishingizi ribanza kubonerwa icyemezo cyanditse gitangwa n’Urwego rw’Ubugenzuzi. Ikigo cy’ubwishingizi gishaka gufungura, kwimura cyangwa gufunga aho ishami ryacyo rikorera kigomba kubanza kubyemererwa n’Urwego rw’ubugenzuzi.	<u>Article 17: Anti-money laundering and combating the financing of terrorism</u> An insurer must take effective measures to combat money laundering and the financing of terrorism. Without prejudice to the provisions of the laws for combating money laundering and financing terrorism, the Supervisory Authority may issue specific guidelines in respect of anti-money laundering and combating the financing of terrorism applicable by all parties bound by the provisions of this Law, and take appropriate enforcement measures to ensure their implementation. <u>Article 18: Change of head office and branch of an insurer</u> Without prejudice to other provisions, any change related to the head office of an insurer requires a prior written approval by the Supervisory Authority. An insurer intending to open, relocate or close the office of its branch must secure a prior approval of the Supervisory Authority.	<u>Article 17: Lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme</u> Un assureur doit prendre des mesures efficaces de lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme. Sans préjudice des dispositions légales relatives à la lutte contre le blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme, l’Autorité de contrôle peut édicter des directives spécifiques relatives à la lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme applicables par toutes les parties visées par la présente loi, et prend des mesures appropriées pour son application. <u>Article 18: Changement de siège social et de branche d’un assureur</u> Sans préjudice des dispositions d’autres lois, tout changement relatif au siège social d’un assureur doit préalablement avoir une approbation écrite de l’Autorité de contrôle. Un assureur qui envisage d’ouvrir, de changer ou de fermer le bureau de sa branche doit en obtenir, au préalable, l’approbation de l’Autorité de contrôle.
--	---	--

Amabwiriza rusange agena ibigomba kubahirizwa mu gufungura, kwimura cyangwa gufunga ishami ry'ikigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 19: Ihinduka ry'izina</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ikigo cyigenga cy'ubwishingizi nticemerewe guhindura izina kitabanje kubyemererwa mu nyandiko n'Urwego rw'Ubugenzuzi. <u>Icyiciro cya 2: Amabwiriza Ngenderwaho mu murimo w'ubwishingizi</u> <u>Akicro ka mbere : Imari shingiro n'ubushobozi bwo kwishyura</u> <u>Ingingo ya 20: Imari shingiro itagibwa muni</u> Buri kigo cyigenga cy'ubwishingizi kigomba buri gihe kuba gifite imari shingiro itagibwa muni igenwa n'amabwiriza rusange. Buri mugabane ugize imari shingiro itagibwa muni y'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi ugomba kuba wamaze kwishyurwa wose mbere yo gutangira umurimo w'ubwishingizi. Imari shingiro itagibwa muni y'ikigo cya Leta cy'ubwishingizi igenwa n'amategeko abigenga.	The regulations determine requirements for opening, relocating or closing the office of a branch of an insurer. <u>Article 19: Change of name</u> Without prejudice to other provisions, a private insurer is not allowed to change its name without a prior written approval of the Supervisory Authority. <u>Section 2: Prudential rules in insurance business</u> <u>Sub-Section 1: Capital and solvency</u> <u>Article 20: Minimum paid-up capital</u> A private insurer must ensure that at all times its minimum paid-up share capital is maintained as stipulated by the regulations. Every share making up the minimum share capital of a private insurer must be wholly settled prior to the commencement of insurance business. The minimum share capital requirement of a public insurer is determined by relevant law.	Les règlements déterminent les conditions d'ouverture, de changement ou de fermeture du bureau d'une branche d'un assureur. <u>Article 19: Changement de nom</u> Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un assureur privé ne change pas sa dénomination sociale, sans en avoir préalablement obtenu l'approbation écrite de l'Autorité de contrôle. <u>Section 2 : Exigences prudentielles pour l'activité d'assurance</u> <u>Sous-section 2 : Capital et solvabilité</u> <u>Article 20: Capital minimum libéré</u> Un assureur privé doit s'assurer, à tout moment, qu'il dispose du capital social minimum libéré tel que stipulé dans les règlements. Chaque action constituant le capital social minimum de l'assureur privé doit être entièrement payée avant le début de l'activité d'assurance. Le capital social minimum d'un assureur public est déterminé par la loi en la matière.
---	---	--

<u>Ingingo ya 21: Ibisabwa mu kuzuza imari shingiro ikwiye</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba guhora gifite ubushobozi bwo kwishyura n'imari shingiro bikwiye. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza rusange agaragaza ibisabwa byerekeye kugira ubushobozi bwo kwishyura n'imari shingiro bikwiye kuri buri byiciro by'abishingizi rushingiye ku bwoko, urwego n'imiterere by'umurimo w'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 22: Igipimo kitagibwa munsu cy'ubushobozi bwo kwishyura</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba guhora gifite igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura kitari hasi y'igipimo kitagibwa munsu cy'ubushobozi bwo kwishyura bugenwa n'amabwiriza rusange. Amabwiriza rusange agena igipimo kitagibwa munsu cy'ubushobozi bwo kwishyura bujyanye na buri cyiciro cy'ikigo cy'ubwishingizi cyemewe. Ashobora kandi kugena ibipimo bitagibwa munsu bitandukanye kuri buri cyiciro cy'umurimo cyangwa ikigega cy'ubwishingizi.	<u>Article 21: Capital adequacy requirements</u> An insurer must at all times meet its solvency and capital adequacy requirements. The Supervisory Authority issues regulations specifying the requirements for solvency and capital adequacy for all types of insurers depending on the nature, scale and complexity of the insurance business. <u>Article 22: Minimum solvency margin</u> An insurer must ensure that at all times it maintains a solvency margin not less than the minimum solvency margin calculated in accordance with the regulations. The regulations determine the minimum solvency margin that applies to each category of licenced insurer. It may also specify different minimums by category of insurance business or fund.	<u>Article 21 : Exigences du capital adéquat</u> Un assureur doit à tout moment, veiller à ce que les exigences relatives à l'adéquation de la solvabilité et du capital soient respectées. L'Autorité de contrôle édicte les règlements définissant les conditions d'adéquation de solvabilité et du capital pour toutes les catégories d'assureurs selon la nature, la taille et la complexité de l'activité d'assurance. <u>Article 22: Marge minimum de solvabilité</u> Un assureur doit s'assurer à tout moment que la marge minimum de solvabilité n'est pas en dessous de la marge minimum de solvabilité calculée selon des règlements. Les règlements déterminent la marge minimum de solvabilité qui s'applique à chaque catégorie d'assureur agréé. Il peut également déterminer différents minima par catégorie d'activité ou de fond d'assurance.
---	---	--

<u>Ingingo ya 23: Igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura cyagenwe</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba guhora gifite igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura. Ingano y'igipimo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo igenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 24: Kongera imari shingiro</u> Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze ari ngombwa rushingiye ku miterere y'umurimo w'ubwishingizi ukorwa cyangwa uteganywa gukorwa n'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi, rushobora gushyiraho amabwiriza yanditse asaba ikigo cyigenga cy'ubwishingizi ibi bikurikira: 1° kuzamura imari shingiro ikarenga imari-shingiro itagibwa munsu iteganywa n'amabwiriza rusange; 2° kugumana ubushobozi bwo kwishyura busabwa buri hejuru y'igipimo ntarengwa cy'ubushobozi bwo kwishyura cyagenwe buteganywa n'amabwiriza rusange. Amabwiriza ateganiywe mu gika cya mbere	<u>Article 23: Prescribed solvency margin</u> An insurer must at all times maintain its solvency margin. The solvency margin referred to under Paragraph One of this Article is determined in the regulations. <u>Article 24: Increasing capital</u> If the Supervisory Authority considers it appropriate, having regard to the nature and the extent of the insurance business carried out or proposed to be carried out, by a private insurer, it may at any time issue written directives to the private insurer requiring the following: 1° to increase its paid-up share capital to an amount higher than the minimum paid up capital specified in the regulations; 2° to maintain a solvency margin that is higher than the prescribed solvency margin specified in the regulations. The directives provided for under Paragraph	<u>Article 23 : Marge de solvabilité prescrite</u> Un assureur doit à tout moment maintenir sa marge de solvabilité. La marge de solvabilité visée à l'alinéa premier du présent article est déterminée par les règlements. <u>Article 24 : Augmentation du capital</u> Si l'Autorité de contrôle l'estime nécessaire, considération faite de la nature et l'étendue de l'activité d'assurance exercée ou proposée par un assureur privé, elle peut, à tout moment, donner à l'assureur privé des directives écrites lui exigeant ce qui suit : 1° porter son capital social à un montant supérieur au capital minimum prévu par les règlements; 2° maintenir une marge de solvabilité supérieure à la marge de solvabilité prescrite prévue par les règlements. Les directives prévues à l'alinéa premier du
---	---	---

cy'iyi ngingo agena igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'iyi ngingo. <u>Ingingo ya 25: Kumenyekanisha ko igipimo ntarengwa cy'ubushobozi bwo kwishyura kitazubahirizwa</u> Iyo ubushobozi bw'ikigo cy'ubwishingizi bwo kwishyura bugiye munsu y'igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura cyagenwe, kigomba guhita kibimenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi mu nyandiko kigaragaza ingamba cyafashe zo kukizamura. Buri wese mu bagize Inama y'ubutegetsi cyangwa Ubuyobozi bukuru n'umukozi wese w'ikigo cy'ubwishingizi, uzi cyangwa afite impamvu yo gukuka ko kitazashobora kubahiriza ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agomba guhita abimenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi. <u>Ingingo ya 26: Ingamba zo gukosora</u> Ikigo cy'ubwishingizi kitubahirije imari shingiro itagibwa munsu n'ubushobozi bwo kwishyura bisabwa gifatirwa ingamba zo gukosora ziteganywa n'amabwiriza rusange.	One of this Article specify the period for the implementation of the provisions of points 1° and 2° of this Article. <u>Article 25: Notification of failure to comply with solvency margin</u> If the solvency margin of an insurer falls below the prescribed solvency margin required, the insurer must immediately submit to the Supervisory Authority a written notice specifying the measures undertaken to increase it. Any member of the Board of Directors or the senior management and any employee of an insurer, who knows or has reason to suspect that it is not able to comply with the requirements of the Paragraph One of this Article, must immediately notify the Supervisory Authority. <u>Article 26: Remedial actions</u> An insurer who fails to comply with the minimum capital and solvency requirements is subject to remedial actions as provided for by the regulations.	présent article précisent les délais de mise en application des dispositions des points 1° et 2° du présent article. <u>Article 25 : Notification de non- conformité à la marge de solvabilité</u> Si la marge de solvabilité d'un assureur tombe en-dessous de la marge de solvabilité prescrite exigée, l'assureur doit immédiatement en informer l'Autorité de contrôle par écrit en précisant les mesures de redressement entreprises. Tout membre du Conseil d'administration ou de la direction générale et tout employé d'un assureur, qui sait ou a des raisons de suspecter qu'il n'est pas en mesure de se conformer aux exigences de l'alinéa premier du présent article, doit en informer immédiatement l'Autorité de contrôle. <u>Article 26: Mesures correctives</u> Un assureur qui ne se conforme pas aux exigences relatives au capital minimum et celles de solvabilité est assujetti aux mesures de redressement prévues par les règlements.
---	--	---

<u>Ingingo ya 27: Gusabwa guhorana amafaranga y'ingoboka akwiye</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba buri gihe kugira igipimo cy'amafaranga y'ingoboka gikwiye kandi gihamye kuri buri bwoko bw'umurimo w'ubwishingizi gitanga. Kuri buri cyiciro cy'ubwishingizi no kuri buri bwoko bw'ubwishingizi, Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza akena ibi bikurikira: 1° ibyiciro by'amafaranga y'ingoboka cyangwa ibyo ikigo cy'ubwishingizi cyaryozwa cyemeye mu masezerano bigomba kugenwa no kubahirizwa nacyo; 2° uburyo n'ibigomba gushingirwaho mu kugena umubare w'amafaranga y'ingoboka agomba guhoraho.	<u>Article 27: Requirement to maintain appropriate technical provisions</u> An insurer must maintain at all times an appropriate and adequate level of technical provisions for each class of insurance business that it underwrites. For each category and class of insurance, the Supervisory Authority issues directives specifying the following: 1° categories of technical provisions or policy liabilities required to be determined and maintained by the insurer; 2° methods and assumptions to be applied in the determination of the amount of technical provisions to be maintained.	<u>Article 27: Exigence de maintenir des provisions techniques appropriées</u> Un assureur doit garder à tout moment un niveau approprié et adéquat des provisions techniques pour chaque classe d'assurance qu'il garantit. Pour chaque catégorie et classe d'assurance, l'Autorité de contrôle édicte les directives spécifiant ce qui suit : 1° catégories des provisions techniques ou des obligations découlant des polices exigées et devant être déterminées et maintenues par l'assureur; 2° méthodes et estimations à appliquer lors de la détermination du montant des provisions techniques à maintenir.
<u>Akicro ka 2: Ishoramari ry'Ikigo cy'ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 28: Ubushishozi mu ishoramari</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba kugira gahunda y'ishoramari idahungabanya imari yacyo,	<u>Sub-Section 2: Investments of an insurer</u> <u>Article 28: Prudent investment rule</u> An insurer must have an investment policy that ensures its financial soundness, protects its	<u>Sous-Section 2 : Investissements d'un assureur</u> <u>Article 28 : Règle prudentielle d'investissement</u> Un assureur doit avoir une politique d'investissement qui assure sa solidité

irengera inyungu z'abafatabwishingizi kandi itagishyira mu ngorane. <u>Ingingo ya 29: Amabwiriza ngenderwaho mu ishoramari</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 28 y'iri tegeko, amabwiriza rusange agena ibi bikurikira: 1° ibigenderwaho bitandukanye mu ishoramari kuri buri cyiciro cy'umurimo w'ubwishingizi; 2° ibipimo ntarengwa mu ishoramari no kuri buri rwego rw'ibigomba gushorwamo imari by'umutungo wose w'ikigo cy'ubwishingizi; 3° ibyo ikigo cy'ubwishingizi gisabwa mu micungire n'imiterere kugira ngo kigire uburyo buhamye bwo gucunga ishoramari; 4° ibindi byose byagenderwaho bifite aho bihurira n'ibikorwa by'ishoramari. <u>Ingingo ya 30: Ishoramari mu nyandiko y'imari ikomoka ku mutungo</u> Ishoramari iryo ari ryo ryose mu nyandiko y'imari ikomoka ku mutungo cyangwa ishyirwa	policyholders' interests and do not expose it to risks. <u>Article 29: Investment guidelines</u> Without prejudice to provisions of Article 28 of this Law, the regulations determine the following: 1° different guidelines for investments for each category of insurance business; 2° minimum and maximum investments exposure for each category of investment portfolio of the insurer's total assets; 3° the requirements that the insurer's must fulfil so that it can have adequate managerial and organisational resources to manage its investments; 4° Any other guidelines relating to investment activities. <u>Article 30: Investment in derivatives</u> Any investment in derivative financial instruments or issuance of derivative financial	financière, protège les intérêts des souscripteurs d'assurance et ne l'expose pas aux risques. <u>Article 29 : Lignes directives d'investissement</u> Sans préjudice des dispositions de l'article 28 de la présente loi, les règlements déterminent ce qui suit : 1° les différentes lignes directives d'investissements pour chaque catégorie d'assurance; 2° les limites d'engagement d'investissement pour chaque catégorie du portefeuille d'investissement par rapport à l'actif total de l'assureur; 3° des conditions que l'assureur doit remplir afin de jouir d'une organisation et gestion adéquates requises pour contrôler ses investissements; 4° toutes autres directives relatives aux activités d'investissement. <u>Article 30 : Investissement dans les produits dérivés</u> Tout investissement dans des produits dérivés d'instruments financiers ou l'émission de ceux-
---	--	---

ku isoko ryazo bigomba kubanza kwemerwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Amabwiriza rusange akena ibisabwa kugira ngo ikigo cy'ubwishingizi cyemererwe gushora imari mu nyandiko y'imari ikomoka ku mutungo cyangwa ishyirwa ku isoko ryayo. <u>Ingingo ya 31: Ibikorwa bisaba kubanza kwemererwa</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ikigo cy'ubwishingizi kitabanje kubyemererwa mu nyandiko n'Urwego rw'Ubugenzuzi ntigishobora gukora ibi bikurikira: 1° kugura imigabane yacyo bwite, gutanga inguzanyo cyangwa avansi zishingiwe n'imigabane yacyo bwite; 2° guha inguzanyo ufutanye isano n'ikigo cy'ubwishingizi ; 3° gutanga inguzanyo idafite ingwate; 4° gutanga ingwate ku nguzanyo yatanze n'undi muntu; 5° kugwiriza umutungo wacyo ; 6° gutanga cyangwa guhindura imigabane iyo ariyo yose itanga uburenganzira	instruments must seek prior approval of the Supervisory Authority. The regulations determine the requirements for an insurer to be authorised to invest in derivative financial instruments or issuance of derivative financial instruments. <u>Article 31: Operations subject to a prior approval</u> Without prejudice to provisions of other laws, an insurer is not allowed, without a prior written approval of the Supervisory Authority, to do the following: 1° to purchase its own shares or lend money or make advances on the security of its own shares; 2° to lend any of its funds to a person related to the insurer; 3° to grant unsecured credit; 4° to provide any guarantee for a loan granted by another person; 5° to mortgage its assets; 6° to issue or convert any shares that give preferential right in determining capital	ci exige l'accord préalable de l'Autorité de contrôle. Les règlements déterminent les conditions requises pour qu'un assureur soit autorisé à investir dans des produits dérivés d'instruments financiers ou procéder à l'émission de ceux-ci. <u>Article 31 : Activités soumises à l'approbation préalable</u> Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un assureur ne peut faire ce qui suit, sans l'autorisation préalable écrite de l'Autorité de contrôle : 1° acheter ses propres actions ou prêter l'argent ou faire les avances garanties par ses propres actions; 2° prêter une partie de ses fonds à une personne liée à l'assureur; 3° donner un crédit sans garantie; 4° donner une garantie pour un prêt accordé par une autre personne; 5° hypothéquer son patrimoine ; 6° émettre ou convertir toute action donnant droit de préférence à la
--	---	---

bwo kurutishwa abandi mu kugena imari shingiro cyangwa inyungu; 7° guhindura imigabane yacyo iva mu cyiciro kimwe ijya mu kindi; 8° guhindura imwe mu migabane imigabane-nguzanyo; 9° guhamagarira abantu kuguramo imigabane-nguzanyo; 10° kugabanya imari shingiro. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kugena ibindi bikorwa bisaba kubanza kwemererwa. <u>Akicro ka 3: Icungamutungo na raporo z'ibaruramari</u> <u>Ingingo ya 32: Inyandiko z'ibaruramari</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, Ikigo cy'ubwishingizi kigomba kugira konti zicunzwe mu buryo bwubahiriza amahame nk'uko bigenwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza agaragaza ibi bikurikira:	or profit; 7° to convert its shares from one category to another; 8° to convert one of the shares to debentures; 9° to invite the public to subscribe for debentures; 10° to reduce the share capital. The Supervisory Authority may prescribe other activities that require prior approval. <u>Sub-Section 3: Accounting and financial reports</u> <u>Article 32: Accounting records</u> Without prejudice to provisions of other laws, an insurer must maintain its accounts in accordance with accounting principles as directed by the Supervisory Authority. The Supervisory Authority may issue directives specifying the following:	détermination du capital ou du bénéfice; 7° faire passer ses actions d'une catégorie à une autre; 8° convertir l'une des actions en débentures; 9° inviter le public à souscrire des débentures; 10° réduire le capital social. L'Autorité de contrôle peut prescrire d'autres activités qui nécessitent une approbation préalable. <u>Sous-Section 3 : Comptabilité et rapports financiers</u> <u>Article 32 : Pièces comptables</u> Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un assureur doit maintenir ses comptes selon des règles comptables telles qu'il est demandé par l'Autorité de contrôle. L'Autorité de contrôle peut édicter les directives spécifiant ce qui suit :
--	--	--

1° imiterere n'uburyo inyandiko z'ibaruramari z'ikigo cy'ubwishingizi zigomba kubikwa; 2° raporo zigomba kubikwa nka bimwe mu bigize inyandiko z'ibaruramari z'ikigo cy'ubwishingizi; 3° ibindi bisabwa bireba inyandiko z'ibaruramari z'ikigo cy'ubwishingizi. Inyandiko z'ibaruramari z'ikigo cy'ubwishingizi bibikwa ku cyicaro cyacyo gikuru cyangwa ahandi hose ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda keretse biteganyijwe ukundi n'andi mategeko. <u>Ingingo ya 33: Ishyirwaho ry'ibigega bya buri bwoko bw'ubwishingizi</u> Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho kandi gihorana ikigega cy'ubwishingizi cya buri bwoko bw'ubwishingizi gitanga cyangwa itsinda ry'abishingiwe. Umutungo w'ikigega kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ukoreshwa gusa mu bikorwa by'ubwoko bw'ubwishingizi bujyanye na cyo. Amabwiriza rusange agena imikoreshereze	1° the form and manner in which accounting records of an insurer are maintained; 2° records to be kept as part of an insurer's accounting records; 3° Other requirements applicable to the accounting records of the insurer. The accounting records of an insurer are kept at its head office or elsewhere on the territory of the Republic of Rwanda unless otherwise provided by other laws. <u>Article 33: Establishment of separate insurance funds</u> An insurer establishes and maintain a separate insurance fund in respect of any class of insurance it underwrites or any distinct group of insured persons. Resources of each fund referred to under Paragraph One of this Article are exclusively spent on operations pertaining to class of insurance. The regulations prescribe the use and	1° la forme et la façon dont les pièces comptables d'un assureur doivent être tenues; 2° les pièces devant être gardées comme pièces comptables d'un assureur; 3° autres exigences applicables aux pièces comptables de l'assureur. Les pièces comptables d'un assureur sont gardées à son siège social ou à n'importe quel autre lieu du territoire de la République du Rwanda sauf disposition contraire d'autres lois. <u>Article 33 : Mise en place des fonds séparés d'assurance</u> Un assureur met en place et maintien des fonds séparés d'assurance correspondants à chaque classe d'assurance qu'il pourvoit ou de n'importe quel groupe distinct de personnes assurées. Les ressources de chaque fonds mentionné à l'alinéa premier du présent article sont exclusivement consacrées aux opérations relevant de la classe d'assurance y afférente. Les règlements régissent l'utilisation et
---	--	--

n'ishoramari rya buri kigega cy'ubwishingizi, imenyekanisha cyangwa iyishyurwa ry'inyungu ku banyamigabane n'uduhimbazamusi tw'abafatabwishingizi n'itangwa ry'urwunguko iryo ari ryo ryose. Aya mabwiriza rusange agera kuri imikoranyire hagati ya buri kigega.	investment of a separate insurance fund, declaration or payment of dividends to shareholders or bonuses to policyholders, and allocation of any surplus. The regulations also establish the relationship among funds.	l'investissement des fonds séparés d'assurance, la déclaration ou le paiement des dividendes aux actionnaires ou bonus aux souscripteurs d'assurance et l'allocation de n'importe quel excédent. Les mêmes règlements portent la nature de rapports entre les fonds.
<u>Ingingo ya 34: Ibipimo ngenderwaho mu gukora raporo y'imari</u> Raporo z'imari z'ikigo cy'ubwishingizi zagenzuwe kuri zatangajwe zubahiriza amahame mpuzamahanga yo gutanga raporo z'imikoreshereje y'imari, nk'uko bishyirwa mu bikorwa mu Rwanda. Ikigo cy'ubwishingizi gifite andi masosiyete cyabyaye gikora raporo y'imari yacyo na raporo y'imari ikomatanyije.	<u>Article 34: Standards for financial statements preparation</u> The audited and published financial statements of an insurer comply with International Financial Reporting Standards (IFRS), as implemented in Rwanda. An insurer with subsidiaries prepares its financial statements and consolidated financial statements.	<u>Article 34 : Normes pour la préparation des états financiers</u> Les états financiers audités et publiés d'un assureur se conforment aux normes internationales d'information financière (IFRS), telles qu'elles sont mises en application au Rwanda. Un assureur ayant des filiales doit préparer ses états financiers ainsi que les états financiers consolidés.
<u>Ingingo ya 35: Raporo z'imari zigenzuwe</u> Raporo z'imari z'ikigo cy'ubwishingizi zigenzuwe, zigizwe n'ibi bikurikira: 1° raporo y'uko imari y'ikigo cy'ubwishingizi ihagaze nk'uko bimeze ku itariki y'ishusho y'umutungo wacyo; 2° raporo y'ibaruramutungo igaragaza inyungu cyangwa igihombo mu irangira	<u>Article 35: Audited financial statements</u> Audited financial statements of an insurer comprise the following: 1° statement of the financial position of the insurer as at its reporting date; 2° statement of comprehensive income in relation to the financial year ending on	<u>Article 35 : États financiers audités</u> Les états financiers audités d'un assureur comprennent ce qui suit : 1° état de la situation financière de l'assureur à la date de son bilan; 2° comptes des résultats en rapport avec l'exercice financier prenant fin à la date

ry'umwaka w'imari kandi ku itariki y'ishusho y'umutungo; 3° raporo y'ikigo cy'ubwishingizi ku mafaranga yinjiye n'ayasohotse abarwa mu irangira ry'umwaka w'imari ku itariki y'ishusho y'umutungo; 4° raporo y'impinduka ku mari shingiro rusange; 5° urwunguko rukomoka kuri buri bwoko bw'umurimo w'ubwishingizi gitanga; 6° indi nyandiko yose itanga amakuru avugwa mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° tw'iyi ngingo. Ikigo cy'ubwishingizi giha Urwego rw'Ubugenzuzi raporo y'imari yagenzuwe mu gihe kitarenze amezi atatu (3) umwaka wacyo w'imari urangiye. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho Amabwiriza rusange agera ibisabwa byerekeye itegura, imiterere cyangwa ibibazo byashyirwa muri raporo y'imari igomba gutegurwa n'ikigo cy'ubwishingizi.	its reporting date; 3° statement of cash flows for the insurer in relation to the financial year ending on its reporting date; 4° statement on changes in equity; 5° performance from each class of insurance business it underwrites; 6° any other document providing information relating to the matters specified in items 1°, 2° and 3° of this Article. An insurer submits to the Supervisory Authority the audited financial statements within three (3) months after the end of its financial year. The Supervisory Authority issues regulations specifying requirements with respect to the preparation, format or matters to be contained in the audited financial statements to be prepared by an insurer.	de son bilan; 3° état du flux de trésorerie de l'assureur en rapport avec l'exercice financier prenant fin à la date de son bilan; 4° rapport sur le changement du capital social; 5° rentabilité de chaque classe d'activité d'assurance qu'il pourvoit; 6° autre document donnant des informations sur les éléments visés aux points 1°, 2° et 3° du présent article. Un assureur transmet à l'Autorité de contrôle les états financiers audités endéans trois (3) mois suivant la fin de son exercice financier. L'Autorité de contrôle édicte des règlements spécifiant les exigences relatives à la préparation, la forme ou les éléments devant être contenus dans les états financiers que l'assureur doit préparer.
--	---	--

<u>Ingingo ya 36: Inshingano yo gutanga raporo z'imari z'itsinda ry'amasosiyete</u> Mu gihe ikigo cy'ubwishingizi ari kimwe mu masosiyete yishyize hamwe mu itsinda, icyo kigo kigomba gutanga raporo z'imari zikomatanyije z'iryo tsinda ry'amasosiyete ku Rwego rw'Ubugenzuzi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza rusange agena imiterere n'ibigize raporo zikomatanyije zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. <u>Akiciro ka 4: Igenzurwa ry'ikigo cy'ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 37: Iyemererwa n'ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari wigenga.</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho urutonde ruhujwe n'igihe rw'abagenzuzi bigenga bemerewe gukora ubugenzuzi bw'imari mu biko by'ubwishingizi. Buri kigo cy'ubwishingizi kigomba gushyiraho umugenzuzi w'imari wigenga uri ku rutonde ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Ikigo cy'ubwishingizi kidashoboye gushyiraho uwo mugenzuzi mu gihe cyagenwe, Urwego	<u>Article 36: Obligation to submit accounts of a group of companies</u> Where an insurer is a member of a group of companies, such an insurer must submit consolidated accounts of such a group of companies to the Supervisory Authority. The Supervisory Authority issues regulations specifying the form and content of group consolidated accounts referred to in Paragraph One of this Article. <u>Sub-Section 4: Audit of an insurer</u> <u>Article 37: Accreditation and appointment of an external auditor</u> The Supervisory Authority publishes an updated list of external auditors accredited to perform external audit activities in insurers. Every insurer must appoint an external auditor who is on the list referred to in Paragraph One of this Article. In case an insurer is unable to appoint an external auditor in a specified period, the	<u>Article 36: Obligation de présenter les comptes d'un groupe de sociétés</u> Dans le cas où un assureur est un membre d'un groupe de sociétés, cet assureur doit présenter à l'Autorité de contrôle les comptes consolidés de ce groupe de sociétés. L'Autorité de contrôle met en place des règlements déterminant la forme et le contenu des comptes consolidés de groupe visés à l'alinéa premier du présent article. <u>Sous-section 4 : Audit d'un assureur</u> <u>Article 37: Accréditation et nomination d'un auditeur externe</u> L'Autorité de contrôle publie une liste actualisée des auditeurs externes accrédités à réaliser les activités d'audit externe au sein des assureurs. Chaque assureur désigne un auditeur externe qui figure sur la liste visée à l'alinéa premier du présent article. Lorsqu'un assureur n'arrive pas à désigner un auditeur externe dans un délai prévu, l'Autorité
---	---	---

rw'Ubugenzuzi rumushyiraho kandi igihembo cy'uwo mugenzuzi cyishyurwa n'ikigo cy'ubwishingizi. Uburyo bwo kwemererwa, gushyirwaho na manda by'umugenzuzi w'imari wigenga bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 38:</u> Inshingano z'umugenzuzi w'imari wigenga Umugenzuzi w'imari wigenga mu gihe akora akazi ke, ashyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi ako kanya ibyo yabonye byose byerekeye ibikorwa by'ikigo cy'ubwishingizi kandi bigaragaza ko: 1° ikigo cy'ubwishingizi kidafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda cyangwa bishoboka ko cyabura ubwo bushobozi, cyangwa se bishoboka ko kitazabasha kubahiriza inshingano zacyo; 2° icyaha cyakozwe cyangwa kirimo gukorwa mu kigo cy'ubwishingizi gifitanye isano n'umurimo wacyo; 3° ikigo cy'ubwishingizi kigaragaza intege nke mu igenzuramikorere ryacyo bwite zatuma kijegajega ku birebana no	Supervisory Authority appoints him or her and the fee of the external auditor is paid by the insurer. Procedure for accreditation, appointment and term of office of an external auditor are determined by the regulations. <u>Article 38</u> Duties of an external auditor An external auditor, while on duty, reports immediately to the Supervisory Authority any information relating to the affairs of the insurer that he or she has obtained and indicates that: 1° the insurer is insolvent or is likely to become insolvent or is likely to be unable to comply with its obligations; 2° a criminal offence has been or is being committed by the insurer in connection with its business; 3° the insurer experiences significant weaknesses in its internal controls which render it vulnerable to significant	de contrôle le nomme et les honoraires de cet auditeur sont payés par l'assureur. La procédure d'accréditation, la désignation et le mandat d'un auditeur externe sont déterminés par les règlements. <u>Article 38</u> : Attributions d'un auditeur externe Lorsqu'il est en service, l'auditeur externe doit immédiatement communiquer à l'Autorité de contrôle toute information relative aux affaires de l'assureur et qui indique que : 1° l'assureur est insolvable, qu'il est susceptible de le devenir ou pourrait ne pas être en mesure d'honorer ses obligations; 2° une infraction a été ou est en train d'être commise par l'assureur dans le cadre de son activité; 3° l'assureur éprouve des faiblesses manifestes dans ses contrôles internes qui le rendent vulnérable à des risques
--	---	---

guhangana n'ingorane cyangwa ibyishingiwe bikomeye byaba intandaro yo guhungabanya imari yacyo; 4° ikigo cy'ubwishingizi kitubahiriza iri tegeko cyangwa amabwiriza arishingiyeho; 5° ikigo cy'ubwishingizi kitubahiriza amategeko n'amabwiriza yerekeye kurwanya iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba umugenzuzi wigenga gusobanura ibikubiye mu igenzura iryo ari ryo ryose yakoze cyangwa yatangiye, cyangwa kuruha ibisobanuro by'inyongera byerekeye iryo genzura. Rushobora kandi kumusaba gutegura raporo y'inyongera ku igenzura ryakozwe. Amafaranga yakoreshejwe mu ikorwa rya raporo y'inyongera yishyurwa n'ikigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 39: Irangira ry'imirimo y'umugenzuzi w'imari wigenga</u> Iyo igihe umugenzuzi w'imari wigenga yashyiriweho kirangiye cyangwa yeguye, agomba:	risks or exposures that have the potential to jeopardise its financial viability; 4° there is a breach of this Law or related regulations by the insurer; 5° the insurer does not comply with laws and regulations relating to combatting money laundering and financing terrorism. The Supervisory Authority may require the external auditor to discuss any audit he or she has conducted or commenced, or provide it with additional information regarding the audit. It may also require him or her to prepare an additional report on the audit conducted. The fee charged for the additional report is borne by the insurer. <u>Article 39: Termination of the duties of an external auditor</u> When the term of office for external auditor expires or when he or she resigns, he or she must:	significatifs ou à des expositions pouvant potentiellement compromettre la viabilité financière de l'assureur; 4° il y a une violation de la présente loi ou de ses règlements commise par l'assureur; 5° l'assureur ne se conforme pas aux lois et règlements relatifs à la lutte contre le blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme. L'Autorité de contrôle peut demander à l'auditeur externe de discuter tout audit qu'il a effectué ou initié ou de lui fournir des informations supplémentaires y relatives. Elle peut aussi lui demander de préparer un rapport supplémentaire sur l'audit fait. Les frais utilisés en rapport avec le rapport additionnel sont payés par l'assureur. <u>Article 39: Cessation des fonctions de l'auditeur externe</u> Au terme du mandat de l'auditeur externe ou lorsque l'auditeur externe démissionne, celui-ci doit :
--	--	--

1° kumenyesha Urwego rw'Ubugenzuzi ako kanya ko igihe yashyiriweho cyarangiyeye cyangwa yeguye kandi akarumenyesha impamvu yabiteye; 2° iyo, kubera irangira ry'igihe yashyiriweho cyangwa iyegura rye, yagombye kuba yarashyikirije Urwego rw'Ubugenzuzi ibyo yabonye hakurikijwe ingingo ya 38 y'iri tegeko, agomba kubishyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi. <u>Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'iyemererwa ry'umugenzuzi w'imari wigenga</u> Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rubonye ko umugenzuzi w'imari wigenga yananiwe kurangiza inshingano ze cyangwa atacyujye ibisabwa kugira ngo akore nk'umugenzuzi w'imari wigenga, Urwego rw'Ubugenzuzi rumenyesha ikigo cy'ubwishingizi mu nyandiko, ko ruvanyeho iyemererwa ry'uwo mugenzuzi w'imari wigenga. Kopi y'inyandiko ivanaho iyemererwa ry'umugenzuzi w'imari wigenga ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, igomba gushyikirizwa umugenzuzi w'imari wigenga. Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho undi	1° immediately inform the Supervisory Authority about the termination of his or her appointment or his or her resignation, and disclose to it circumstances that led to such termination or resignation; 2° if, for the expiration of the mandate or upon resignation, he or she would have reported to the Supervisory Authority his or her findings in accordance with Article 38 of this Law, he or she must report them to the Supervisory Authority. <u>Article 40: Revocation of accreditation of an external auditor</u> Where the Supervisory Authority finds that the external auditor has failed to fulfil his or her obligations or is no longer fulfilling the requirement to act as an external auditor, the Supervisory Authority inform the insurer in writing that it revokes the accreditation of such an external auditor. A copy of the notice revoking the accreditation of an external auditor referred to under Paragraph One of this Article must be submitted to the external auditor. The insurer appoints a new external auditor in	1° immédiatement informer l'Autorité de contrôle de la fin de ses fonctions ou de sa démission et lui indiquer les circonstances qui sont à la base de la cessation de ses fonctions ou de sa démission; 2° si, la cessation de ses fonctions ou sa démission intervient avant qu'il n'ait communiqué des informations à l'Autorité de contrôle en vertu de l'article 38 de la présente loi, il communique ces informations à l'Autorité de contrôle. <u>Article 40: Révocation d'accréditation d'un auditeur externe</u> Lorsque l'Autorité de contrôle estime que l'auditeur externe a manqué à ses obligations ou lorsqu'il ne remplit plus les conditions requises pour agir en qualité d'auditeur externe, elle informe l'assureur par un avis écrit qu'elle révoque l'accréditation de cet auditeur externe. Une copie d'avis de révocation d'accréditation d'un auditeur externe en vertu de l'alinéa premier du présent article doit lui être signifié. L'assureur désigne un nouvel auditeur externe
---	--	--

mugenzuzi w'imari wigenga mushya hakurikijwe iri tegeko. Iyo ikigo cy'ubwishingizi kinaniwe gushyiraho undi mugenzuzi wigenga, Urwego rw'Ubugenzuzi rumushyiraho kandi igihembo cye kikishyurwa n'ikigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 41: Raporo z'imari zifite inenge</u> Ikigo cy'ubwishingizi gitanze raporo z'imari zifite inenge n'andi makuru yerekeye imari bitari ukuri cyangwa bituzuye gihabwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'amabwiriza rusange. Umugenzuzi w'imari wigenga wemeje raporo z'imari zifite inenge ahabwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 42: Itangazwa rya raporo z'imari zigenzuwe na raporo zitangwa buri mwaka</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gutangaza raporo z'imari zigenzuwe n'andi makuru yose Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba mu kinyamakuru cyandika kandi gisomwa na benshi muri Repubulika y'u Rwanda no ku rubuga rwa interineti rw'icyo kigo cy'ubwishingizi.	accordance with this Law. If an insurer fails to appoint a new external auditor, the Supervisory Authority appoints him or her and his or her fee is borne by the insurer. <u>Article 41: Defective financial statements</u> An insurer that submits defective financial statements and any other financial information which are inaccurate or incomplete is liable to administrative sanctions determined by the regulations. An external auditor who certifies defective financial statements is liable to administrative sanctions as determined by the regulations. <u>Article 42: Publication of audited financial statements and annual reports</u> An insurer must publish the audited financial statements and any other information as may be prescribed by the Supervisory Authority in a widely circulated newspaper published in the Republic of Rwanda and on its website.	conformément à la présente loi. Si un assureur n'arrive pas à nommer un nouvel auditeur externe, l'Autorité de contrôle le désigne et ses honoraires sont à la charge de l'assureur. <u>Article 41 : États financiers défectueux</u> Un assureur qui présente des états financiers défectueux et toute autre information financière qui sont faux ou incomplets est passible des sanctions administratives déterminées par les règlements. Un auditeur externe qui certifie des états financiers défectueux est passible des sanctions administratives déterminées par les règlements. <u>Article 42 : Publication des états financiers audités et des rapports annuels</u> Un assureur doit publier ses états financiers et toute autre information telle qu'il peut être prescrit par l'Autorité de contrôle, dans un journal à large diffusion publié dans la République du Rwanda et sur son site web.
--	---	---

Bitabangamiye ibiteganywa n’itegeko rigenga amasosiyete y’ubucuruzi, ikigo cy’ubwishingizi gitangaza raporo ya buri mwaka igaragaza uko imari ihagaze, imikorere, ibibazo, uburyo bwo kubikemura n’imiyoborere y’ikigo. Ibigenderwaho mu gutangaza raporo z’imari zigenzuwe na raporo ya buri mwaka z’ibigo by’ubwishingizi bigenwa n’amabwiriza rusange. <u>Akicro ka 5: Impuguke mu mibare y’ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 43: Ishyirwaho ry’impuguke mu mibare y’ubwishingizi</u> Urwego rw’Ubugenzuzi rushyiraho urutonde ruhujwe n’igihe rw’impuguke mu mibare y’ubwishingizi. Buri kigo cy’ubwishingizi kigomba gushyiraho impuguke mu mibare y’ubwishingizi iri ku rutonde ruvugwa mu gika kibanziriza iki. Ibisabwa mu kwemerera impuguke mu mibare y’ubwishingizi, inshingano na manda byayo bigenwa n’amabwiriza rusange.	Without prejudice to the provisions of the Law relating to companies, an insurer publishes an annual report that reflects its financial conditions, performance, risk exposures, risk management strategies and corporate governance structure. Procedures for publishing the audited financial statements and annual reports of insurers are determined by the regulations. <u>Sub-Section 5: Actuaries</u> <u>Article 43: Appointment of actuaries</u> The Supervisory Authority publishes an updated list of actuaries. Every insurer must appoint an actuary listed on the list referred to in the previous Paragraph. Criteria for accrediting an actuary, duties and term of office of an actuary are determined by the regulations.	Sans préjudice des exigences de la loi relative aux sociétés commerciales, l’assureur publie un rapport annuel sur ses conditions financières, performance, expositions au risque, stratégies de gestion des risques et structure de gouvernance de la société. Les procédures de publication des états financiers audités et des rapports annuels des assureurs sont déterminées par les règlements. <u>Sous-Section 5 : Actuaire</u> <u>Article 43 : Nomination des actuaire</u> L’Autorité de contrôle publie une liste actualisée des actuaire. Chaque assureur doit désigner un actuaire figurant sur la liste visée à l’alinéa précédent. Les critères d’accréditation d’un actuaire, les attributions et le mandat d’un actuaire sont déterminés par les règlements.
---	---	--

<u>Ingingo ya 44:</u> Isesengura ryimbitse rikorwa n'impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho Urwego rw'Ubugenzuzi rukoresheje inyandiko, rushobora gutegeka ikigo cy'ubwishingizi gusaba impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho gukora isesengura ryimbitse. Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze ari ngombwa rushobora gutegeka impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho n'ikigo cy'ubwishingizi cyangwa indi mpuguke mu mibare y'ubwishingizi gukora isesengura rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Muri ibyo bihe byombi, amafaranga yakoreshejwe mu isesengura ry'imibare y'ubwishingizi yishyurwa n'ikigo cy'ubwishingizi. Impuguke mu mibare y'ubwishingizi ivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri by'iyi ngingo ishyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi n'ikigo cy'ubwishingizi raporo y'isesengura. <u>Ingingo ya 45:</u> Ivanwaho ry'iyemererwa ry'impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rubonye ko impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho yananiwe kurangiza inshingano zayo cyangwa itacyujije ibisabwa kugira ngo	<u>Article 44:</u> Thorough investigation carried out by an appointed actuary The Supervisory Authority may, by a written notice, direct an insurer to require an appointed actuary to carry out a thorough investigation. The Supervisory Authority may, if it considers it appropriate, direct an actuary appointed by an insurer or any other actuary to carry out an investigation referred to in Paragraph One of this Article. In both cases, the cost of actuarial investigation is borne by the insurer. The actuary referred to in Paragraphs One and 2 of this Article submits the actuarial investigation report to the Supervisory Authority and to the insurer. <u>Article 45:</u> Revocation of the accreditation of an appointed actuary If the Supervisory Authority finds that the appointed actuary has failed to fulfil his or her obligations or is not no longer fit and proper to act as an actuary, the Supervisory Authority	<u>Article 44:</u> Enquête approfondie menée par un actuaire désigné L'Autorité de contrôle peut, par notification écrite, ordonner à l'assureur, de demander à l'actuaire désigné de mener une enquête approfondie. L'Autorité de contrôle peut, si elle l'estime nécessaire, ordonner à un actuaire désigné par un assureur ou un autre actuaire de mener une enquête visée à l'alinéa premier du présent article. Dans les deux cas, les frais d'enquête actuarielle sont à la charge de l'assureur. L'actuaire visé aux alinéas premier et 2 du présent article soumet à l'Autorité de contrôle et à l'assureur le rapport de l'enquête actuarielle. <u>Article 45:</u> Révocation de l'accréditation d'un actuaire désigné Lorsque l'Autorité de contrôle constate que l'actuaire désigné n'a pas honoré ses obligations ou qu'il ne réunit plus les conditions requises pour exercer la fonction d'actuaire, elle
---	--	---

ikore nk'impuguke mu mibare y'ubwishingizi, Urwego rw'Ubugenzuzi rumenyeshya ikigo cy'ubwishingizi mu nyandiko, ko ruvanyeho iyemererwa ry'iyi impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho. Kopi y'inyandiko ivanaho iyemererwa ry'impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, igomba kuyishyikirizwa. Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho indi mpuguke mu mibare y'ubwishingizi hakurikijwe iri tegeko. Iyo ikigo cy'ubwishingizi kinaniwe gushyiraho indi mpuguke mu mibare y'ubwishingizi, Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho indi mpuguke kandi igihembo cyayo kikishyurwa n'ikigo cy'ubwishingizi. <u>UMUTWE WA IV: IMIYOBORERE Y'IBIGO BY'UBWISHINGIZI</u> <u>Icyiciro cya mbere:</u> Uburyo bw'imiyoborere y'ikigo <u>Ingingo ya 46:</u> Gusabwa gushyiraho uburyo bw'imiyoborere y'ikigo Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gushyiraho kikanubahiriza uburyo bw'imiyoborere y'ikigo	informs the insurer in a written notice, that it revokes the approval of the appointed actuary. A copy of the notice revoking the approval of the appointed actuary referred to in Paragraph One of this Article must be submitted to that actuary. The insurer appoints a new actuary in accordance with this Law. If the insurer fails to appoint a new actuary, the Supervisory Authority appoints another actuary and his or her fee is borne by the insurer. <u>CHAPTER IV: GOVERNANCE FOR INSURERS</u> <u>Section One:</u> Corporate governance framework <u>Article 46:</u> Requirement to establish a corporate governance framework An insurer must establish and implement a corporate governance framework which	informe l'assureur par écrit qu'elle révoque l'approbation d'un actuaire désigné. Une copie de la révocation d'approbation d'un actuaire désigné visé à l'alinéa premier du présent article doit être remise à cet actuaire. L'assureur désigne un autre actuaire conformément à la présente loi. Si l'assureur ne nomme pas un autre actuaire, l'Autorité de contrôle désigne un autre actuaire et ses honoraires sont à la charge de l'assureur. <u>CHAPITRE IV: GOUVERNANCE DES ASSUREURS</u> <u>Section première :</u> Cadre de gouvernance d'un assureur <u>Article 46:</u> Exigence d'établir le cadre de gouvernance d'un assureur Un assureur doit établir et mettre en application un cadre de gouvernance qui prévoit la gestion
---	--	---

butuma habamo imicungire ihamye kandi inoze mu ikurikirana ry'umurimo w'ubwishingizi, bukanarengera inyungu z'abafatabwishingizi. <u>Ingingo ya 47: Ibisabwa by'ibanze mu buryo bw'imiyoborere y'ikigo cy'ubwishingizi</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, uburyo bw'imiyoborere y'ikigo cy'ubwishingizi bugomba kugena ibi bikurikira: 1° uruhare n'inshingano by'Inama y'ubutegetsi, abayobozi bakuru n'abakozi bafite inshingano zihariye mu micungire y'ikigo cy'ubwishingizi; 2° inshingano z'Inama y'Ubutegetsi zo kureberera ikigo cy'ubwishingizi zitandukanye n'inshingano z'urwego rw'ubuyobozi; 3° politiki y'ibihembo by'abagize Inama y'Ubutegetsi, abayobozi bakuru, abakozi bafite inshingano zihariye mu micungire y'ikigo cy'ubwishingizi n'abandi bakozi; 4° imiterere n'imiyoborere y'Inama y'Ubutegetsi y'ikigo cy'ubwishingizi, hakurikijwe amabwiriza atangwa	provides for sound and prudent management and oversight of the insurance business and protects the interests of policyholders. <u>Article 47: Minimum requirements for corporate governance framework of insurer</u> Without prejudice to provisions of other laws, the corporate governance framework must determine the following: 1° role and responsibilities of the Board of Directors, senior management and key employees in the management of an insurer; 2° separation of the Board of Directors oversight function from management responsibilities; 3° remuneration policy for the members of the Board of Directors, senior management, insurer's key employees in control functions and other employees; 4° structure and governance of the insurer's Board of Directors, in accordance with directives issued by the	solide et prudente, le contrôle de l'activité d'assurance et protège les intérêts des souscripteurs d'assurance. <u>Article 47: Exigences minimum pour le cadre de gouvernance d'un assureur</u> Sans préjudice des dispositions d'autres lois, le cadre de gouvernance d'un assureur doit déterminer ce qui suit : 1° le rôle et les attributions du Conseil d'administration, des cadres dirigeants et des employés clés dans les postes de supervision; 2° la séparation de la fonction de contrôle du Conseil d'Administration et des attributions de la direction de l'assureur; 3° politique en matière de rémunération pour membres du Conseil d'administration, les hauts dirigeants, les employés clés de l'assureur chargés de fonctions de contrôle ainsi que d'autres employés; 4° structure et la gouvernance du Conseil d'Administration de l'assureur selon les directives édictées par l'Autorité de
---	---	---

n'Urwego rw'Ubugenzuzi ajyanye n'ubwoko, ikigero n'umwihariko by'ikigo cy'ubwishingizi n'umurimo w'ubwishingizi; 5° politiki n'uburyo bw'imikorere bihamye bijyanye n'ububasha, inshingano n'imikorere by'ubuyobozi bukuru; 6° uburyo n'imigenzurire bigamiye ihererekanyamakuru rinoze hagati y'ikigo cy'ubwishingizi n'Urwego rw'Ubugenzuzi n'abafatanyabikorwa mu byerekeye imiyoborere y'ikigo cy'ubwishingizi. Ibindi bisabwa mu miyoborere hashingiwe ku byiciro bitandukanye by'ibigo by'ubwishingizi, ubwoko, ikigero n'umwihariko by'ikigo cy'ubwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 48: Imiyoborere y'itsinda ry'amasosiyete y'ubwishingizi</u> Itsinda ry'amasosiyete y'ubwishingizi rigomba kugira no kubahiriza politiki n'imikorere by'imiyoborere y'amatsinda y'ibigo by'ubwishingizi. Izi politiki n'imikorere bigomba kubahiriza ibigenderwaho bisabwa buri kigo, kandi bijyanye n'ubwoko, ikigero	Supervisory Authority and commensurate with the nature, scale and complexity of the insurer and insurance business; 5° appropriate policies and procedures relating to the competence, duties and functioning of senior management; 6° systems and controls to ensure effective communication between the insurer and the Supervisory Authority and relevant stakeholders relating to the governance of the insurer. Other requirements for corporate governance taking into account different categories of the insurers, the nature, scale and complexity of the insurer are determined by the regulations. <u>Article 48: Group-wide insurance governance</u> Insurance groups must have and implement group-wide insurance governance policies and practices. Such policies and practices must meet the standards required at the entity level, and take into account the nature, scale and complexity of the operations of the insurer and	contrôle, et conformes à la nature, la taille et la complexité de l'assureur et de l'activité d'assurance; 5° politiques et procédures appropriées relatives aux compétences, attributions et fonctionnement de la direction; 6° systèmes et contrôles devant faciliter la communication efficace entre l'assureur et l'Autorité de contrôle et les partenaires concernés en matière de gouvernance de l'assureur. D'autres exigences pour le cadre de gouvernance compte tenu de différentes catégories d'assureurs, de la nature, de la taille et de la complexité d'un assureur sont déterminées par les règlements. <u>Article 48: Gouvernance d'un groupe d'assurance</u> Un groupe d'assurance doit avoir et mettre en place des politiques et pratiques de gouvernance de groupe d'assurance. De telles politiques et pratiques doivent répondre aux normes exigées à toute entité et tenir compte de la nature, de la taille et de la complexité des
--	--	---

n'umwihariko w'imirimo by'ikigo cy'ubwishingizi n'ingorane izo ari zo zose zishamikiye ku miterere y'amatsinda y'ibigo. Icyiciro cya 2: Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru Ingingo ya 49: Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru b'ibigo byigenga by'ubwishingizi Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru b'ibigo byigenga by'ubwishingizi rigira agaciro rimaze kwemerwa mu nyandiko n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza rusange akubiyemo ibi bikurikira: 1° ibisabwa n'uburyo bwo kwemerwa; 2° ibyiciro n'ibiranga abantu bashobora kuba mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa abayobozi bakuru b'ibigo byigenga by'ubwishingizi; 3° inshingano na manda by'abagize Inama y'Ubutegetsi y'ikigo cyigenga cy'ubwishingizi.	any group-wide risks. Section 2: Board of Directors and senior managers Article 49: Members of the Board of Directors and senior managers of private insurers The appointment of members of the Board of Directors and senior managers of private insurers is effective after securing written approval from the Supervisory Authority. The Supervisory Authority issues regulations determining the following: 1° the standards and procedures for approval; 2° categories and descriptions of persons who may be appointed as members of the Board of Directors or senior managers of private insurers; 3° duties and term of office of members of the Board of Directors of a private insurer.	opérations de l'assureur et tous les risques du groupe. Section 2 : Conseil d'administration et cadres dirigeants Article 49 : Membres du Conseil d'administration et cadres dirigeants des assureurs privés La nomination des membres du Conseil d'administration et des cadres dirigeants des assureurs privés devient effective après l'approbation écrite de l'Autorité de contrôle. L'Autorité de contrôle édicte les règlements déterminant ce qui suit : 1° normes et procédures d'approbation; 2° catégories et descriptions des personnes qui peuvent être nommées membres du Conseil d'administration ou cadres dirigeants des assureurs privés ; 3° attributions et mandat des membres du Conseil d'administration d'un assureur privé.
---	---	--

<u>Ingingo ya 50:</u> Abagize Inama y’Ubutegetsi n’abayobozi bakuru b’ibigo bya Leta by’ubwishingizi Ishyirwaho ry’abagize Inama y’Ubutegetsi n’abayobozi bakuru b’ibigo bya Leta by’ubwishingizi rigenwa n’amategeko agenga ibyo bigo. Inshingano z’ubugenzuzi z’abagize Inama y’Ubutegetsi n’abayobozi bakuru b’ibigo bya Leta by’ubwishingizi zigenwa n’amabwiriza rusange mu gihe ayo mabwiriza atavuguruzwa amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 51:</u> Kubuzwa kubangikanya imirimo Kuba mu bagize Inama y’Ubutegetsi mu bigo birenze kimwe bigengwa n’iri tegeko ntibyemewe keretse iyo ibyo bigo ari ibigo byabyawe n’ibindi bigo cyangwa ibigo bibibyara biri mu itsinda ry’amasosiyeti y’ubwishingizi. Umunyamigabane ufite uruhare rugaragara mu kigo cy’ubwishingizi ntiyemerewe kuba umuyobozi w’Inama y’Ubutegetsi cyangwa umwungirije. Umwanya w’umuyobozi cyangwa umuyobozi	<u>Article 50:</u> Members of the Board of Directors and senior managers of public insurers Appointment of members of the Board of Directors and senior managers of public insurers is determined by the laws governing such institutions. Oversight responsibilities of members of the Board of Directors and senior managers of public insurers are determined by the regulations to the extent that they are not inconsistent with the laws governing them. <u>Article 51:</u> Prohibition of multiple functions It is prohibited to hold the position of a member of the Board of Directors in more than one institution licensed under this Law unless the said institutions are subsidiaries or parent companies of an insurance group. No shareholder with a qualifying holding is eligible to be appointed as the chairperson or deputy chairperson of the board. It is prohibited to combine the post of	<u>Article 50 :</u> Membres du Conseil d’administration et cadres dirigeants des assureurs publics La nomination des membres du Conseil d’administration et des cadres dirigeants des assureurs publics est déterminée par les lois régissant ces institutions. Les attributions de contrôle des membres du Conseil d’administration et des cadres dirigeants des assureurs publics sont déterminées par les règlements pourvu qu’ils ne soient pas en contradiction avec les lois les régissant. <u>Article 51 :</u> Interdiction du cumul de fonctions Il est interdit d’occuper le poste de membre du Conseil d’administration dans plus d’une institution agréée en vertu de la présente loi à moins que ces institutions soient des filiales ou des sociétés-mères d’un groupe d’assurance. Aucun actionnaire détenant une participation significative ne peut être élu président ou vice-président du Conseil d’administration. Il est interdit de combiner le poste de président
--	--	--

wungirije w'Inama y'Ubutegets n'ubungikanywa n'uw'Umuyobozi mukuru w'ikigo cy'ubwishingizi icyo ari cyo cyose. Umuyobozi mukuru w'ikigo cy'ubwishingizi ntiyemerewe kuba Umuyobozi mukuru w'indi sosiyete iyo ari yo yose cyangwa w'ikindi kigo. <u>Icyiciro cya 3: Kugira imigabane n'ikomatanya</u> <u>Ingingo ya 52: Inshingano z'abanyamigabane</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, abanyamigabane b'ikigo cy'ubwishingizi bafite inshingano zikurikira: 1° gukoresha ku buryo bugaragara ububasha bwabo mu nama rusange; 2° gushyira mu nama y'ubutegets abantu bafite icyizere kandi bafite ubushobozi n'ubumenyi mu ngeri zitandukanye byafasha mu micungire n'iterambere by'ikigo; 3° kubaza igihe cyose Inama y'Ubutegets imiyoborere iboneye kandi inoze	chairperson or deputy chairperson of the Board of Directors and the post of the managing director of any insurer. A managing director of an insurer is not allowed to hold the position of managing director in any other company or entity. <u>Section 3: Shareholding and amalgamation</u> <u>Article 52: Duties of shareholders</u> Without prejudice to the provisions of the law relating to companies, shareholders of an insurer have the following duties: 1° actively exercise their authority in general meetings; 2° appoint to the Board of Directors credible persons having skills and competences in different fields who may add value to the management and development of an institution; 3° constantly held the Board of Directors accountable for the efficient and	ou de vice-président du Conseil d'administration et le poste de directeur général de l'assureur. Un directeur général d'un assureur ne peut occuper un poste de directeur général dans une autre société commerciale ou toute autre entité. <u>Section 3: Actionnariat et fusion</u> <u>Article 52: Attributions des actionnaires</u> Sans préjudice des dispositions de la loi relative aux sociétés commerciales, les actionnaires d'un assureur ont les attributions suivantes : 1° exercer activement leur autorité lors des assemblées générales ; 2° nommer au Conseil d'administration les personnes crédibles ayant des compétences et des connaissances dans différents domaines et pouvant contribuer à la gestion et au développement de l'entreprise; 3° tenir le Conseil d'administration constamment responsable d'une
---	---	--

y'ikigo itanga umusaruro; 4° guhindura ugize Inama y'Ubutegetsu mu gihe atageze kubyo yari yitezweho cyangwa atubahirije inshingano z'ikigo. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora guha abanyamigabane izindi nshingano. <u>Ingingo ya 53: Ibisabwa abafite uruhare rugaragara</u> Nta munyamigabane wemerewe, haba ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, kugira uruhare rugaragara mu kigo cy'ubwishingizi keretse abanje kubyemererwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi mu nyandiko. Igihe bibaye ngombwa, Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kugira ibyo rubuza abafite uruhare rugaragara mu kigo cy'ubwishingizi ku bijyanye n'umubare w'imigabane igomba kugirwa mu kigo cy'ubwishingizi. Umunyamigabane ufite uruhare rugaragara mu kigo cy'ubwishingizi wifuza kugurisha, guhererekanya, cyangwa kugwaturiza imigabane ye, ntashobora kubikora atabanje	effective governance of the institution; 4° changing a member of the Board of Directors that does not perform as expected or in accordance with the mandate of the institution. The Supervisory Authority may give shareholders other duties. <u>Article 53: Requirements for qualifying shareholders</u> No shareholder is allowed, whether directly or indirectly, to own a significant interest in the shareholding of an insurer unless he or she obtains prior written approval of the Supervisory Authority. When necessary, the Supervisory Authority may impose restrictions on qualifying shareholders in the shareholding of an insurer regarding the number of shares that must be owned in an insurer. A qualifying shareholder in shareholding of an insurer wishing to sell, transfer or otherwise mortgage his or her shares, cannot do so unless he or she obtains prior written approval of the	gouvernance efficace et efficiente de l'entreprise; 4° changer un membre du Conseil d'administration qui n'atteint pas la performance attendue ou n'agit pas en conformité avec la mission de l'entreprise. L'Autorité de contrôle peut donner aux actionnaires d'autres attributions. <u>Article 53 : Conditions requises pour les actionnaires à participation significative</u> Aucun actionnaire n'est autorisé à détenir, que ce soit directement ou indirectement, un intérêt significatif dans l'actionnariat d'un assureur sans approbation préalable écrite de l'Autorité de contrôle. Lorsqu'il le faut, l'Autorité de contrôle peut imposer des restrictions aux actionnaires à participation significative dans l'actionnariat d'un assureur concernant le nombre d'actions à détenir dans un assureur. L'actionnaire à participation significative dans l'actionnariat d'un assureur qui souhaite vendre, transférer, ou hypothéquer ses actions ne peut le faire sans approbation préalable écrite
---	--	--

kubyemererwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi mu nyandiko. Ibigenderwaho mu kwemererwa kugurisha, guhererekanya cyangwa kugwaturiza imigabane ingana cyangwa irenga uruhare rugaragara bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 54: Ibibujijwe ku byerekeye kwishyura inyungu ku migabane</u> Nta kigo cy'ubwishingizi cyemerewe kumenyekanisha, gutanga, kwishyura cyangwa kohereza hanze y'igihugu inyungu iyo ariyo yose ku migabane cyangwa guhererekanya mu buryo ubwo ari bwo bwose inyungu keretse iyo: 1° amafaranga yose yakoreshejwe, harimo ayasohotse mu itangizwa ry'ikigo n'ibindi byose birebana n'iyandikwa nka sosiyete, amafaranga yatanze mu kugurisha imigabane, igihembo cy'umuhuza wigenga mu bwishingizi, igihombo cyangwa icyo aricyo cyose cyakoreshejwe kandi kitakibarirwa mu mitungo y'ikigo ifite agaciro; 2° umugabane shingiro waratanze wose kandi ugifite agaciro; 3° amafaranga y'ingoboka ahagije ku rugero Urwego rw'Ubugenzuzi rusaba	Supervisory Authority. Approval procedures on the sell, transfer or mortgage of shares equal to or greater than the qualifying shareholding, are determined by the regulations. <u>Article 54: Restrictions on payment of dividends</u> No insurer is allowed to declare, credit, pay, or transfer abroad any dividend or make any other transfer from profits unless: 1° all capitalised expenditure, including preliminary expenses and those relating to its incorporation, share selling commission, brokerage, loss incurred and any other item of expenditure not represented by tangible assets, have been completely written off; 2° there is no impairment in its share capital; 3° adequate technical provisions, to the satisfaction of the Supervisory	de l'Autorité de contrôle. Les procédures d'approbation pour la vente, le transfert ou l'hypothèque des actions égales ou supérieures à la participation significative sont déterminées par les règlements. <u>Article 54 : Restrictions au paiement des dividendes</u> Aucun assureur n'est autorisé à déclarer, créditer, payer ou transférer à l'étranger, un dividende ou faire tout autre transfert de bénéfices à moins que: 1° toute dépense capitalisée, y compris des dépenses préliminaires et celles en relation avec l'enregistrement en tant que société, commission sur les ventes d'actions, courtage, perte encourue et n'importe quelle autre dépense non représentée par les valeurs matérielles, aient été complètement amorties; 2° son capital social soit complètement libéré et non déprécié; 3° les provisions techniques appropriées, à la satisfaction de l'Autorité de contrôle, aient
---	--	---

yashyizweho hubahirijwe uburyozwe bwagenwe mu masezerano; 4° Ikigo cy'ubwishingizi cyubahirije ibisabwa ku mari shingiro itagibwa muni n'igipimo cy'ubushobozi bwo kwishyura cyagenwe; 5° inyungu zitinjiye zitaweho; 6° impuguke mu mibare y'ubwishingizi yemeje ko ikigo cy'ubwishingizi kitazahungabana ku birebana n'imari. Gutanga imigabane y'inyongera bifatwa nko gutanga inyungu ku migabane. Muri iyi ngingo imigabane y'inyongera ni imigabane ihabwa abanyamigabane iturutse mu nyungu z'ikigo mu mwanya wo guhabwa inyungu ku migabane. <u>Ingingo ya 55: Kwikomatanya kw'Ibigo byigenga by'ubwishingizi</u> Bitabangamiye andi mategeko, ikigo cyigenga cy'ubwishingizi ntigishobora kwikomatanya n'ikindi kigo cy'ubwishingizi kitabanje kubyemererwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Uburyo n'ibisabwa ikigo cyigenga	Authority, have been made in respect of its contractual liabilities; 4° the insurer complies with minimum capital and prescribed solvency margin requirements; 5° unearned profits have been adequately accounted for; 6° An actuary has certified that the insurer will remain financially stable. Issuing bonus shares is considered as payment of dividends. For purposes of this Article, bonus shares are shares distributed to shareholders out of profits of an institution in lieu of receiving dividends. <u>Article 55: Amalgamation of private insurers</u> Without prejudice to other laws, a private insurer cannot amalgamate with another insurer without prior approval of the Supervisory Authority. Modalities and requirements for amalgamation	été faites conformément aux responsabilités contractuelles; 4° l'assureur se conforme aux exigences de capital minimum et de marge de solvabilité prescrite; 5° les bénéfices non acquis aient été pris en compte ; 6° Un actuaire ait certifié que l'assureur restera financièrement stable. L'attribution d'actions gratuites est considérée comme paiement des dividendes. Aux fins du présent article, les actions gratuites sont des actions attribuées aux actionnaires sur les bénéfices d'une entreprise au lieu de recevoir des dividendes. <u>Article 55 : Fusion des assureurs privés</u> Sans préjudice d'autres lois, un assureur privé ne peut pas fusionner avec un autre assureur sans approbation préalable de l'Autorité de contrôle. Les modalités et les conditions requises pour la
---	--	--

cy'ubwishingizi cyifuza kwikomatanya n'ikindi kigo cy'ubwishingizi biteganywa n'amabwiriza rusange. <u>Icyiciro cya 4: Imicungire y'ibyteza ingorane n'igenzura ry'imbere</u> <u>Ingingo ya 56: Ingamba n'uburyo bwo gucunga ibyteza ingorane</u> Ikigo cy'ubwishingizi kigomba gushyiraho uburyo n'ingamba bihamye bishobora kugaragaza vuba, gupima, gusesengura, gutanga raporo no kugenzura ibyteza ingorane zireba imari n'izitareba imari kandi biberanye n'ubwoko, ingano n'umwihariko by'umurimo w'ubwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba ikigo cy'ubwishingizi kugaragaza ko ingamba cyashyizeho zo gucunga ibyteza ingorane zihamye kandi zikora neza. Ibikubiye muri gahunda y'imicungire y'ibyteza ingorane bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 57: Ingamba n'uburyo by'igenzura ry'imbere</u> Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho ingamba n'uburyo by'igenzura ry'imbere bihamye	of a private insurer with another insurer are set out in the regulations. <u>Section 4: Risk management and internal controls</u> <u>Article 56: Risk management policies and systems</u> An insurer must establish comprehensive policies and systems capable of promptly identifying, measuring, assessing, reporting and controlling their financial and non-financial risks, appropriate to the nature, size and complexity of the insurance business. The Supervisory Authority may require an insurer to demonstrate that its risk management system is adequate and effective. The content of the risk management framework is determined by the regulations. <u>Article 57: Internal control policies and systems</u> An insurer establishes and implements effective policies and systems for internal controls.	fusion d'un assureur privé avec un autre assureur sont prévues par les règlements. <u>Section 4 : Gestion des risques et contrôles internes</u> <u>Article 56 : Politiques et systèmes de gestion des risques</u> Un assureur doit adopter des politiques et systèmes complets permettant d'identifier, mesurer, évaluer, faire des rapports et contrôler de façon rapide tous les risques financiers et non financiers appropriés à la nature, à la taille et à la complexité de l'activité d'assurance. L'Autorité de contrôle peut exiger à l'assureur de démontrer que son système de gestion des risques est adéquat et efficace. Le contenu du cadre de gestion des risques est déterminé par les règlements. <u>Article 57: Politiques et systèmes de contrôle interne</u> Un assureur établit et met en application des politiques et systèmes efficaces de contrôle
--	--	---

kikanabishyira mu bikorwa. Ibikubiye muri gahunda y'igenzura ry'imbere bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 58:</u> Inzego z'umurimo zifite inshingano zihariye mu micungire y'ikigo Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho inzego z'umurimo zifite inshingano zihariye mu micungire y'ikigo zikurikira: 1° Urwego rw'umurimo rushinzwe imibare y'ubwishingizi; 2° Urwego rw'umurimo rushinzwe gucunga ibyateza ingorane; 3° Urwego rw'umurimo rushinzwe gusuzuma iyubahirizwa ry'amategeko; 4° Urwego rw'umurimo rushinzwe ubugenzuzi bw'imbere. Buri rwego ruvuzwe mu gika kibanziriza iki rubazwa n'inama y'ubutegetsi ibyo rukora ku byerekeye inshingano zihariye ariko rukabazwa n'ubuyobozi bukuru mu birebana n'akazi gasanzwe ka buri munsu. Inshingano n'ibigenderwaho mu guhitamo	The content of the internal control framework is determined by the regulations. <u>Article 58:</u> Key control functions of an insurer An insurer establishes the following key control functions: 1° Actuarial function; 2° Risk management function; 3° compliance function; 4° Internal Audit function. Every function referred to in the previous Paragraph is functionally answerable to the Board of Directors but it is administratively answerable to the senior management in terms of daily work. Responsibilities and criteria for the selection of	interne. Le contenu du cadre de contrôle interne est déterminé par les règlements. <u>Article 58</u> : Fonctions clés de contrôle d'un assureur Un assureur met en place les fonctions clés de contrôle suivantes : 1° fonction actuarielle ; 2° fonction de gestion des risques ; 3° fonction de conformité ; 4° fonction d'audit interne. Chaque fonction visée à l'alinéa précédent est tenue responsable envers le Conseil d'administration en ce qui concerne les fonctions clés mais elle est tenue responsable envers la Direction générale en ce qui concerne les tâches administratives. Les attributions et les critères de sélection des
---	---	---

abakozi bashyirwa mu nzego z'imirimu zivuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 59: Kwiambaza undi muntu gukora imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi</u> Mu gihe ikigo cy'ubwishingizi gihaye undi muntu kugikorera imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi, nicyo kimugenzura kandi kikabiryoza nk'uko cyaryozwa imirimo cyangwa ibikorwa cyikoreye. Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bireba imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'ibigo bibarizwa mu itsinda rimwe ry'amasosiyete y'ubwishingizi. Imirimo n'ibikorwa by'ingenzi n'ibindi bisabwa mu gihe ikigo cy'ubwishingizi gihaye undi muntu gukora imirimo cyangwa ibikorwa by'ingenzi bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 60: Impinduka mu bijyanye na politiki, imikorere n'igenzura</u> Impinduka yose irebana na politiki, imikorere n'igenzura by'ikigo cy'ubwishingizi bigomba kumenyeshwa Urwego rw'Ubugenzuzi mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi bimaze kwemezwa n'urwego rubifitiye ububasha.	employees appointed in the key control functions referred to in Paragraph One of this Article are determined by the regulations. <u>Article 59: Outsourcing of material functions or activities</u> When an insurer outsources its material functions or activities, it must maintain the same degree of oversight and accountability as applied to functions or activities that are not outsourced. The provisions of Paragraph One of this Article also apply to material functions or activities that are outsourced to entities within the same insurance group. Material functions and activities as well as other requirements on the outsourcing of material functions or activities by an insurer are determined by the regulations. <u>Article 60 Change in policies, systems and controls</u> Any change in policies, systems and controls of an insurer must be notified to the Supervisory Authority within seven (7) working days after the approval by the competent organ.	employés qui sont nommés aux fonctions clés de contrôle visées à l'alinéa premier du présent article sont déterminés par les règlements. <u>Article 59: Externalisation des fonctions ou des activités clés</u> Lorsqu'un assureur externalise des fonctions ou des activités clés, il doit garder le même degré de contrôle et de responsabilité comme pour des fonctions et des activités qui ne sont pas externalisées. Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent également aux fonctions ou aux activités clés externalisées au sein des entités du même groupe d'assurance. Les fonctions et les activités clés ainsi que les conditions requises lorsqu'un assureur externalise des fonctions ou des activités clés sont déterminées par les règlements. <u>Article 60 : Changement de politiques, systèmes et contrôles</u> Tout changement en rapport avec les politiques, les systèmes et les contrôles d'un assureur doit être communiqué à l'Autorité de contrôle dans sept (7) jours ouvrables après approbation par l'organe compétent.
--	--	--

<u>Ingingo ya 61:</u> Ubwishingizi bw'ibigo by'ubwishingizi n'ubundi bwoko bwo guhererekanya ibyago Ikigo cy'ubwishingizi gihorana uburyo buhamye bw'ubwishingizi bw'ibigo by'ubwishingizi n'ubundi bwoko bwo guhererekanya ibyago hakurikijwe ibyishingiwe. Amasezerano y'ubwishingizi bw'ibigo by'ubwishingizi n'ay'ubundi bwoko bwo guhererekanya ibyago agomba kwita ku ngamba z'ikigo cy'ubwishingizi zo gucunga icyateza ingorane. Ibishingirwaho mu gufata ubwishingizi bw'ibigo by'ubwishingizi n'ubundi bwoko bwo guhererekanya ibyago bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>UMUTWE WA V: KUGENZURA IBIGO BY'UBWISHINGIZI</u> <u>Icyiciro cya mbere: Igenzura</u> <u>Ingingo ya 62:</u> Uburyo bwo gukora igenzura Urwego rw'Ubugenzuzi rukora igenzura rushingiye ku bikubiye muri raporo rwahawe cyangwa rushingiye ku byo rwiboneye mu bigo byose bigengwa n'iri tegeko. Rusaba kandi	<u>Article 61:</u> Reinsurance and other forms of risk transfer An insurer maintains adequate reinsurance arrangements and adequate arrangements for other forms of risk transfer in respect of risks insured. Contracts for reinsurance and for other forms of risk transfer must take into consideration the insurer's risk management strategy. The requirements for entering into reinsurance arrangements and other forms of risk transfer are determined by the regulations. <u>CHAPTER V: SUPERVISION OF INSURERS</u> <u>Section One: supervision</u> <u>Article 62:</u> Supervision procedures The Supervisory Authority conducts both off-site and on-site inspections of all entities governed by this Law. It requests and accesses all relevant information considered necessary to	<u>Article 61 :</u> Réassurance et autres formes de transfert de risque Un assureur maintient les dispositifs adéquats en matière de réassurance et d'autres formes de transfert de risque en rapport avec les risques assurés. Les contrats de réassurance et d'autres formes de transfert de risque doivent tenir en considération la stratégie de gestion des risques de l'assureur. Les conditions requises pour la conclusion de contrats de réassurance et d'autres formes de transfert de risque sont déterminées par les règlements. <u>CHAPITRE V : SUPERVISION DES ASSUREURS</u> <u>Section première : Supervision</u> <u>Article 62 :</u> Modalités de supervision L'Autorité de contrôle fait des inspections sur place et sur pièces de toutes les entités régies par la présente loi. Elle demande et accède à toute information qu'elle juge nécessaire pour
---	--	--

rukagera ku makuru yose rwumva ko ari ingirakamaro kugira ngo rwuzuze inshingano zarwo. Ikigo cy'ubwishingizi, abagize inama y'ubutegetsi, abayobozi bakuru, abakozi cyangwa undi wese ufite amakuru y'ikigo cy'ubwishingizi ntibashobora kwitwaza ibanga ry'akazi bazitira ububasha bw'Urwego rw'Ubugenzuzi bwo gukora igenzura. <u>Ingingo ya 63: Raporo y'igenzura</u> Raporo y'ibyavuye mu igenzura ryakorewe mu kigo n'Urwego rw'Ubugenzuzi ishyikirizwa Inama y'Ubutetegetsi kandi ikamenyeshwa ubuyobozi bukuru bw'ikigo cy'ubwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyikirizwa gahunda y'ibikorwa igena uburyo imyanzuro iri muri raporo y'igenzura izashyirwa mu bikorwa. <u>Ingingo ya 64: Gutangaza imiterere y'imari y'ibigo by'ubwishingizi</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gutangaza ibi bikurikira: 1° ishusho y'imari ikomatanyije y'umurimo	perform its duties. An insurer, members of the Board of Directors, senior managers, employees or any other person having information about an insurer cannot invoke professional secrecy against the inspection powers of the Supervisory Authority. <u>Article 63: Inspection report</u> Report on findings of the field inspection conducted by the Supervisory Authority is submitted to the Board of Directors and a copy thereof is sent to the senior management of the insurer. The Supervisory Authority is provided with an action plan determining the implementation of recommendations set out in the inspection report. <u>Article 64: Disclosure of financial situation of insurers</u> The Supervisory Authority may publish the following: 1° the consolidated financial situation, in	remplir ses fonctions. Un assureur, les membres du Conseil d'administration, les cadres dirigeants, les employés ou toute autre personne qui détient une information d'un assureur ne peut pas invoquer le secret professionnel face au pouvoir d'inspection de l'Autorité de contrôle. <u>Article 63 : Rapport d'inspection</u> Le rapport de résultats des inspections faites par l'Autorité de contrôle sur terrain est soumis au Conseil d'administration et une copie est envoyée à la direction générale de l'assureur. L'Autorité de contrôle est pourvue d'un plan d'action relatif à la mise en exécution des recommandations mentionnées dans le rapport d'inspection. <u>Article 64 : Publication de la situation financière des assureurs</u> L'Autorité de contrôle peut publier ce qui suit : 1° la situation financière consolidée, en
--	--	---

w'ubwishingizi wose hamwe cyangwa igice cyawo ku buryo buhoraho; 2° amakuru ajyanye n'ibigo by'ubwishingizi byahombye, harimo n'amakuru ajyanye n'ingamba z'igenzura, bigakorwa bitabangamiye ibigomba kugirwa ibanga. Urwego rw'Ubugenzuzi rugena uburyo ibikubiye mu gace ka 1° n'aka 2° bitangazwa. <u>Ingingo ya 65: Igenzura rikorerwa amatsinda y'ibigo by'ubwishingizi</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rugenzura itsinda ry'ibigo by'ubwishingizi. Uburyo igenzura rikorwa mu matsinda y'ibigo by'ubwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Icyiciro cya 2: Igenzura ku rwego rugari</u> <u>Ingingo ya 66: Kumenya no gucunga ingorane z'uruhererekane</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rukusanya amakuru akenewe arimo ajyanye n'urwunguko, uko imari shingiro ihagaze, ibigomba kwishyurwa,	whole or in part, of the insurance business on a regular basis; 2° information about failed insurers, including information on inspection actions taken, subject to confidentiality considerations. The Supervisory Authority determines modalities for publishing the provisions of items 1° and 2°. <u>Article 65: Group-wide insurance supervision</u> The Supervisory Authority inspects the insurance group. Modalities for group-wide insurance inspection are determined by the regulations. <u>Section 2: Macro-prudential supervision</u> <u>Article 66: Identification and management of systemic risks</u> The Supervisory Authority collects the necessary information on, but not limited to, profitability, capital position, liabilities, assets	entier ou en partie, des activités d'assurance de façon régulière; 2° informations sur les assureurs en difficulté, y compris les informations sur des mesures d'inspection prises, tout en respectant les aspects confidentiels. L'Autorité de contrôle détermine les modalités de publication des dispositions des points 1° et 2°. <u>Article 65 : Supervision du groupe d'assurance</u> L'Autorité de contrôle inspecte le groupe d'assurance. Les modalités d'inspection d'un groupe d'assurance sont déterminées par les règlements. <u>Section 2 : Supervision macro-prudentielle</u> <u>Article 66 : Identification et gestion des risques systémiques</u> L'Autorité de contrôle collecte les informations nécessaires, entre autres la rentabilité, la position du capital, les obligations, les avoirs et
---	---	--

umutungo n'ubucuruza bw'ubwishingizi mu rwego rwo kumenya no gusesengura imihindagurikire y'urwego rw'ubwishingizi n'ingorane z'uruhererekane. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho uburyo bukwiye, buhuje n'imiterere, ingano n'umwihariko by'ibigo by'ubwishingizi, ndetse n'ibikorwa bidafitanye isano n'ubwishingizi by'amasosiyete ari mu matsinda y'ubwishingizi kugira ngo hagabanuke ingorane zikomeye z'uruhererekane. Urwego rw'ubugenzuzi rushyiraho ingamba zirufasha mu gucunga icyateza ingorane z'uruhererekane. <u>Ingingo ya 67: Ikurikirana ry'icyatera ingorane z'uruhererekane</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rukurikirana ingaruka z'ihungabana ku bukungu ku rwego rugari n'ingorane z'isoko ry'imari byagira ku mutekano cyangwa ku busugire bw'urwego rw'ubwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rukurikirana ingaruka z'uruhererekane zatezwa n'abishingizi ku bijyanye n'amasezerano y'ubwishingizi n'izindi nyandiko z'ubucuruza mu buryo bw'ubwishingizi busanzwe cyangwa bugezweho.	and underwriting, in order to identify and assess the underlying trends within the insurance sector and any systemic risks. The Supervisory Authority develops appropriate tools that take into account the nature, scale and complexity of insurers as well as non-core activities of insurance groups, in order to limit significant systemic risks. The Supervisory Authority establishes measures to support its management of systemic risks. <u>Article 67: Systemic risk monitoring</u> The Supervisory Authority monitors effects of macro-economic vulnerabilities and financial market risks on prudential safeguards or the financial stability of the insurance sector. The Supervisory Authority monitors the potential systematic risks of insurers, including policies they underwrite and instruments they issue in traditional and non-traditional lines of business.	souscription, afin d'identifier et d'analyser les variations survenues dans le secteur d'assurance et les risques systémiques. L'Autorité de contrôle crée également les mesures appropriées qui tiennent compte de la nature, la taille et la complexité d'assureurs, aussi bien que des activités non principales des groupes d'assurance, afin de limiter les risques systémiques significatifs. L'Autorité de contrôle met en place les mesures soutenant sa gestion des risques systémiques. <u>Article 67 : Suivi de risques systémiques</u> L'Autorité de contrôle surveille les effets des vulnérabilités macro-économiques et les risques du marché financier sur les sauvegardes prudentielles ou la stabilité financière du secteur d'assurance. L'Autorité de contrôle surveille les risques systémiques potentiels des assureurs, y compris des polices d'assurance et les instruments qu'ils émettent dans les branches d'activité d'assurance traditionnelle et non traditionnelle.
---	---	---

Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze ikigo cy'ubwishingizi cyateza ingorane z'uruhererekane, rushyiraho uburyo bunoze bw'igenzura n'ibisubizo bihwanye n'imiterere n'uburemere bw'izo ingorane. <u>Icyiciro cya 3: Ihuzabikorwa n'ubufatanye mu igenzura</u> <u>Ingingo ya 68: Ihuzabikorwa ry'igenzura ry'ibigo by'ubwishingizi bya Leta</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rugomba kumenya neza ko hari ihuzabikorwa rinoze ry'igenzura ry'ibigo by'ubwishingizi bya Leta. Urwego rw'Ubugenzuzi rugirana amasezerano y'ubufatanye n'izindi nzego mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igenzura rihuriweho kandi rinoze ry'ibigo by'ubwishingizi bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo. <u>Ingingo ya 69: Ubufatanye hagati y'inzego z'ubugenzuzi</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rugirana amasezerano y'ubufatanye mu igenzura n'urundi rwego rw'ubugenzuzi rw'imbere mu gihugu. Urwego rw'Ubugenzuzi rugirana amasezerano	If the Supervisory Authority identifies an insurer as systemically important, it develops an appropriate supervisory response commensurate with the nature and degree of the risk. <u>Section 3: Supervisory cooperation and coordination</u> <u>Article 68: Coordination of supervision for public insurers</u> The Supervisory Authority must ensure that there is effective coordination of the supervision of public insurers. The Supervisory Authority enters into cooperation agreements with other authorities to implement effective joint supervision of insurers referred to in Paragraph One of this Article. <u>Article 69: Cooperation between supervisory authorities</u> The Supervisory Authority enters into supervisory cooperation agreements with another Supervisory Authority at domestic level. The Supervisory Authority enters into	Si l'Autorité de contrôle qualifie un assureur comme systémiquement important, elle doit mettre en place des mesures de supervision appropriées proportionnelles à la nature et au degré du risque. <u>Section 3: Coopération et coordination de supervision</u> <u>Article 68 : Coordination de supervision pour les assureurs publics</u> L'Autorité de contrôle doit veiller à ce qu'il y ait une coordination efficace de supervision des assureurs publics. L'Autorité de contrôle conclut des accords de coopération avec d'autres autorités pour mettre en application le contrôle conjoint efficace des assureurs visés à l'alinéa premier du présent article. <u>Article 69 : Coopération entre les autorités de contrôle</u> L'Autorité de contrôle conclut des accords de coopération de contrôle avec une autre Autorité de contrôle au niveau du pays. L'Autorité de contrôle conclut des accords de
---	--	--

y'ubufatanye n'Urwego rw'Ubugenzuzi rwo mu gihugu ikigo cy'ubwishingizi gikomokamo cyangwa urwo mu gihugu cyacyakiriye. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho uburyo buboneye bw'ubufatanye hagati y'abagenzuzi ku birebana n'ubugenzuzi ku bibazo ndengamipaka mu rwego rwo koroshya igenzura ryuzuye ku rwego rw'ikigo n'itsinda ry'ibigo. Urwego rw'Ubugenzuzi rusangiza amakuru nkenyerwa n'abandi bagenzuzi mu gihe gikwiye kugira ngo bacunge ibibazo by'ubukungu ndengamipaka. <u>UMUTWE WA VI: ABAHUZA MU BWISHINGIZI</u> <u>Icyiciro cya mbere: Kwemerera Abahuza mu bwishingizi gukora</u> <u>Ingingo ya 70: Ibyiciro by'abahuza mu bwishingizi, inshingano n'imikorere byabo</u> Abahuza mu bwishingizi bari mu byiciro bikurikira: 1° umuhuza wigenga mu bwishingizi;	cooperation agreements with the Supervisory Authority of the home country or of the host country. The Supervisory Authority puts in place adequate cooperation arrangements between supervisors concerning the supervision on cross-border issues in order to facilitate the comprehensive supervision at entity and group levels. The Supervisory Authority shares with other involved supervisors, in a timely fashion, the information required to manage a cross-border financial crisis. <u>CHAPTER VI: INSURANCE INTERMEDIARIES</u> <u>Section one: Licensing of insurance intermediaries</u> <u>Article 70: Categories, responsibilities and functioning of insurance intermediaries</u> Insurance intermediaries are classified into the following categories: 1° insurance broker;	coopération avec l'Autorité de contrôle du pays d'origine ou l'Autorité de contrôle du pays hôte. L'Autorité de contrôle conclut des accords appropriés de coopération entre les contrôleurs sur le contrôle des problèmes transfrontaliers afin de faciliter la supervision complète au niveau de l'entité et du groupe. L'Autorité de contrôle partage avec d'autres contrôleurs impliqués au moment opportun les informations exigées pour gérer une crise financière transfrontalière. <u>CHAPITRE VI : INTERMÉDIAIRES D'ASSURANCE</u> <u>Section première : Agrément des intermédiaires d'assurance</u> <u>Article 70 : Catégories des intermédiaires d'assurance, leurs attributions et leur fonctionnement</u> Les intermédiaires d'assurance sont classés dans les catégories suivantes : 1° courtier en assurance;
--	--	--

2° umuhuza usanzwe w'ubwishingizi; 3° ubwishingizi bucurujwe na banki; 4° impuguke mu kugena agaciro k'ibyangiritse; Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kugena ikindi cyiciro cy'ubuhuza mu bwishingizi. Inshingano n'imikorere bya buri cyiciro cy'abahuza mu bwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 71: Igihembo cy'abahuza mu bwishingizi</u> Igipimo cy'igihembo cya buri cyiciro cy'abahuza mu bwishingizi kigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 72: Kubuza gukora nk'umuhuza mu bwishingizi nta ruhushya</u> Umuntu wemererwa gukorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda nk'umuhuza mu bwishingizi ni ufite uruhushya rutangwa n'Urwego rw'ubugenzuzi. Icyakora umuhuza usanzwe mu bwishingizi, ahabwa icyemezo cyo gukora n'ikigo	2° insurance agent; 3° bancassurance; 4° insurance loss adjuster. The Supervisory Authority may determine any other insurance intermediary category. Responsibilities and functioning of each insurance intermediary category are determined by the regulations. <u>Article 71: Insurance intermediary's commission fee</u> The commission rate for every insurance intermediary category is determined by the regulations. <u>Article 72: Prohibition to act as an insurance intermediary without licence</u> Is allowed to act as an insurance intermediary on the territory of the Republic of Rwanda, a person holding a license issued by the Supervisory Authority. However, an insurance agent acts upon an authorisation issued by his or her employing	2° agent d'assurance; 3° bancassurance ; 4° expert évaluateur de dommages ; L'Autorité de contrôle peut déterminer une autre catégorie d'intermédiaire d'assurance. Les attributions et le fonctionnement de chaque catégorie d'intermédiaires d'assurance sont déterminés par les règlements. <u>Article 71 : Frais de commission des intermédiaires d'assurance</u> Le taux de commission pour chaque catégorie d'intermédiaires d'assurance est déterminé par les règlements. <u>Article 72 : Interdiction d'exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance sans licence</u> Elle est autorisée à exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance sur le territoire de la République du Rwanda, toute personne munie d'une licence délivrée par l'Autorité de contrôle. Toutefois, l'agent d'assurance exerce son activité moyennant une autorisation délivrée
---	---	--

cy'ubwishingizi akorera nk'uko biteganywa mu mabwiriza rusange. Umuhuza mu bwishingizi agomba, buri gihe, kumenya niba Ikigo cy'ubwishingizi gikorana na we gifite uruhushya rwo gukora umurimo w'ubwishingizi hakurikijwe iri tegeko. Ikigo cy'ubwishingizi nticyemerewe kugirana amasezerano y'ubuhuza mu bwishingizi n'umuntu utabifitiye uruhushya cyangwa icyemezo cyangwa ngo kimuhe igihembo icyo ari cyo cyose. <u>Ingingo ya 73: Ubusabe bwo kuba umuhuza mu bwishingizi</u> Umuntu usaba kuba umuhuza mu bwishingizi atanga inyandiko y'ubusabe yujwwe neza hifashishijwe inyandiko yabugenewe. Inyandiko y'ubusabe igomba kuba iherekejwe n'inyemezabwishyu y'amafaranga adasubizwa yo gusaba uruhushya rwo gukora ubuhuza mu bwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rutanga uruhushya rwo gukora ubuhuza mu bwishingizi iyo uwarusabye yujuje ibisabwa birimo ubumenyi, ubushobozi, ubunararibonye n'ubwamugayoyi. Uruhushya rwo gukora	insurer as per the regulations. An insurance intermediary must, at all times ensure that the insurer who arranges business with him or her is licensed to conduct insurance business in accordance with this Law. An insurer cannot enter into a contract with an unlicensed or unauthorised insurance intermediary or pay him or her any commission. <u>Article 73: Application for being an insurance intermediary</u> A person applying for being an insurance intermediary submits a duly completed application form prescribed. An application must be accompanied by a receipt of non-refundable fee for application for the licence to conduct insurance business. The Supervisory Authority grants the license of an insurance intermediary if the applicant meets the requirements including skills, competences, expertise and integrity. A license to conduct insurance intermediary business clearly	par l'assureur qu'il représente, conformément aux règlements. Un intermédiaire d'assurance doit, à tout moment, s'assurer que l'assureur avec qui il est en relation détient une licence d'exercer l'activité d'assurance conformément à la présente loi. Un assureur n'est pas autorisé à conclure un contrat avec un intermédiaire d'assurance non agréé ou non-autorisé, ou à lui payer des frais de commission. <u>Article 73 : Demande d'être un intermédiaire d'assurance</u> Une personne qui demande d'être un intermédiaire d'assurance adresse sa demande dûment remplie dans un formulaire prescrit. La demande d'agrément est accompagnée d'un reçu des frais non remboursables de demande d'une licence d'exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance. L'Autorité de contrôle octroie la licence d'exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance si le demandeur remplit les conditions y compris les connaissances, les compétences, l'expertise et l'intégrité. La licence d'exercer
--	--	---

ubuhuza mu bwishingizi rugaragaza neza icyiciro cy'ubuhuza mu bwishingizi. Iyo ubusabe bwemewe, uwasabye yishyura amafaranga y'uruhushya rwo gukora ubuhuza mu bwishingizi. Ibisabwa mu kwaka no gutanga uruhushya rwo gukora ubuhuza mu bwishingizi n'ibishingirwaho mu gutanga urwo ruhushya bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 74:</u> Itangazwa ry'abemerewe kuba abahuza mu bwishingizi Urwego rw'Ubugenzuzi rutangaza urutonde ruhujwe n'igihe rw'abemerewe kuba abahuza mu bwishingizi ku rubuga rwarwo rwa interineti. <u>Ingingo ya 75:</u> Ibibujijwe mu murimo w'ubuhuza mu bwishingizi Mu bijyanye n'umurimo w'ubuhuza mu bwishingizi habujijwe ibi bikurikira: 1° kwakira amafaranga y'ikiguzi cy'ubwishingizi; 2° gukora nta ruhushya abifitiye;	indicates the insurance intermediary category. Once the application is approved, the applicant pays a fee for the license to conduct insurance intermediary business. Criteria for application and issuance of the license to conduct insurance intermediary business as well as licensing criteria are determined by the regulations. <u>Article 74:</u> Publication of licensed insurance intermediaries The Supervisory Authority publishes an updated list of licensed insurance intermediaries on its website. <u>Article 75:</u> Restrictions in insurance intermediary business In relation to insurance intermediary activity, it is prohibited to: 1° receive insurance premiums; 2° conduct business without licence;	l'activité d'intermédiaire d'assurance spécifie clairement la catégorie de l'intermédiaire d'assurance. Lorsque la demande est approuvée, le demandeur paie les frais de la licence d'exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance. Les critères de demande et d'octroi de la licence d'exercer l'activité d'intermédiaire d'assurance ainsi que les critères d'agrément sont déterminés par les règlements. <u>Article 74 :</u> Publication des intermédiaires d'assurance agréés L'Autorité de contrôle publie une liste actualisée des intermédiaires d'assurance agréés sur son site web. <u>Article 75 :</u> Restrictions dans l'activité d'intermédiaire d'assurance Dans l'activité d'intermédiaire d'assurance, il est interdit de : 1° recevoir des primes d'assurance ; 2° exercer l'activité sans licence;
--	--	--

3° gukoresha amakuru yahawe n'umuguzi mu bikorwa bitari iby'ubwishingizi; Amabwiriza rusange akena ibindi bibujijwe mu murimo w'ubuhuza mu bwishingizi. <u>Icyiciro cya 2: Igenzura n'ibisabwa abahuza mu bwishingizi</u> <u>Ingingo ya 76: Uburyo bwo kugenzura abahuza mu bwishingizi</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rugenzura abahuza mu bwishingizi rushingiye ku bikubiye muri raporo rwahawe cyangwa ku byo rwiboneye. Urwego rw'Ubugenzuzi rufite kandi uburenganzira bwo gusaba amakuru yose rubona ko ari ngombwa. Umuhuza mu bwishingizi ntashobora kwitwaza ibanga ry'akazi mu gihe Urwego rw'Ubugenzuzi rukora inshingano zarwo. <u>Ingingo ya 77: Gufata neza umuguzi</u> Umuhuza mu bwishingizi agomba gukorana ubuhanga, urugwiro n'ubushishozi bukwiye mu	3° use information received from consumers in activities other than insurance activities. The regulations determine other restrictions in insurance intermediary's business. <u>Section 2: Supervision and requirements for insurance intermediaries</u> <u>Article 76: Procedures for supervision of insurance intermediaries</u> The Supervisory Authority conducts the inspection of insurance intermediaries based on both off-site and on-site inspections. The Supervisory Authority has also the right to request all relevant information considered necessary. An insurance intermediary cannot invoke professional secrecy when the Supervisory Authority performs its duties. <u>Article 77: Fair treatment of a consumer</u> An insurance intermediary is required to act wisely, carefully and diligently when dealing	3° utiliser les informations reçues des consommateurs dans des activités autres que l'activité d'assurance. Les règlements déterminent d'autres restrictions dans l'activité d'intermédiaire d'assurance. <u>Section 2 : Supervision et conditions pour les intermédiaires d'assurance</u> <u>Article 76 : Modalités de supervision des intermédiaires d'assurance</u> L'Autorité de contrôle fait des inspections des intermédiaires d'assurance aussi bien sur pièces que sur place. L'Autorité de contrôle a également le droit de demander toute information qu'elle juge nécessaire. Un intermédiaire d'assurance ne peut pas invoquer le secret professionnel lorsque l'Autorité de contrôle exerce ses fonctions. <u>Article 77 : Traitement équitable d'un consommateur</u> Un intermédiaire d'assurance doit agir judicieusement, avec attention et diligence dans
---	---	---

mikoranire ye n’umuguzi. Umuhuza mu bwishingizi ntagomba gushyira inyungu ze imbere ngo azirutishe iz’umuguzi cyangwa ushobora kuba we. Amabwiriza rusange agena ibisabwa byihariye mu gufata neza umuguzi bikurikira: 1° guha umuguzi amakuru; 2° kwamamaza; 3° gukemura ibibazo birebana n’ubwishyu; 4° ubwishingizi bw’uburyozwe bw’abahuza mu bwishingizi ; 5° guhitamo ubwishingizi bukwiriye; 6° kubona amakuru ajyanye n’impinduka zabaye ku isoko ry’ubwishingizi. <u>Ingingo ya 78: Gusaba korohereweza</u> Umuhuza wigenga mu bwishingizi wifuza korohereweza bishingiye ku bushobozi	with a consumer. An insurance intermediary must not place its interests above those of a consumer or a prospective consumer. The regulations determine the following specific requirements in relation to fair treatment of a consumer: 1° disclosure of information to a consumer; 2° advertisements; 3° handling claims and complaints related to indemnity; 4° professional indemnity insurance for insurance intermediaries; 5° choice of adequate of insurance cover; 6° obtaining information in relation to trends within insurance market. <u>Article 78: Application for facilitation</u> An insurance broker who wishes to apply for facilitation based on market capacity, may seek	ses relations avec un consommateur. Un intermédiaire d’assurance ne doit pas faire passer ses intérêts avant ceux d’un consommateur ou consommateur potentiel Les règlements déterminent les exigences spécifiques suivantes en rapport avec le traitement équitable d’un consommateur : 1° communication d’informations au consommateur; 2° annonces publicitaires; 3° traitement des demandes et réclamations en rapport avec les indemnités; 4° assurance d’indemnité professionnelle des intermédiaires d’assurance; 5° choix de couverture d’assurance appropriée; 6° obtention des informations en rapport avec les variations survenues sur le marché d’assurance. <u>Article 78 : Demande de facilitation</u> Un courtier d’assurance qui souhaite une facilitation liée à la capacité du marché peut
---	--	---

bw'isoko, ashobora gusaba Urwego rw'Ubugenzuzi kumufasha muri ibi bikurikira: 1° gusaba cyangwa gushyikirana n'ikigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga gukorana na cyo umurimo w'ubwishingizi, harimo no kongererwa igihe cyawo; 2° guhuza umufatabwishingizi uba mu Rwanda ushaka gushinganisha ibye ku kigo cy'ubwishingizi cyo mu mahanga. Izindi mpamvu zituma umuhuza wigenga mu bwishingizi ashobora koroherezwa n'uburyo iryo yoroherezwa rikorwa bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 79: Inshingano z'abanyamigabane</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo z'itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, abanyamigabane b'umuhuza wigenga mu bwishingizi bagomba gukoresha ku buryo bugaragara ububasha bwabo mu nama rusange. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza rusange yerekeye: 1° imirimo by'abanyamigabane n'inshingano b'umuhuza	the following facilitation from the Supervisory Authority: 1° making application or negotiating an insurance business with a foreign insurer including renewal of such business; 2° intermediating a prospective policyholder living in Rwanda with a foreign insurer with an aim of insuring his or her property. Other reasons to facilitate insurance brokers as well as procedures in which such facilitation is granted are determined by the regulations. <u>Article 79: Responsibilities of shareholders</u> Without prejudice to the provisions of the law relating to companies, shareholders of an insurance broker must actively exercise their authority in general meetings. The Supervisory Authority issues regulations relating to: 1° the duties and responsibilities of shareholders of an insurance broker;	demander la facilitation auprès de l'Autorité de contrôle comme suit : 1° solliciter auprès d'un assureur étranger ou négocier avec ce dernier une activité d'assurance y compris le renouvellement de cette activité; 2° faire l'intermédiation entre un souscripteur d'assurance résidant au Rwanda et un assureur étranger en vue d'assurer ses biens. D'autres raisons de facilitation aux courtiers en assurance ainsi que les procédures d'octroi y relatives sont déterminées par les règlements. <u>Article 79 : Attributions des actionnaires</u> Sans préjudice des dispositions de la loi relative aux sociétés commerciales, les actionnaires d'un courtier en assurance doivent exercer activement leur autorité lors des assemblées générales. L'Autorité de contrôle édicte des règlements relatifs : 1° aux fonctions et aux attributions des actionnaires d'un courtier d'assurance;
---	--	---

wigenga mu bwishingizi; 2° imigabane n'iherekanya ry'uruhare rugaragara. <u>Ingingo ya 80:</u> Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru Ishyirwaho ry'Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru b'umuhuza wigenga mu bwishingizi rigira agaciro nyuma yo kwemererwa mu nyandiko bikozwe n'Urwego rw'Ubugenzi. Amabwiriza rusange akena nibura ibi bikurikira: 1° ibisabwa n'uburyo bwo kwemerwa; 2° ibyiciro n'ibisobanuro birambuye by'abantu badashobora kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa abayobozi bakuru b'umuhuza wigenga mu bwishingizi; 3° inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi mu kigo cy'umuhuza wigenga mu bwishingizi; 4° ibigenderwaho kugira ngo hemezwe abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru b'umuhuza wigenga mu bwishingizi.	2° the shareholding and transfer of qualifying shareholding. <u>Article 80:</u> Members of the Board of Directors and senior managers The appointment of members of the Board of Directors and senior managers of an insurance broker becomes effective after securing a written approval from the Supervisory Authority. The Regulations determine at least the following: 1° requirements and procedures of approval; 2° categories and descriptions of persons who may not be appointed as a member of the Board of Directors or senior managers of an insurance broker; 3° duties and responsibilities of members of the Board of Directors of an insurance broker; 4° criteria for approval of the members of Board of Directors and senior managers of insurance brokers.	2° à l'actionnariat et le transfert de la participation significative. <u>Article 80 :</u> Conseil d'administration et cadres dirigeants La nomination des membres du Conseil d'administration et les cadres dirigeants d'un courtier d'assurance produit ses effets suite à l'approbation écrite de l'Autorité de contrôle. Les règlements déterminent au moins ce qui suit : 1° conditions requises et modalités d'approbation ; 2° catégories et descriptions des personnes qui ne peuvent pas être nommées membres du Conseil d'administration ou cadres dirigeants d'un courtier d'assurance; 3° devoirs et attributions des membres du Conseil d'administration d'un courtier d'assurance; 4° critères pour approbation des membres du Conseil d'administration et des cadres dirigeants d'un courtier d'assurance.
--	---	---

<u>Icyiciro cya 3: Gucunga ibyateza ingorane</u> <u>Ingingo ya 81: Igenamiterere n'imikorere by'umuhuza wigenga mu bwishingizi</u> Umuhuza wigenga mu bwishingizi agomba kugira igenamiterere risobanutse ry'inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi n'abayobozi bakuru. Iyo iryo genamiterere rihindutse, abimenyesha mu nyandiko Urwego rw'Ubugenzuzi mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi kugira ngo rugire icyo ruyivugaho. Ibisabwa by'inyongera ku miyoborere iboneye y'ikigo cy'umuhuza wigenga mu bwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 82: Imicungire y'ibyateza ingorane ku muhuza wigenga mu bwishingizi</u> Umuhuza wigenga mu bwishingizi ashiraho uburyo n'ingamba byafasha gucunga ibyateza ingorane zavuka ndetse n'uburyo bw'imigenzurire y'imbere bihamye. Ingamba n'uburyo byo gucunga ingorane zavuka bishyirwaho mu rwego rwo kwirinda ingorane zirimo izijyanye n'imari, imikorere, izaturuka ku buriganya, iyezandonke n'izo	<u>Section 3: Risk management</u> <u>Article 81: Structure of responsibilities of an insurance broker</u> An insurance broker must maintain a clear and appropriate structure of responsibilities for members of the Board of Directors and senior managers. In case of any change thereto, the broker submits a written notification to the Supervisory Authority in order to obtain its opinion within seven (7) working days. Additional corporate governance requirements appropriate to an insurance broker are determined by the regulations. <u>Article 82: Risk management for an insurance broker</u> An insurance broker undertakes appropriate risk management policies and internal control systems. Risk management policies and systems are undertaken to prevent risks including financial, operational risks and those arising from fraud, money laundering and financing of terrorism.	<u>Section 3 : Gestion des risques</u> <u>Article 81: Structure d'attributions d'un courtier d'assurance</u> Un courtier d'assurance doit maintenir une structure claire et appropriée des attributions des membres du Conseil d'administration et les cadres dirigeants. Dans le cas d'un changement y relatif, il en informe par écrit l'Autorité de contrôle pour obtenir son avis et ce, endéans sept (7) jours ouvrables. Les conditions additionnelles de gouvernance appropriée pour un courtier d'assurance sont déterminées par les règlements. <u>Article 82: Gestion des risques pour un courtier d'assurance</u> Un courtier d'assurance met en place des politiques de gestion des risques et des systèmes de contrôle internes appropriés. Les politiques et les systèmes de gestion des risques sont mis en place pour prévenir des risques y compris des risques financiers, opérationnels ainsi que les risques pouvant
---	---	--

gutera inkunga iterabwoba. <u>Ingingo ya 83:</u> Itegurwa rya raporo z'imikoreshereze y'imari y'umuhuza wigenga mu bwishingizi Raporo z'imikoreshereze y'imari y'umuhuza wigenga mu bwishingizi zubahiriza amabwiriza mpuzamahanga yo gutanga raporo y'imari akurikizwa mu Rwanda. <u>Ingingo ya 84:</u> Inyandiko y'ibaruramari y'umuhuza wigenga mu bwishingizi Umuhuza wigenga mu bwishingizi agomba kugira ibaruramari ryubahiriza amahame y'ibaruramari n'ibindi byagenwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gushyiraho amabwiriza ateganya ibi bikurikira: 1° imiterere n'uburyo inyandiko y'ibaruramari ibikwa; 2° inyandiko igomba kubikwa nka bimwe mu bigize inyandiko y'ibaruramari y'umuhuza wigenga mu bwishingizi;	<u>Article 83:</u> Preparation of financial statements of an insurance broker The financial statements of an insurance broker comply with International Financial Reporting Standards (IFRS) as implemented in Rwanda. <u>Article 84:</u> Accounting records of an insurance broker An insurance broker must keep his or her books of account in accordance with accounting principles and other requirements as may be set by the Regulatory Authority. Without prejudice to the provisions of the law governing companies, the Supervisory Authority may issue regulations providing the following: 1° form and manner in which an accounting record is maintained; 2° record which must be kept as part of an insurance broker's accounting records;	résulter de la fraude, du blanchiment d'argent et du financement du terrorisme. <u>Article 83:</u> Préparation des états financiers d'un courtier d'assurance Les états financiers d'un courtier d'assurance se conforment aux normes internationales d'information financière (IFRS) en vigueur au Rwanda. <u>Article 84:</u> Pièces comptables d'un courtier d'assurance Un courtier d'assurance doit tenir sa comptabilité conformément aux règles comptables et autres exigences pouvant être établies par l'Autorité de contrôle. Sans préjudice des dispositions de la loi régissant les sociétés commerciales, l'Autorité de contrôle peut édicter des règlements prévoyant ce qui suit: 1° la forme et la façon dans laquelle la pièce comptable est tenue; 2° la pièce devant être gardée comme des pièces comptables d'un courtier d'assurance;
--	---	--

3° igihe inyandiko y'ibaruramari zimara zibitswe; 4° ibindi bisabwa bireba inyandiko y'ibaruramari. <u>Ingingo ya 85: Raporo y'imikoreshereze y'imari yagenzuwe y'umuhuza wigenga mu bwishingizi</u> Umuhuza wigenga mu bwishingizi ashyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi raporo y'imikoreshereze y'imari zagenzuwe mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uherye igihe umwaka w'imari warangiriye na raporo y'imari ya buri gihembwe itangwa mu gihe cyagenwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Raporo y'imari y'umwaka ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ikorwa n'umugenzuzi w'imari wigenga uri ku rutonde rw'Urwego rw'Ubugenzuzi. <u>Ingingo ya 86: Inyandiko na raporo z'imari bifite inenge by'umuhuza wigenga mu bwishingizi</u> Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze hari raporo, inyandiko cyangwa amakuru by'umuhuza wigenga mu bwishingizi byatanze mu buryo butanoze, butuzuye cyangwa biteguye mu buryo budakurikije	3° period of time for which accounting record is kept; 4° other requirements applicable to accounting record. <u>Article 85: Audited financial statements of an insurance broker</u> An insurance broker within three (3) months from the end of the financial year, submits audited financial statements to the Supervisory Authority and quarterly financial report submitted within a period of time determined by the Regulatory Authority. The Financial statements referred to in Paragraph One of this Article are prepared by an external auditor listed on the list of the Regulatory Authority. <u>Article 86: Defective documents and financial reports of an insurance broker</u> If the Supervisory Authority finds that a report, document or information of an insurance broker was submitted in a manner that is inappropriate, incomplete or prepared in a manner that is contrary to the law, in writing, it requests him	3° les délais pendant lesquels les pièces comptables sont gardées; 4° Les autres exigences applicables à une pièce comptable. <u>Article 85: États financiers audités d'un courtier d'assurance</u> Un courtier d'assurance présente à l'Autorité de contrôle les états financiers audités endéans trois (3) mois suivant la fin de l'exercice fiscal et les rapports financiers trimestriels présentés dans un délai fixé par l'Autorité de contrôle. Les états financiers visés à l'alinéa premier du présent article sont préparés par un auditeur externe figurant sur la liste de l'Autorité de contrôle. <u>Article 86: Documents et rapports financiers erronés d'un courtier d'assurance</u> Si l'Autorité de contrôle considère qu'un rapport, document ou information d'un courtier d'assurance lui a été présenté d'une manière inadéquate, incomplète ou a été préparé d'une manière contraire à la loi, elle lui demande, par
--	--	---

amategeko, rumusaba, mu nyandiko, kuzuza iyo raporo neza cyangwa kuyisimbuza indi.	or her to complete such a document or replace it.	écrit, de compléter un tel document ou de le remplacer.
UMUTWE WA VII: AMASEZERANO Y'UBWISHINGIZI	CHAPTER VII: INSURANCE CONTRACT	CHAPITRE VII: CONTRAT D'ASSURANCE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amahame y'ingenzi agenga amasezerano y'ubwishingizi	<u>Section One:</u> Key principles governing insurance contract	<u>Section première :</u> Principes clés applicables au contrat d'assurance
<u>Ingingo ya 87:</u> Ihame ry'ubwizerane	<u>Article 87:</u> Principle of good faith	<u>Article 87 :</u> Principe de bonne foi
Amasezerano y'ubwishingizi ashingiye ku mikoranire y'ubwizerane hagati y'impande zigirana amasezerano. Afatwa ko akubiyemo ingingo iteganya ko buri ruhande rugomba gukorana n'urundi zizeranye, igihe cyose havutse ikibazo gishingiye cyangwa gfitanye isano n'amasezerano.	An insurance contract is based on utmost good faith between the parties to the contract. It is considered to include a provision that each party to the contract must act with good faith towards the other party in respect of any matter arising under, or in connection with the contract.	Un contrat d'assurance est basé sur la bonne foi entre les parties au contrat. Il est réputé inclure une clause que chaque partie au contrat doit agir avec bonne foi envers l'autre partie en ce qui concerne toute question, découlant ou en rapport avec le contrat.
<u>Ingingo ya 88:</u> Inyungu yishingirwa mu bwishingizi bw'igihe kirekire	<u>Article 88:</u> Insurable interest in long-term insurance	<u>Article 88 :</u> Intérêt assurable dans l'assurance à long terme
Umuntu ufite inyungu y'ubwishingizi ku buzima bw'undi muntu, ikiguzi cy'iyi nyungu ntikigira umubare ntarengwa.	Where a person has an insurable interest in the life of some other person, the amount of that interest is unlimited.	Lorsqu'une personne a un intérêt assurable dans la vie d'une autre personne, le montant de cet intérêt assurable est illimité.
Amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirerekire n'itangwa ryayo nta gaciro bigira iyo, mu gihe yakorwaga cyangwa yatangwaga, uwafashe ubwishingizi cyangwa uwayeguriwe,	A long-term insurance contract and the assignment of such a contract are void if, at the time the contract was concluded or assigned, the policyholder or the assignee did not have an	Un contrat d'assurance à long terme et la cession d'un tel contrat sont nuls si, au moment de sa conclusion ou de sa cession, le souscripteur d'assurance ou le cessionnaire

nta nyungu yari afite ku buzima bw'uwishingiwe, keretse iyo umuntu wishingiwe abyemeje mu nyandiko. Abantu bafite inyungu yishingirwa mu bwishingizi bw'igihe kirekire ni aba bakurikira: 1° umuntu wese ufite inyungu y'ubwishingizi ku buzima bwe bwite, ku buzima bw'uwo bashakanye no ku buzima bw'abamukomokaho n'abo akomokaho ndetse n'abakomoka ku wo bashakanye n'abo uwo bashakanye akomokaho; 2° umuntu ushobora kugira igihombo cy'amafaranga cyangwa cy'ubukungu bikomotse ku rupfu rw'umuntu; 3° umukoresha afite inyungu y'ubwishingizi ku buzima bw'abo akoresha; 4° umukozi afite inyungu y'ubwishingizi mu buzima bw'umukoresha we. Umuntu wese ufite inyungu ku buzima bw'umuntu ashobora kumufatira ubwishingizi ariko ufatirwa ubwishingizi abanza kubyemera mu gihe afite ubushobozi. Icyakora mu gihe ufatirwa ubwishingizi adafite ubushobozi	insurable interest in the life of the insured person, unless the person insured consents in writing. The persons who have insurable interest in long term insurance are the following: 1° any person who has an insurable interest in his or her own life, the life of his or her spouse, the life of his or her descendants and ascendants, as well as the life of the descendants and ascendants of his or her spouse; 2° a person who is likely to suffer pecuniary or economic loss as a result of the death of a person; 3° an employer has an insurable interest on the life of his or her employees; 4° an employee has an insurable interest in the life of his or her employer. Any person who has an insurable interest in the life of a person may subscribe to insurance for that person but the latter must consent beforehand when he or she can. However, when the person to be insured is unable to consent, his	n'avait pas d'intérêt assurable dans la vie de la personne assurée, à moins que la personne assurée exprime son consentement par écrit. Les personnes qui ont un intérêt assurable dans l'assurance à long terme sont les suivantes : 1° toute personne qui a un intérêt assurable pour sa propre vie, pour la vie de son conjoint, pour la vie de ses descendants et ascendants, ainsi que pour la vie des descendants et ascendants de son conjoint; 2° une personne qui est susceptible de subir une perte pécuniaire ou économique à la suite du décès d'une personne; 3° l'employeur a un intérêt assurable sur la vie de ses employés; 4° un employé a un intérêt assurable dans la vie de son employeur. Toute personne qui a un intérêt assurable dans la vie d'une personne peut souscrire une assurance pour cette personne mais celle-ci doit préalablement donner son consentement lorsqu'elle en est capable. Toutefois, lorsque la
--	---	---

umuhagarariye ni we ubanza kubyemera. <u>Ingingo ya 89:</u> Inyungu yishingirwa mu bwishingizi bw'indishyi Amasezerano y'ubwishingizi bw'indishyi ntateshwa agaciro ku mpamvu yonyine y'uko umufatabwishingizi atari afite inyungu yishingirwa mu cyishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi, haba ari igihe amasezerano yakorwaga cyangwa igihe impamvu y'icyishingiwe yabaye. <u>Ingingo ya 90:</u> Inyungu yishingirwa mu yandi masezerano y'ubwishingizi Amasezerano y'ubwishingizi atari ay'ubwishingizi bw'igihe kirekire cyangwa amasezerano y'ubwishingizi bw'indishyi nta gaciro agira iyo umufatabwishingizi adafite inyungu y'ubwishingizi mu cyishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi igihe impamvu y'icyishingiwe yabaye.	or her representative must consent beforehand. <u>Article 89:</u> Insurable interest in indemnity insurance An indemnity insurance contract is not void by reason only that the policyholder did not have an insurable interest in the subject matter of the insurance contract, whether at the time that the contract was entered into or at the time of the occurrence of the insured event. <u>Article 90:</u> Insurable interest in other insurance contracts An insurance contract that is not a long-term insurance contract or an indemnity insurance contract is void, if the policyholder does not have an insurable interest in the subject matter of the insurance contract at the time of the occurrence of the insured event.	personne à assurer n'est pas capable de donner son consentement, son représentant doit donner son consentement au préalable. <u>Article 89</u> : Intérêt assurable dans l'assurance indemnitaire Un contrat d'assurance indemnitaire n'est pas nul du seul fait que le souscripteur d'assurance n'avait pas d'intérêt assurable dans l'objet du contrat d'assurance, soit au moment de la conclusion du contrat ou au moment de la survenance de l'évènement assuré. <u>Article 90</u> : Intérêt assurable dans d'autres contrats d'assurance Un contrat d'assurance qui n'est pas un contrat d'assurance à long terme ou un contrat d'assurance indemnitaire est nul, si le souscripteur d'assurance n'a pas d'intérêt assurable dans l'objet du contrat d'assurance au moment de la survenance de l'évènement assuré.
---	---	--

Icyiciro cya 2: Inshingano mbanzirizamasezerano Akicro ka mbere: Inshingano z'umufatabwishingizi n'ingaruka zo kutazubahiriza Ingingo ya 91: Inshingano yo kumenyekanisha Umufatabwishingizi agomba kumenyesha ikigo cy'ubwishingizi ikintu cyose cyangwa impamvu yose yafasha ikigo cy'ubwishingizi gufata icyemezo ku itangwa ry'ubwishingizi n'icyo bwashingiraho. Icyakora, umufatabwishingizi nta nshingano afite yo kumenyekanisha ikintu cyangwa impamvu yose: 1° igabanya ingorane zishingirwa; 2° ikigo cy'ubwishingizi cyari kizi cyangwa cyagombye kuba kizi; 3° ikigo cy'ubwishingizi cyamugiriyeho inama, cyangwa kikamuha impamvu yumvikana ituma umufatabwishingizi yibwira ko atagombye kuyimenyekanisha.	Section 2: Pre-contractual duties Sub-Section One: Policyholder's duties and effects of non-compliance Article 91: Duty of disclosure A policyholder must disclose to the insurer every fact or circumstance that could help the insurer in the decision making, whether to accept the risk and, on what terms. However, a policyholder is not under a duty to disclose any fact or circumstance that: 1° diminishes the risk to be insured; 2° the insurer was, or should have been aware of; 3° the insurer advised the policyholder, or gave the policyholder reasonable cause to believe, it did not have to be disclosed.	Section 2 : Obligations précontractuelles Sous-Section première : Obligations du souscripteur d'assurance et effets de non-exécution Article 91 : Obligation d'information Un souscripteur d'assurance doit informer l'assureur de tout fait ou toute circonstance pouvant aider l'assureur dans la prise de décision d'accepter le risque et, à quelles conditions. Toutefois, le souscripteur d'assurance n'est pas tenu de déclarer les informations sur tout fait ou circonstance : 1° qui diminue le risque à assurer; 2° que l'assureur savait ou aurait dû savoir; 3° sur lequel l'assureur a conseillé le souscripteur d'assurance, ou qu'il a donné au souscripteur d'assurance une cause raisonnable de croire qu'il ne doit pas être porté à sa connaissance.
---	--	--

<u>Ingingo ya 92:</u> Inshingano yo gutanga amakuru y’ukuri Mbere y’uko amasezerano y’ubwishingizi ashwirwaho umukono, umufatabwishingizi afite inshingano yo guha ikigo cy’ubwishingizi amakuru y’ukuri ajyanye n’icyishingirwa. Amakuru afatwa nk’aho ari ukuri iyo atuma ikigo cy’ubwishingizi kimenya neza icyo cyishingira kandi ku kiguzi cy’ubwishingizi gikwiye. <u>Ingingo ya 93:</u> Amakuru afatwa nk’aho ari imenyekanisha rikoze n’umufatabwishingizi Iyo, mbere yo gukora amasezerano y’ubwishingizi bw’igihe kirekire, hari amakuru agejwe ku Kigo cy’ubwishingizi n’undi muntu utari umufatabwishingizi, ariko ubuzima bwe bukaba buzishingirwa muri ayo masezerano, amakuru yatanze afatwa nk’aho ari imenyekanisha rikoze n’umufatabwishingizi. Icyakora iyo, mu makuru atanzwe hari ikintu kijyanye n’imitekerereze, ubumenyi, ibihe cyangwa imiterere by’umuntu watanze amakuru, ukuri kw’ayo makuru kugomba kugenzurwa hashingiwe ku muntu ubuzima bwe bwishingiwe aho kuba ku	<u>Article 92:</u> Duty to disclose true information A policyholder has a duty, before an insurance contract is entered into, to disclose to the insurer the right information relating to the insurance subject matter. The information is considered true when it enables the insurer to have full knowledge of the insurance subject matter and the appropriate cost of insurance. <u>Article 93:</u> Information considered to be the statement of the policyholder If, prior to a long-term insurance contract entering, information is provided to the insurer by an individual who is not the policyholder, but whose life will be insured under the contract, the information provided is considered to be the statement of the policyholder. However, if, in connection with the information provided, anything turns on the state of mind, knowledge, circumstances or characteristics of the individual providing the information, the truthfulness of the information is to be determined by reference to the individual	<u>Article 92 :</u> Obligation de donner une déclaration véritable Un souscripteur d’assurance a l’obligation, avant la conclusion du contrat d’assurance, de donner à l’assureur une déclaration véritable relative à l’objet d’assurance. La déclaration est réputée véritable lorsqu’elle permet à l’assureur de bien connaître l’objet qu’il assure et le coût adéquat d’assurance. <u>Article 93 :</u> information réputée être la déclaration du souscripteur d’assurance Lorsque, avant la conclusion du contrat d’assurance à long terme, l’information est donnée à l’assureur par une personne qui n’est pas le souscripteur d’assurance, mais dont la vie sera assurée en vertu du contrat, l’information donnée est réputée être la déclaration du souscripteur d’assurance. Toutefois, si, en rapport avec l’information fournie, il y a un élément qui dépend de l’état d’esprit, connaissance, circonstances ou caractéristiques de la personne qui donne l’information, la véracité de l’information doit être déterminée par rapport à la personne dont
---	--	--

mufatabwishingizi. <u>Ingingo ya 94:</u> Ingaruka zo gutanga amakuru atari ukuri ku bw'uburiganya Gutanga amakuru atari ukuri ku bw'uburiganya bikoze n'umufatabwishingizi ni impamvu yo gutesha agaciro amasezerano. Muri icyo gihe, ikiguzi cy'ubwishingizi cyatanze kigumana ikigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 95:</u> Ingaruka zo gutanga amakuru atari ukuri nta buriganya Gutanga amakuru atari ukuri k'umufatabwishingizi nta buriganya ntabwo ari impamvu yo gutesha agaciro amasezerano n'ubwo amasezerano y'ubwishingizi yaba abiteganyaga ukundi. Iyo umufatabwishingizi atanze amakuru atari ukuri nta buriganya bimenyekaneye mbere y'uko impamvu y'icyishingiwe ibaye, ikigo cy'ubwishingizi gishobora gusesa amasezerano hashize ukwezi kibimenyeshaje umufatabwishingizi, cyangwa kikayakomeza hamaze gukosorwa ibyumvikanyweho n'impande zombi hashingiwe ku makuru y'ukuri. Iyo bigaragaye ko umufatabwishingizi yatanze	whose life becomes insured, not the policyholder. <u>Article 94:</u> Effects of fraudulent misrepresentation A policyholder's fraudulent misrepresentation is a ground for contract nullification. In this case, the insurer retains premiums paid. <u>Article 95:</u> Effects of good-faith misrepresentation Even when otherwise provided by the insurance contract, good-faith misrepresentation by the policyholder is not a ground for contract nullification. In case a policyholder's misrepresentation in good faith is known before the occurrence of an insured event, the insurer may terminate contract after one month from the date of the insurer's notification to the policyholder or not terminate the contract upon mutual agreement and after correction based on accurate information. In case a policyholder's misrepresentation in	la vie est assurée et non du souscripteur d'assurance. <u>Article 94 :</u> Effets de faire une fausse déclaration frauduleusement La fausse déclaration faite frauduleusement par un assuré est un motif d'annulation du contrat. Dans ce cas, les primes d'assurance payées restent acquises à l'assureur. <u>Article 95 :</u> Effets de fausse déclaration faite de bonne foi Même si le contrat d'assurance le prévoit autrement, la fausse déclaration faite de bonne foi par un souscripteur d'assurance ne constitue pas le motif d'annulation du contrat. Au cas où la fausse déclaration faite de bonne foi par un souscripteur d'assurance est connue avant la survenance d'un événement assuré, l'assureur peut résilier le contrat après un mois à compter de la date de notification au souscripteur d'assurance ou de commun accord garder le contrat après correction basées sur la déclaration véritable. Au cas où la déclaration faite de bonne foi de
--	--	--

amakuru atari ukuri nta buriganya nyuma y'uko impamvu y'icyishingiwe ibaye, indishyi cyangwa agaciro kishingiwe bigabanywa hakurikijwe amafaranga yatanzwe n'umufatabwishingizi agereranijwe n'ayo yagombaga gutanga iyo ibyishingirwa bisobanurwa neza kandi byose. <u>Akicro ka 2:</u> Inshingano z'ikigo cy'ubwishingizi n'ingaruka zo kutazubahiriza <u>Ingingo ya 96:</u> Gutanga inyandiko Ikigo cy'ubwishingizi kigomba guha umuntu usaba kugira amasezerano y'ubwishingizi kopi y'ibikubiye mu nyandiko mbanzirizamasezerano n'ingingo rusange zijyanye n'icyo asabira ubwishingizi ndetse n'izindi nyandiko ziteganywa n'amabwiriza rusange. <u>Ingingo ya 97:</u> Inshingano zo kugira inama no gusobanurira umufatabwishingizi Ikigo cy'ubwishingizi gisobanurira umufatabwishingizi ku bijyanye n'ubwoko bw'ubwishingizi yifuza gufata ndetse kikamugira inama. Ikigo cy'ubwishingizi gisobanurira kandi umufabwishingizi ibikubiye mu ngingo rusange	good faith is known after the occurrence of an insured event, the indemnity or insured value is reduced in respect of the amount paid by the policyholder against the amount that he or she would have paid if all the insurance subject matters had been well described. <u>Sub-Section 2:</u> Insurer's duties and effects of non-compliance <u>Article 96:</u> Provision of documents An insurer must provide to a person who applies to enter into an insurance contract with a copy of the proposal, form and terms and conditions related to his or her insurance request and such other documents specified in the general regulations. <u>Article 97:</u> Duties to give advice and explanations to the policyholder The insurer must provide the policyholder with explanations related to the types of insurance that he or she wants to subscribe to as well as advice. The insurer must also provide the policyholder with explanations on the content of terms and	fausses informations par un souscripteur d'assurance est connue après la survenance d'un évènement assuré, l'indemnité ou la valeur assurée est réduite selon le montant payé par le souscripteur d'assurance par rapport au montant qu'il aurait payé si tous les objets d'assurance avaient été bien décrits. <u>Sous-Section 2 :</u> Obligations de l'assureur et effets de non-exécution <u>Article 96 :</u> Fourniture des documents L'assureur doit fournir à la personne qui souhaite conclure un contrat d'assurance une copie de proposition d'assurance et conditions générales du contrat en rapport avec sa demande d'assurance ainsi que tous autres documents spécifiés dans les règlements généraux. <u>Article 97 :</u> Obligations de donner conseil et des explications au souscripteur d'assurance L'assureur doit donner au souscripteur d'assurance les explications relatives aux types d'assurance qu'il désire souscrire ainsi que des conseils. L'assureur doit également fournir à l'assuré des explications sur le contenu des conditions
---	---	--

zijyanye n'icyo asabira ubwishingizi, inshingano n'uburenganzira bwe ndetse n'uko bigenda iyo impamvu y'icyishingiwe ibaye. <u>Ingingo ya 98:</u> Ingaruka zo kudasobanurira umufatabwishingizi cyangwa kutamugira inama Umufatabwishingizi afite uburenganzira bwo gusesa amasezerano mu gihe adasobanuriwe cyangwa ngo agirwe inama ku biteganywa n'ingingo ya 97 y'iri tegeko bikamutera gufata ubwishingizi atari gufata iyo aza guhabwa inama no gusobanuriwa uko bikwiye. <u>Icyiciro cya 3:</u> Amasezerano y'ubwishingizi <u>Akiciro ka mbere:</u> Ikorwa ry'amasezerano y'ubwishingizi <u>Ingingo ya 99:</u> Igihe amasezerano y'ubwishingizi afatwa nk'ayakozwe Amasezerano y'ubwishingizi afatwa nk'ayakozwe igihe ikigo cy'ubwishingizi cyemeye ubusabe bw'ushaka kwishingirwa kandi hanishyurwe ikiguzi cy'ubwishingizi.	conditions related to the subject matter of insurance request, his or her rights and obligations as well as the procedure to follow at the time of the occurrence of the insured event. <u>Article 98:</u> Effects of failure to provide the policyholder with explanations or advice The policyholder has the right to terminate the contract in case he or she did not receive explanations or advice as per the provisions of Article 97 of this Law so that he subscribed to an insurance that he or she would not have subscribed to if he or she had received appropriate advice and explanations. <u>Section 3:</u> Insurance contract <u>Sub-Section One:</u> Formation of an insurance contract <u>Article 99:</u> Insurance contract considered as concluded An insurance contract is considered entered into when the insurer accepts the prospective policyholder's application and after payment of the premium.	générales relatives à l'objet de la demande d'assurance, sur ses droits et obligations ainsi que sur la procédure à suivre au moment de la survenance de l'évènement assuré. <u>Article 98 :</u> Effets du manque d'explications ou de conseils au souscripteur d'assurance Le souscripteur a le droit de résilier le contrat s'il n'a pas reçu d'explications ou de conseils suivant les dispositions de l'article 97 de la présente loi, de sorte qu'il a souscrit une assurance qu'il n'aurait pas souscrite s'il avait reçu des conseils et des explications appropriés. <u>Section 3 :</u> Contrat d'assurance <u>Sous-Section première :</u> Formation d'un contrat d'assurance <u>Article 99 :</u> Contrat d'assurance réputé avoir été conclu Un contrat d'assurance est réputé avoir été conclu lorsque l'assureur accepte la demande du souscripteur d'assurance et après paiement de prime.
--	--	---

<u>Ingingo ya 100: Ibigize amasezerano y'ubwishingizi</u>	<u>Article 100: Content of the insurance contract</u>	<u>Article 100 : Contenu du contrat d'assurance</u>
Amasezerano y'ubwishingizi agizwe n'ingingo rusange n'ingingo zihariye zisobanutse kandi zumvikana.	An insurance contract contains general and specific terms and conditions which are clear and understandable.	Le contrat d'assurance contient les conditions générales et particulières qui sont claires et compréhensibles.
Ingingo zihariye z'amasezerano y'ubwishingizi zikubiyemo nibura ibi bikurikira:	The specific terms and conditions of an insurance contract include at least the following:	Les conditions particulières du contrat d'assurance comprennent au moins ce qui suit:
1° amazina na aderesi yuzuye by'abagiranye amasezerano;	1° names and complete contact address of parties;	1° noms et adresse complète des parties;
2° impamvu y'amasezerano;	2° subject of contract;	2° objet du contrat;
3° uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande;	3° rights and obligations of each party;	3° droits et obligations de chaque partie;
4° imiterere y'icyishingiwe;	4° nature of insured object;	4° nature de l'objet assuré;
5° ingano y'icyishingiwe cyangwa agaciro;	5° liability covered or amount;	5° étendue de la responsabilité couverte ou montant de la garantie;
6° ibitishingirwa cyangwa aho uburyozwe bw'ikigo cy'ubwishingizi bugarukira;	6° exclusions or limitations of insurer's liabilities;	6° exclusions ou limitations des responsabilités de l'assureur
7° umugenerwabwishingizi;	7° the beneficiary of the insurance indemnity;	7° bénéficiaire de l'indemnité d'assurance;
8° ikiguzi cy'ubwishingizi n'uburyo cyishyurwa;	8° amount and modalities of premium payment;	8° montant et modalités de paiement de la prime d'assurance;

9° itariki amasezerano yatangiriye n'igihe azarangiraho; 10° uburyo bwo gukemura impaka; 11° aho inyandiko yasinyiwe n'itariki yasinyiweho. Amabwiriza rusange ashobora kugena ibindi bijya mu masezerano y'ubwishingizi. Amasezerano y'ubwishingizi n'imigereka yayo bishyirwaho umukono n'impande zombi. <u>Ingingo ya 101:</u> Kubika no gucunga amakuru y'amasezerano y'ubwishingizi Ikigo cy'ubwishingizi gishyiraho kandi kikabika igitabo cyandikwamo amasezerano y'ubwishingizi. Mu micungire y'amasezerano y'ubwishingizi, ikigo cy'ubwishingizi kigomba kubahiriza ibi bikurikira: 1° gucunga amasezerano y'ubwishingizi mu buryo bunoze kugeza igihe inshingano zose ziyakubiyemo zimaze kubahirizwa; 2° kumenyesha umufatabwishingizi	9° the start and expiration dates of the contract; 10° dispute resolution; 11° place and date of signature. The regulations may determine other terms and conditions of the insurance contract. The insurance contract and its appendices are signed by both parties. <u>Article 101:</u> Keeping and management of insurance contracts The insurer establishes and keeps the register where to record insurance contracts. In the management of insurance contracts, the insurer must ensure the compliance with the following: 1° managing insurance contracts appropriately until all obligations provided under it are complied with; 2° disclosing to the policyholder	9° dates de début et de fin du contrat; 10° règlement de différends; 11° lieu et date de signature. Les règlements peuvent déterminer d'autres termes et conditions du contrat d'assurance. Le contrat d'assurance et ses annexes sont signés par les deux parties. <u>Article 101</u> : Tenue et gestion des contrats d'assurance L'assureur établit et tient le registre où sont enregistrés les contrats d'assurance. Dans la gestion des contrats d'assurance, un assureur doit respecter ce qui suit: 1° gérer les contrats d'assurance de manière convenable jusqu'à ce que tous les engagements y relatifs soient respectés; 2° communiquer au souscripteur
--	--	---

impinduka zose zibaye mu masezerano kugeza igihe amasezerano azamara. <u>Ingingo ya 102:</u> Inyemezamasezerano y'ubwishingizi Nyuma yo kugirana amasezerano n'umufatabwishingizi, ikigo cy'ubwishingizi kimuha inyemezamasezerano. icyakora, kudahabwa inyemezamasezerano ntibitesha agaciro amasezerano y'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 103:</u> Itangwa ry'inyemezamasezerano y'ubwishingizi Inyemezamasezerano y'ubwishingizi itangwa mu nyandiko cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. Amabwiriza rusange ashiraho uburyo inyemezamasezerano y'ubwishingizi itangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 104:</u> Inyemezamasezerano y'ubwishingizi bw'abantu bari mu itsinda Inyemezamasezerano y'ubwishingizi bw'abantu bari mu itsinda ni amasezerano y'ubwishingizi rusange yishingira abantu	information on any contractual changes during the term of the contract. <u>Article 102:</u> Insurance policy The insurer, after entering into an insurance contract with a policyholder, issues to him or her an insurance policy. However, the validity of the insurance contract is not affected if the insurer fails to issue an insurance policy to a policyholder. <u>Article 103:</u> Issuance of insurance policy An insurance policy is issued in print or by electronic means. The regulations establish modalities for issuance of insurance policies through electronic means. <u>Article 104:</u> Group insurance policy Group insurance policy is a single insurance policy which covers more than one person who are members of a recognised group or	d'assurance toute information relative à tout changement survenu pendant la durée du contrat. <u>Article 102 :</u> Police d'assurance L'assureur, après avoir conclu un contrat d'assurance avec le souscripteur d'assurance, délivre au souscripteur d'assurance une police d'assurance. Toutefois, la validité du contrat d'assurance n'est pas affectée si l'assureur ne délivre pas au souscripteur d'assurance une police d'assurance. <u>Article 103 :</u> Délivrance d'une police d'assurance Une police d'assurance est délivrée sous forme imprimée ou par voie électronique. Les règlements établissent les modalités de délivrance des polices d'assurance par voie électronique. <u>Article 104 :</u> Police d'assurance collective La police d'assurance collective est un contrat unique souscrit pour un ensemble des personnes qui sont membres adhérant à un groupe ou une
--	--	--

benshi b'abanyamuryango b'itsinda cyangwa ihuriro ryemewe. Amabwiriza rusange ashobora kugena ibisabwa birebana n'ibyemezo by'ubwishingizi, amakuru n'imenyesha bigomba guhabwa abanyamuryango b'ubwishingizi bw'abantu bari mu itsinda. <u>Ingingo ya 105: Amasezerano y'ubwishingizi ashingiye ku gipimo fatizo</u> Amasezerano y'ubwishingizi ashingiye ku gipimo fatizo ni amasezerano y'ubwishingizi aho icyishingiwe giterwa n'impamvu ibarwa hakoreshejwe igipimo fatizo cyo hanze y'icyishingiwe aho gukoresha igihombo cy'uwishingiwe ubwacyo. Ingano y'igihombo ibarwa hakurikijwe igipimo fatizo y'icyateje igihombo aho gukoresha igihombo nyakuri uwishingiwe yagize. Amabwiriza rusange akena ibisabwa birebana n'ubwoko bw'ibipimo fatizo bishobora gukoreshwa, uburyo bunoze bwo kwishyura imisanzu y'ubwishingizi n'ibihombo, amakuru n'imenyesha bigomba guhabwa abafatabwishingizi bushingiye ku masezerano y'ubwishingizi ashingiye ku bipimo fatizo.	association. The regulations may determine the requirements for certificates of insurance, disclosures and notifications to be provided to members of a group insurance. <u>Article 105: Index-based insurance contract</u> An index-based insurance contract is a contract where the insurance coverage is triggered by an event measured by an external index rather than an insured's loss event. The loss amount is calculated in connection with the index trigger, rather than based on the actual loss experienced by the insured. The regulations determine requirements regarding nature of indices that may be used, appropriate premiums and losses payment and required disclosures and notifications to policyholders with respect to index-based insurance contracts.	association reconnue. Les règlements peuvent déterminer les exigences relatives aux certificats d'assurance, information et avis à fournir aux membres d'une assurance collective. <u>Article 105 : Contrat d'assurance basé sur l'indice</u> Un contrat d'assurance basé sur un indice est un contrat par lequel la couverture d'assurance est causée par un événement mesuré par un indice externe plutôt que par la perte réelle de l'assuré. Le montant de la perte est calculé en utilisant l'indice en cause au lieu de la perte réelle subie par l'assuré. Les règlements déterminent la nature d'indices qui peuvent être utilisés, le paiement approprié des primes et des pertes ainsi que les informations et avis à fournir aux souscripteurs d'assurance du contrat d'assurance basé sur l'indice.
---	---	---

<u>Ingingo ya 106:</u> Isobanura ry’amasezerano y’ubwishingizi Iyo habayeho gushidikanya ku masezerano y’ubwishingizi, agomba gusobanurwa mu buryo buha amahirwe umufatabwishingizi, uwishingiwe cyangwa umugenerwabwishingizi. <u>Akicro ka 2:</u> icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo <u>Ingingo ya 107:</u> Itangwa ry’icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo Ikigo cy’ubwishingizi giha umufatabwishingizi icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo mu gihe amasezerano y’ubwishingizi atarashyirwaho umukono. Icyo cyemezo giteganywa igihe gitangirira n’igihe kirangirira. Iyo habaye impamvu y’icyishingiwe, ikigo cy’ubwishingizi cyaratanze icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo uburyozwe bushingira ku byumvikanyweho n’impande zombi. <u>Ingingo ya 108:</u> Irangira ry’icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo Icyemezo cy’ubwishingizi cy’agateganyo kirangira icyo:	<u>Article 106:</u> Interpretation of insurance contract Where there is any doubt concerning the content of an insurance contract, it must be interpreted in the way that is most favourable to the policyholder, the insured or the beneficiary. <u>Sub-Section 2:</u> Cover note <u>Article 107:</u> Issuance of a cover note The insurer provides the policyholder with a cover note when the insurance contract is not yet signed. The cover note states its starting and expiration dates. In case of occurrence of insured event when the cover note has been issued, the liability is based on both parties’ agreement. <u>Article 108:</u> Expiration of the cover note The cover note expires:	<u>Article 106 :</u> Interprétation du contrat d’assurance En cas de doute concernant le contenu d’un contrat d’assurance, il doit être interprété de la manière la plus favorable au souscripteur d’assurance, à l’assuré ou au bénéficiaire. <u>Sous-Section 2 :</u> Note de couverture <u>Article 107 :</u> Délivrance d’une note de couverture L’assureur fournit au souscripteur d’assurance une note de couverture lorsque le contrat d’assurance n’est pas encore signé. La note de couverture indique ses dates de début et d’expiration. En cas de survenance d’un évènement assuré lorsque la note de couverture a été émise, la responsabilité se base sur l’accord des deux parties. <u>Article 108 :</u> Expiration de la note de couverture La note de couverture expire :
--	---	--

1° amasezerano y'ubwishingizi ashyizweho umukono; 2° igihe cyagenewe kirangiye; 3° gisheshwe. <u>Akicro ka 3:</u> Igihe amasezerano y'ubwishingizi amara n'iseswa ryayo <u>Ingingo ya 109:</u> Igihe amasezerano y'ubwishingizi amara Amasezerano y'ubwishingizi amara igihe cyose impande zombi zumvikanyeho. Iyo amasezerano y'ubwishingizi azamara igihe kizwi, ikigo cy'ubwishingizi giha umufatabwishingizi inyangiririra imwibutsa igihe amasezerano y'ubwishingizi azarangirira habura iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko amasezerano arangira. Inyangiririra yibutsa irangira ry'amasezerano y'ubwishingizi igaragaza itariki n'isaha amasezerano y'ubwishingizi azarangiriraho. Inyangiririra ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ishobora gutangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.	1° when the insurance contract is signed; 2° at its expiration date; 3° when it is revoked. <u>Sub-Section 3: Duration and termination of insurance contract</u> <u>Article 109: Duration of insurance contract</u> An insurance contract continues to be in force for such period as the parties agree. Where insurance contract is provided for a limited period of time, an insurer gives the policyholder a written notice of the expiration of the insurance contract thirty (30) days prior to the contract expiration. A notice of expiration states the date and time on which the insurance contract expires. The notice referred to in Paragraph 2 of this Article may be submitted electronically.	1° à la signature du contrat d'assurance ; 2° à sa date d'expiration ; 3° lorsqu'elle est révoquée. <u>Sous-Section 3 : Durée et résiliation d'un contrat d'assurance</u> <u>Article 109 : Durée d'un contrat d'assurance</u> Un contrat d'assurance reste en vigueur pour la période dont les parties se conviennent. Lorsque le contrat d'assurance est prévu pour une période limitée, l'assureur donne au souscripteur d'assurance un avis écrit d'expiration du contrat d'assurance trente (30) jours avant son expiration. L'avis d'expiration indique la date et l'heure auxquelles le contrat d'assurance expire. L'avis visé à l'alinéa 2 du présent article peut être transmis par voie électronique.
---	--	--

<u>Ingingo ya 110:</u> Iseswa ry'amasezerano y'ubwishingizi Ikigo cy'ubwishingizi cyangwa umufatabwishingizi afite uburenganzira bwo gusesa amasezerano iyo umwe muri bo atubahirije ibikubiye mu masezerano y'ubwishingizi cyangwa iri tegeko. Uruhande rwifuzaga gusesa amasezerano rutanga integuza y'iminsi cumi n'itanu (15). Icyakora iyo habaye ubwumvikane bwo gusesa amasezerano ku mpande zombi integuza ntiba ikiri ngombwa. <u>Ingingo ya 111:</u> Inyandiko imenyeshya iseswa ry'amasezerano y'ubwishingizi n'igihe iseswa ritangira kubarwa Ikigo cy'ubwishingizi cyangwa umufatabwishingizi ushaka gusesa amasezerano y'ubwishingizi abimenyesha urundi ruhande mu nyandiko. Uretse iyo igihe cy'iseswa ry'amasezerano cyateganyijwe mu masezerano cyangwa mu nyandiko imenyeshya iseswa, iseswa ritangira kubarwa saa sita z'ijoro: 1° ku munsu wa gatanu (5) w'akazi ukurikira itariki inyandiko imenyeshya	<u>Article 110:</u> Termination of insurance contract An insurer or a policyholder has the right to terminate an insurance contract in case any of them violates the provisions of the insurance contract or this Law. The party that intends to terminate the contract gives a notice of fifteen (15) days. However, in case of both parties' agreement to terminate the contract, the notice is not necessary. <u>Article 111:</u> Notice of termination of insurance contract and the commencement of the termination An insurer or policyholder that intends to terminate an insurance contract notifies it in writing to the other party. Unless the termination time is specified in the contract or in the termination notice, a termination takes effect at midnight: 1° on the fifth (5th) working day following the date on which the termination notice	<u>Article 110</u> : Résiliation du contrat d'assurance Un assureur ou un souscripteur d'assurance a le droit de résilier un contrat d'assurance si l'un d'entre eux viole les clauses du contrat d'assurance ou des dispositions de la présente loi. La partie qui souhaite résilier le contrat donne un préavis de quinze (15) jours. Toutefois, si les deux parties sont d'accord pour résilier le contrat, le préavis n'est pas nécessaire. <u>Article 111</u> : Avis de résiliation du contrat d'assurance et la date d'effet de la résiliation L'assureur ou le souscripteur d'assurance qui souhaite résilier un contrat d'assurance l'en avise par écrit l'autre partie. À moins que la date de résiliation ne soit spécifiée dans le contrat ou dans l'avis de résiliation, une résiliation prend effet à minuit : 1° au cinquième (5^{ème}) jour ouvrable suivant la date à laquelle l'avis de
---	--	---

yashyikirijweho urundi ruhande, iyo ari amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kigufi ; 2° ku munsu wa makumyabiri n'umwe (21) w'akazi ukurikira itariki inyandiko imenyeshya iseswa yashyikirijweho urundi ruhande, iyo ari amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire. <u>Ingingo ya 112:</u> Ingaruka y'iseswa ry'amasezerano y'ubwishingizi Mu masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kigufi, iyo amasezerano asheshwe ikigo cy'ubwishingizi cyishyura uburyozwe bwabaye mbere y'uko iseswa ritangira kugira agaciro kandi kigasubiza umufatabwishingizi ikiguzi cy'ubwishingizi kigendanye n'igihe gisigaye. Mu masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire, iyo amasezerano asheshwe ikigo cy'ubwishingizi gisubiza umufatabwishingizi amafaranga yizigamiye kugeza ku itariki iseswa ritangira kugira agaciro hakurikijwe ibiteganywa muri ayo masezerano.	was given to the other party, in case of a short-term insurance contract; 2° on twenty-first (21st) working day following the date on which the termination notice was given to the other party, in case of a long-term insurance contract. <u>Article 112:</u> Effect of termination of insurance contract In case a short-term insurance contract is terminated, the insurer pays any liabilities incurred prior to the commencement of termination and it returns to the policyholder the premiums proportionally to the remaining time. In case a long-term insurance contract is terminated, the insurer returns to the policyholder the contributions he or she made up to the date of termination in accordance with the provisions of the contract.	résiliation a été donné à l'autre partie, en cas d'un contrat d'assurance à court terme; 2° au vingt et unième (21) jour ouvrable suivant la date à laquelle l'avis de résiliation a été donné à l'autre partie, en cas d'un contrat d'assurance à long terme. <u>Article 112 :</u> Effet de résiliation du contrat d'assurance En cas de résiliation d'un contrat d'assurance à court terme, l'assureur supporte les responsabilités survenues avant la date d'effet de la résiliation et il rembourse au souscripteur d'assurance les primes proportionnellement à la durée restante. En cas de résiliation d'un contrat d'assurance à long terme, l'assureur rembourse au souscripteur d'assurance les cotisations qu'il a payées jusqu'à la date d'effet de la résiliation conformément aux clauses du contrat.
--	--	---

<u>Akiciro ka 4: Ikiguzi cy’ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 113: Kwishyura ikiguzi cy’ubwishingizi</u> Ikiguzi cy’ubwishingizi cyishyurwa mu gihe cyateganijwe mu masezerano. Iyo nta kiguzi cy’ubwishingizi cyishyurwa nta bwishingizi bubaho. Ariko kandi, impande zombi mu masezerano y’ubwishingizi zishobora kumvikana ku isubikwa ry’itangira ryo kwishingirwa mu gihe cyose ikiguzi cy’ubwishingizi kitarishyurwa. <u>Ingingo ya 114: Iyishyura ry’ikiguzi cy’ubwishingizi rikozwe n’umuntu utari mu masezerano y’ubwishingizi</u> Umuntu utari mu masezerano y’ubwishingizi ashobora kwishyura ikiguzi cy’ubwishingizi iyo: 1° abikora abyumvikanyeho n’umufatabwishingizi; 2° afite inyungu yemewe n’amategeko imusaba gukora ku buryo amasezerano y’ubwishingizi akomeza kubaho.	<u>Sub-Section 4: Insurance premium</u> <u>Article 113: Payment of premium</u> The insurance premium is paid during the period provided for in the insurance contract. There is no insurance without payment of premium. However, both parties to the insurance may agree on the postponement of the effect of the insurance contract as long as the premium is not paid. <u>Article 114: Payment of premium by third party to an insurance contract</u> A third party to an insurance contract may pay the premium if: 1° he or she is acting with the consent of the policyholder; 2° has a legitimate interest in ensuring that the insurance contract remains in effect.	<u>Sous-Section 4 : Prime d’assurance</u> <u>Article 113 : Paiement de prime</u> La prime d’assurance est payée dans les délais prévus au contrat d’assurance. Il n'y a pas d'assurance sans paiement de la prime. Toutefois, les deux parties au contrat d’assurance peuvent convenir de reporter l’effet du contrat d'assurance tant que la prime n'est pas payée. <u>Article 114 : Paiement de la prime par un tiers au contrat d’assurance</u> Un tiers au contrat d’assurance peut payer une prime d’assurance si : 1° il agit avec le consentement du souscripteur d’assurance ; 2° il a un intérêt légitime de s’assurer que le contrat d’assurance demeure en vigueur.
--	---	---

<u>Akiciro ka 5: Agaciro k'icyishingirwa</u> <u>Ingingo ya 115: Igenagaciro ry'umutungo wishiringirwa</u> Mbere y'uko amasezerano ashyirwaho umukono, umufatabwishingi, agaragariza ikigo cy'ubwishingizi igenagaciro ry'umutungo wishiringirwa rikozwe n'umugenagaciro wemewe kugira ngo hamenyekane agaciro k'icyishingirwa mu masezerano y'ubwishingizi. Mu gihe umufatabwishingizi adashobora kugaragaza igenaganaciro ry'umutungo, hashiringirwa ku gaciro k'umutungo kagaragajwe mu nyandiko mbanzirizamasezerano. <u>Ingingo ya 116: Gufata ubwishingizi bw'icyishingirwa kimwe mu bigo by'ubwishingizi byinshi</u> Mu bwishingizi bw'igihe kigufi, gufata ubwishingizi bw'icyishingirwa kimwe mu bigo by'ubwishingizi byinshi ku mpamvu imwe ntibyemewe. Iyo ibigo by'ubwishingizi byinshi byishingiye icyishingirwa kimwe ku mpamvu imwe, ku buryo icyo cyishingirwa kigira ubwishingizi bw'ikirenga kandi bikaba birimo uburiganya	<u>Sub-Section 5: Amount and value insured</u> <u>Article 115: Valuation of insured asset</u> Prior to concluding a contract, the policyholder shows to the insurer the valuation of the insured asset made by a recognised valuer so that the sum insured in the contract is known. In case a policyholder is unable to provide an asset valuation, the basis for valuation consists of the value stated in the pre-contractual document. <u>Article 116: Multiple insurance</u> In a short-term insurance, underwriting the same risk under multiple insurers is prohibited. If several insurers insure the same liability for the same risk so that there is over insurance and there is fraud on the part of the underwriter, each insurer can request the nullity of the	<u>Sous-Section 5 : Montant et valeur assurés</u> <u>Article 115 : Évaluation du bien assuré</u> Avant de conclure un contrat, le souscripteur d'assurance présente à l'assureur l'évaluation du bien assuré faite par un expert reconnu, de sorte que la somme assurée dans le contrat d'assurance soit connue. Si le souscripteur d'assurance n'est pas en mesure de présenter une évaluation du bien, la base d'évaluation consiste en la valeur indiquée dans le document précontractuel. <u>Article 116 : Assurance cumulative</u> Dans l'assurance à court terme, la souscription d'un même risque auprès de plusieurs assureurs est interdite. Si plusieurs assureurs assurent le même bien pour le même risque de tel sorte qu'il y ait sur-assurance et qu'il y ait fraude de la part du souscripteur d'assurance, chaque assureur peut
--	---	--

bw'umufatabwishingizi, buri kigo cy'ubwishingizi gishobora gusaba ko amasezerano aseswa. icyakora, iyo umufatabwishingizi nta buriganya abifitemo, mu gihe impamvu y'icyishingiwe ibaye, buri Kigo cy'ubwishingizi gitanga indishyi igereranijwe n'amafaranga yishingiwe.	contract. However, in case no policyholder's fraud was involved, when an insured event occurs, each insurer provides indemnity in respect of the insured amount.	demander la nullité du contrat. Toutefois, si aucune fraude n'a été commise par le souscripteur d'assurance, lorsqu'un événement assuré survient, chaque assureur fournit une indemnité en proportion de la somme assurée par celui-ci.
<u>Akicro ka 6: Kurinda umufatabwishingizi</u>	<u>Sub-Section 6: Protecting the policyholder</u>	<u>Sous-Section 6 : Protection du souscripteur d'assurance</u>
<u>Ingingo ya 117: Ihererekanya ry'icyishingiwe</u>	<u>Article 117: Assignment of insured object</u>	<u>Article 117 : Cession de l'objet assuré</u>
Mu gihe icyishingiwe gihererekaniye, amasezerano y'ubwishingizi akomezanya n'uwacyegukanye. Ariko kandi, uwacyegukanye cyangwa ikigo cy'ubwishingizi bashobora gusesa amasezerano. Uruhande rwifuza gusesa amasezerano rutanga integuza ku rundi mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).	In case of assignment of an insured object, the insurance contract passes to the assignee. However, the assignee or the insurer may terminate the contract. The party intending to terminate the contract gives the other party a notice of a period not exceeding thirty (30) days.	En cas de cession d'un bien assuré, le contrat d'assurance passe au cessionnaire. Toutefois, le cessionnaire ou l'assureur peuvent résilier le contrat. La partie qui a l'intention de résilier le contrat donne à l'autre partie un préavis d'un délai n'excédant pas trente (30) jours.
<u>Ingingo ya 118: Guta agaciro kw'ingingo iri mu masezerano y'ubwishingizi</u>	<u>Article 118: Nullity of a provision of an insurance contract</u>	<u>Article 118 : Nullité d'une clause d'un contrat d'assurance</u>
Ingingo iri mu masezerano y'ubwishingizi ita agaciro iyo:	A provision provided for by an insurance contract is null and void if it:	Une clause prévue dans un contrat d'assurance est nulle et non avenue si elle:
1° iha uburenganzira cyangwa yemerera ikigo cy'ubwishingizi guhindura amasezerano ku buryo bubangamiye	1° authorises or permits the insurer to modify the contract to the prejudice of the policyholder or any other person with	1° autorise ou permet à l'assureur de modifier le contrat au détriment du souscripteur d'assurance ou d'une autre

umufatabwishingizi cyangwa undi muntu uyafitemo inyungu; 2° ishyira mu kaga umufatabwishingizi kurenza ako yari kuba arimo keretse iyo itegeko ribiteganywa ukundi. <u>Ingingo ya 119: Kutagabanya cyangwa kutavanaho uburyozwe</u> Ikigo cy'ubwishingizi ntigishobora gushingira ku ngingo ifite ingaruka yo kugabanya cyangwa kavanaho uburyozwe bwacyo, iyo gusaba kwishyurwa bikozwe mu rwego rw'igihombo cyabayeho gikomotse ku nenge cyangwa ubusembwa bw'ikintu, ku burwayi cyangwa ubumuga afite iyo umufatabwishingizi atari azi ibyo byose, cyangwa undi muntu ushyira mu gaciro uri mu bihe nk'ibye atashoboraga kumenya. <u>Icyiciro cya 4: Kwishyura indishyi</u> <u>Akiciro ka mbere: Ibisabwa mu kwishyura indishyi</u> <u>Ingingo ya 120: Imenyekanisha ryihuse ry'impamvu y'icyishyingiwe yabaye</u> Umufatabwishingizi, umugenerwabwishingizi, uwishyingiwe cyangwa undi muntu wese	interest in the contract; 2° puts the policyholder in a worse position than he or she would be unless the law provides otherwise. <u>Article 119: Not limiting or not excluding liability</u> An insurer does not rely on a provision in the contract that has the effect of limiting or excluding its liability, where the claim is made in respect of a loss that occurred as a result of a defect or imperfection in an object, sickness or disability that the policyholder was not aware of, or a reasonable person in the same circumstances could not be aware of. <u>Section 4: Claims settlement</u> <u>Sub-Section One: Requirements for claims settlement</u> <u>Article 120: Fast declaration of occurrence of the insured event</u> The policyholder, beneficiary, insured person or any other interested person immediately	personne qui a un intérêt dans le contrat; 2° met le souscripteur d'assurance dans une position pire qu'elle ne le serait, sauf si la loi en dispose autrement. <u>Article 119 : Ne pas limiter ou ne pas exclure la responsabilité</u> Un assureur ne peut pas invoquer une clause dans le contrat qui a pour effet de limiter ou d'exclure sa responsabilité, lorsque la demande d'indemnisation est introduite en rapport avec une perte qui survient comme conséquence d'un défaut ou une imperfection, une maladie ou une incapacité dont le souscripteur d'assurance n'était pas au courant, ou dont une personne raisonnable dans les mêmes circonstances ne pouvait pas être au courant. <u>Section 4 : Règlement des demandes d'indemnisation</u> <u>Sous-Section première : Conditions pour le règlement des demandes d'indemnisation</u> <u>Article 120 : Prompte déclaration de la survenance de l'événement assuré</u> Le souscripteur d'assurance, le bénéficiaire, l'assuré ou toute autre personne intéressée
---	---	---

ubifitemo inyungu, ahita amenyesha ikigo cy'ubwishingizi impamvu y'icyishingiwe yabaye akimara kubimenya. Imenyekanisha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, rikorwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'itumanaho bworoheye ukora imenyekanisha. <u>Ingingo ya 121: Imenyekanisha rirambuye ry'impamvu y'icyishingiwe yabaye</u> Umufatabwishingizi, umugenerwabwishingizi, uwishingiwe cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu, amenyesha mu buryo burambuye mu nyandiko cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ukubaho kw'impamvu y'icyishingiwe, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uherye igihe abimenyeye keretse agaragaje impamvu ntarengwa itunguranye. Icyo gihe ntigishobora kugabanywa n'amasezerano. Imenyekanisha ry'impamvu y'icyishingiwe ikubiyemo nibura ibi bikurikira: 1° itariki, isaha n'ahantu impamvu y'icyishingiwe yabereye n'icyayiteye iyo kizwi; 2° ikigereranyo cy'ingano y'igihombo	notifies the insurer of the occurrence of the insured event as soon as he or she becomes aware of it. The declaration referred to in Paragraph One of this Article is made through any communication means readily available to the declaring person. <u>Article 121: Detailed declaration of occurrence of insured event</u> The policyholder, beneficiary, insured person or any other interested person immediately gives a detailed declaration in writing or through electronic means to the insurer of the occurrence of the insured event, within a period of five (5) working days from the time he or she becomes aware of the event except in case of force majeure. The period cannot be reduced by the contract. The declaration of the insured event includes at least the following: 1° date, time and place of occurrence of insured event and cause if known; 2° approximate extent of any loss or	informe immédiatement l'assureur de la survenance de l'événement assuré dès qu'il en a connaissance. La déclaration visée à l'alinéa premier du présent article est effectuée par tout moyen de communication facilement utilisable par la personne qui fait la déclaration. <u>Article 121 : Déclaration détaillée de la survenance de l'événement assuré</u> Le souscripteur d'assurance, le bénéficiaire, l'assuré ou toute autre personne intéressée déclare immédiatement et de manière détaillée à l'assureur, par écrit ou par voie électronique, la survenance de l'événement assuré, dans un délai de cinq (5) jours ouvrables à compter du moment où il a connaissance de l'événement, sauf en cas de force majeure. Ce délai ne peut être réduit par le contrat. La déclaration de la survenance de l'événement assuré comprend au moins les éléments suivants : 1° la date, l'heure et le lieu de survenance de l'événement assuré et la cause si elle est connue ; 2° le montant approximatif de la perte ou
---	--	---

cyangwa ibyangiritse; 3° abagenerwabwishingizi bose bateganywa n'amasezerano bagizweho ingaruka n'icyishingiwe cyabaye; 4° abandi bantu bagizweho ingaruka no kubaho kw'icyishingiwe; 5° andi masezerano yose y'ubwishingizi nayo yishingira ibyo byishingiwe; 6° uburenganzira ikigo cy'ubwishingizi gishobora kugira ku bandi bantu bafite uburyozwe bw'icyishingiwe. Ikigo cy'ubwishingizi gishobora gusaba uwakoze imenyekanisha gutanga andi makuru, inyandiko no gusura aho umutungo uherereye. Iyo uwamenyekanishije adatanze ibisabwa muri iyi ngingo, uburyozwe bugabanuka hakurikijwe igihombo ikigo cy'ubwishingizi cyagize. <u>Ingingo ya 122: Kwemera uburyozwe ku kigo cy'ubwishingizi</u> Iyo ikigo cy'ubwishingizi gisabwe kwishyura hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi, cyihutira kugaragaza ko cyemera uburyozwe bwose, igice cyabwo cyangwa kitabwemera.	damage; 3° all beneficiaries under the contract who suffered the effects of the occurrence of the insured event; 4° third parties who suffered the effects of the occurrence of the insured event; 5° any other insurance contracts covering the same risks; 6° possible rights that the insurer may have from third parties with liability on the insured object. The insurer may request the declaring person to give more information, documents and to access the property premises. Where the notifying person does not comply with the requirements of this article, the liability is reduced according to the loss suffered by the insurer. <u>Article 122: Insurer's admission of liability</u> Where a claim for compensation is made to an insurer under an insurance contract, the insurer promptly determines that it accepts its liability in whole or in part or that it rejects it.	du dommage ; 3° tous les bénéficiaires prévus au contrat qui ont subi les effets de la survenance de l'événement assuré ; 4° les tiers qui ont subi les effets de la survenance de l'évènement assuré ; 5° tout autre contrat d'assurance couvrant les mêmes risques ; 6° les droits de recours éventuels que l'assureur peut avoir à l'égard des tiers responsables de l'évènement assuré. L'assureur peut demander à la personne qui a déclaré de fournir plus d'informations et des documents et de visiter la propriété. Lorsque la personne qui notifie ne fournit pas les éléments exigés par le présent article, la responsabilité est réduite selon la perte subie par l'assureur. <u>Article 122 : Acceptation de la responsabilité par l'assureur</u> Lorsqu'une demande d'indemnisation est introduite à l'assureur en vertu d'un contrat d'assurance, l'assureur établit rapidement sa responsabilité totale ou qu'il en accepte une
--	--	--

Iyo ikigo cy'ubwishingizi kitemera uburyozwe cyangwa cyemera igice cyabwo, mu minsi itarenze icumi (10) y'akazi kuva kibonye ubusabe, kibigaragariza uwasabye kwishyurwa mu nyandiko kigasobanura n'impamvu kitabyemera. <u>Ingingo ya 123: Igihe cyo kwishyura indishyi</u> Mu gihe ikigo cy'ubwishingizi cyemeye uburyozwe, indishyi zishyurwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe kuva hujujwe ibisabwa byose ndetse humvikanywe n'ingano y'amafaranga kigomba kwishyura. Iyo ikigo cy'ubwishingizi kitubahirije ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, cyishyura inyungu ku mafaranga kitishyuye nta mpamvu, abarwa uhereye ku itariki cyagombaga kwishyuriraho kugeza ku itariki cyishyuriyeho. Izo nyungu zihabwa umugenerwabwishingizi wese wateganyijwe mu masezerano. Igipimo cy'inyungu zishyurwa cyangwa uburyo bwo kugena ijanisha bigenwa n'amabwiriza rusange.	Where the insurer rejects the liability or accepts part of it, it notifies it in writing to the claimant for compensation within ten (10) working days from receipt of the claim and it explains the grounds for rejection. <u>Article 123: Time limit for indemnity payment</u> Where an insurer admits its liability, the indemnity is paid within one month from the compliance with all requirements and agreement on the amount to be paid. Where the insurer fails to comply with provisions of Paragraph One of this Article, it pays interest on the amount due counted from the date it should have paid to the date that the payment is made. The interest is paid to any beneficiary provided for under the contract. The rate of interest payable or the method for determining the rate are specified in the regulations.	partie ou qu'il en rejette en totalité. Lorsque l'assureur rejette la responsabilité ou en accepte une partie, il le notifie par écrit au demandeur d'indemnisation endéans dix (10) jours ouvrables suivant la réception de la demande et il explique les motifs du rejet. <u>Article 123 : Délai de paiement des indemnités</u> Lorsque l'assureur accepte sa responsabilité, l'indemnité est payée endéans un mois à compter du respect de toutes les conditions et de l'accord sur le montant à payer. Lorsque l'assureur ne se conforme pas aux clauses de l'alinéa premier du présent article, il paie des intérêts sur le montant dû à compter de la date à laquelle il l'aurait payé jusqu'à la date à laquelle le paiement est effectué. Ces intérêts sont payés à tout bénéficiaire prévu au contrat. Le taux d'intérêt payable ou la méthode de calcul du taux sont spécifiés dans les règlements.
---	---	---

<u>Akiciro ka 2: Impamvu zo kutishyura indishyi</u> <u>Ingingo ya 124: Uburenganzira bwo kutishyura indishyi</u> Ikigo cy'ubwishingizi gifite uburenganzira bwo kutishyura indishyi iyo: 1° igikorwa cyateje cyangwa cyagize uruhare mu kubaho kw'impamvu y'icyishingiwe cyakozwe ku bushake n'umufatabwishingizi, uwishingiwe cyangwa umugenerwabwishingizi; 2° mu masezerano y'ubwishingizi bw'uburyozwe hateganyijwe ko umufatabwishingizi, amenyesha ikigo cy'ubwishingizi ibintu yamenye mbere y'uko ubwishingizi burangira bishobora gutuma yishyuzwa uburyozwe akaba atakoze iryo menyekanisha: a. hakurikijwe ibiteganywa mu masezerano; b. mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira irangira ry'ubwishingizi;	<u>Sub-Section 2: Grounds for not settling claims</u> <u>Article 124: Right of not settling claims</u> The insurer has the right of not settling a claim if: 1° what caused or contributed to the occurrence of insured event was a voluntary act of the policyholder, the insured person or the beneficiary; 2° under a contract of liability insurance, the policyholder is required to give the insurer declaration of facts that he or she has become aware of before the insurance cover expires and that might give rise to a claim against the policyholder and the policyholder did not give such declaration: a. as required by the contract; b. within thirty (30) days after that cover had expired;	<u>Sous-Section 2 : Motifs de non-paiement des indemnités</u> <u>Article 124 : Droit de non-paiement des indemnités</u> L'assureur a le droit ne pas payer une indemnité si: 1° ce qui a causé ou contribué à l'évènement assuré était un acte volontaire du souscripteur d'assurance, de la personne assurée ou du bénéficiaire ; 2° en vertu du contrat d'assurance responsabilité, le souscripteur d'assurance est tenu de déclarer à l'assureur les faits dont il a pris connaissance avant l'expiration de la couverture d'assurance et qui pourraient donner lieu à une demande d'indemnisation contre le souscripteur d'assurance et que le souscripteur d'assurance n'a pas fait cette déclaration: a. conformément aux clauses du contrat ; b. endéans trente (30) jours suivant l'expiration de la couverture.
--	--	---

3° kwishyura indishyi bikoze mu buriganya. <u>Ingingo ya 125:</u> Inzitizi ku burenganzira bwo kutishyura indishyi Iyo amasezerano y'ubwishingizi akubiyemo ingingo yemerera ikigo cy'ubwishingizi kutishyura indishyi ikigo cy'ubwishingizi ntigishobora kwanga kwishyura indishyi iyo umufatabwishingizi agaragaza ko: 1° nta ruhare igikorwa cyakozwe cyangwa kitakozwe cyagize mu kubaho kw'impamvu y'icyishingiwe; 2° igikorwa cyakozwe cyangwa kitakozwe cyari ngombwa mu kurinda ubuzima bw'umuntu cyangwa mu kubungabunga umutungo; 3° hashyizwe mu gaciro, bitari kumushobokera cyangwa gushobokera undi muntu gukora igikorwa cyangwa kureka kutagikora; 4° igikorwa cyakozwe cyangwa kitakozwe kidafite ingaruka zihindura imiterere cyangwa imimerere y'icyishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi cyangwa zituma imiterere cyangwa imimerere y'icyo cyishingiwe ihinduka.	3° fraudulent claim for indemnity. <u>Article 125:</u> Restrictions on the right of not settling claims Where an insurance contract includes a provision that has the effect of enabling an insurer not to pay a claim, an insurer cannot refuse to pay the claim, if the policyholder proves that: 1° the act or failure to act did not contribute to the occurrence of the insured event; 2° the act or failure to act was necessary to protect the safety of a person or to preserve property; 3° it was reasonably not possible for the policyholder or other person not to do the act or omission; 4° an act or omission has no effect of altering the state or condition of the insured object under the insurance contract or of allowing the state or condition of that object to alter.	3° réclamation frauduleuse d'indemnisation. <u>Article 125 :</u> Restrictions au droit de ne pas payer les indemnités Lorsqu'un contrat d'assurance renferme une clause ayant pour effet de permettre à un assureur de ne pas payer une indemnité, l'assureur ne peut refuser de payer l'indemnité, si le souscripteur d'assurance prouve que : 1° l'acte accompli ou l'omission de l'accomplir n'a pas contribué à la survenance de l'évènement assuré; 2° l'acte accompli ou l'omission de l'accomplir était nécessaire pour protéger la sécurité d'une personne ou préserver un bien; 3° il n'était pas raisonnablement possible pour souscripteur d'assurance ou une autre personne d'accomplir l'acte ou d'omettre à l'accomplir; 4° un acte ou une omission n'a pas l'effet de modifier l'état ou la condition de l'objet assuré dans le contrat d'assurance ou de permettre l'état ou la condition de cet objet d'être altérée.
---	--	--

<u>Icyiciro cya 5: Gutanga amakuru mu masezerano y'ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 126: Inshingano rusange y'ikigo cy'ubwishingizi yo gutanga amakuru</u> Ikigo cy'ubwishingizi gifite inshingano, mu gihe cyose amasezerano y'ubwishingizi agifite agaciro, yo kumenyesha mu nyandiko umufatabwishingizi impinduka zerekeye izina, imiterere mu by'amategeko, aderesi y'icyicaro gikuru cyangwa cy'ishami umufatabwishingizi yakoreyemo amasezerano mu gihe cy'iminsi icumi n'itanu (15) uhereye igihe impinduka zibereye. Umufatabwishingizi ashobora gusaba ikigo cy'ubwishingizi igihe icyo aricyo cyose kumuha: 1° inyandiko imenyekanisha iby'ingenzi bikubiye mu masezerano y'ubwishingizi; 2° aho ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubwishingizi rigeze; 3° inyandiko isobanura impamvu yo gusesa amasezerano y'ubwishingizi.	<u>Section 5: Providing information relating to insurance contract</u> <u>Article 126: General duty of insurer to provide information</u> An insurer has a continuing duty, during the period that an insurance contract is in force, to provide the policyholder, within fifteen (15) days from the change, with information in relation to any change in its name, legal form, and address of its principal office or of the branch office with which the policyholder entered into the contract. The policyholder may any time request the insurer to provide him or her with: 1° a summary of the content of the insurance contract; 2° the progress report of implementation of the insurance contract; 3° an explanatory note about the termination of contract.	<u>Section 5 : Fournir les informations relatives au contrat d'assurance</u> <u>Article 126 : Obligation générale de l'assureur de fournir des informations</u> L'assureur a l'obligation continue, durant la période où le contrat d'assurance est en vigueur, de fournir au souscripteur d'assurance, endéans quinze (15) jours à compter du changement, l'information en rapport avec tout changement dans sa dénomination, sa forme juridique, l'adresse de son siège principal ou de sa branche, où le souscripteur d'assurance a conclu le contrat. Le souscripteur d'assurance peut à tout moment demander à l'assureur de lui fournir : 1° un résumé du contenu du contrat d'assurance; 2° le rapport sur l'état d'avancement de l'exécution du contrat d'assurance ; 3° une note explicative sur la résiliation du contrat.
---	--	--

Ingingo ya 127: Inshingano yo kumenyekanisha ubwiyongere bw'ingorane Mu gihe ingorane ziyongereye, kandi iyo bimenyekana mu gihe cyo gukora amasezerano ikigo cy'ubwishingizi kiba kitarayakoze cyangwa kiba cyarayakoze ku giciro cy'ikiguzi cy'ubwishingizi kiri hejuru kucyo cyaciye, umufatabwishingizi abimenyesha ikigo cy'ubwishingizi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa kuva igihe amenyeye ubwiyongere bw'izo ngorane. Icyo gihe ntigishobora kugabanywa n'amasezerano. Mu gihe ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo bibaye, ikigo cy'ubwishingizi gishobora gusesa amasezerano cyangwa kikayakomeza cyongereye ikiguzi cy'ubwishingizi. Mu gihe umufatabwishingizi atamenyekanishije ubwiyongere bw'ingorane cyangwa akamenyekanisha ibinyuranye n'ukuri, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 92 n'ya 93 z'iri tegeko. Ibivugwa muri iyi ngingo ntibikurikizwa mu bwishingizi bw'igihe kirekire.	Article 127: Obligation to notify the risks' increase In case of risks' increase so that if it were known at the time of concluding the contract, the insurer would not have concluded the contract or would have concluded the contract and charged premiums higher than what it charged, the policyholder notifies the insurer of the risks' increase within a period of fifteen (15) days from the awareness of risks' increase. This period cannot be reduced by the contract. In case what is provided for in Paragraph One of this Article occurs, the insurer may terminate the contract or continue the contract after increase of premiums. In case the policyholder does not declare the risks' increase or makes a false declaration, the provisions of Articles 92 and 93 of this Law apply. The provisions of this Article do not apply for a long-term insurance.	Article 127 : Obligation de notifier l'augmentation des risques En cas d'augmentation des risques telle que, si elle était connue au moment de la conclusion du contrat, l'assureur n'aurait pas conclu le contrat ou l'aurait conclu à des primes supérieures à celles qu'il demandé, le souscripteur d'assurance notifie à l'assureur l'augmentation des risques dans un délai de quinze (15) jours à compter de la prise de connaissance de l'aggravation des risques. Ce délai ne peut être réduit par le contrat. Au cas où ce qui est prévu à l'alinéa premier du présent article arrive, l'assureur peut résilier le contrat ou le maintenir après augmentation des primes. Si le souscripteur d'assurance ne déclare pas l'aggravation des risques ou fait une fausse déclaration, les dispositions des articles 92 et 93 de la présente loi s'appliquent. Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas à une assurance de longue durée.
---	---	---

<u>Icyiciro cya 6: Isimbura mu masezerano y'ubwishingizi bw'indishyi</u> <u>Ingingo ya 128: Uburenganzira bw'ikigo cy'ubwishingizi bw'isimbura</u> Iyo ikigo cy'ubwishingizi cyishyuye indishyi hakurikijwe amasezerano y'ubwishingizi bw'indishyi, cyemerewe gukoresha uburenganzira bwo gusimbura mu kwishyura uryozwa igihombo cyangwa ibyangiritse, ku rugero cyishyuriyeho umufatabwishingizi cyangwa umugenerwabwishingizi. Ikigo cy'ubwishingizi ntigishobora gukoresha uburenganzira buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ku bo umufatabwishingizi akomokaho, abamukomokaho, abamuhagarariye ku murimo n'abo akoresha cyangwa abantu basanzwe baba iwe kandi abafite mu nshingano, keretse iyo bigaragaye ko abo bantu bateje icyo gihombo ku bushake cyangwa uburiganya kabone n'ubwo byaba byarateganyijwe ukundi mu masezerano y'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 129: Ingaruka zo kureka uburenganzira bwo kwishyura</u> Iyo umufatabwishingizi aretse uburenganzira bwe bwo kwishyura umuntu utari mu bagiranye amasezerano y'ubwishingizi wagombaga	<u>Section 6: Subrogation in indemnity insurance contracts</u> <u>Article 128: Insurer's subrogation rights</u> Where an insurer has paid a claim under a contract of indemnity insurance, the insurer is entitled to exercise rights of subrogation against a third party who is liable for loss or damage, to the extent that the insurer has indemnified the policyholder or the beneficiary. An insurer is not entitled to exercise the rights referred to in Paragraph One of this Article against a policyholder's ascendant, descendant, employment representative and employees or the persons living at his or her home that he or she is in charge of, except when it appears that the persons caused the loss intentionally or fraudulently even when otherwise provided by insurance contract. <u>Article 129: Effects of waiver of the right to a claim</u> Where the policyholder waives his or her rights against a third party whom the insurer would have been entitled to exercise rights of	<u>Section 6 : Subrogation dans les contrats d'assurance indemnitaire</u> <u>Article 128 : Droits de subrogation de l'assureur</u> Après que l'assureur ait payé l'indemnité en vertu d'un contrat d'assurance indemnitaire, il est autorisé d'exercer les droits de subrogation contre le tiers responsable de la perte ou du dommage, à concurrence de l'indemnisation que l'assureur a versée au souscripteur d'assurance ou au le bénéficiaire. L'assureur ne peut exercer les droits visés à l'alinéa premier du présent article à l'encontre des ascendants, descendants, représentants d'emploi et employés du souscripteur d'assurance ou des personnes vivant à son domicile dont il a la charge, sauf s'il apparaît que ces personnes ont causé la perte intentionnellement ou frauduleusement, même si le contrat d'assurance en dispose autrement. <u>Article 129 : Effets de la renonciation au droit de réclamation</u> Lorsque le souscripteur d'assurance renonce à ses droits contre un tiers contre qui l'assureur aurait exercé le droit de recours à titre de
--	---	--

kwishyuzwa n'ikigo cy'ubwishingizi akoresheje uburenganzira bw'isimbura, uburyozwe bw'ikigo cy'ubwishingizi bwo kuriha umufatabwishingizi bugabanukaho agaciro kangana n'igihombo cyatejwe n'umufatabwishingizi mu kureka uburenganzira bwe. <u>Ingingo ya 130: Amafaranga yishyujwe undi muntu utari umwe mu bagiranye amasezerano</u> Ikigo cy'ubwishingizi cyishyuje amafaranga undi muntu utari umwe mu bagiranye amasezerano, cyemerewe amafaranga atarenze umubare w'amafaranga cyishyuye umufatabwishingizi ajyanye n'igihombo hiyongereyeho amafaranga ari mu gaciro yakoreshejwe mu iyishyuzwa. <u>Icyiciro cya 7: Uburyozwe bw'Ikigo cy'ubwishingizi</u> <u>Akiciro ka mbere: Ubwishingizi bw'ibintu</u> <u>Ingingo ya 131: Indishyi ntarengwa</u> Igihe habaye impamvu y'icyishingiwe, ikigo cy'ubwishingizi cyishyura indishyi ntarengwa hashingiwe ku gaciro k'icyishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi yo kwishyura cyangwa kuriha umufatabwishingizi cyangwa	subrogation, the insurer's liability to indemnify the policyholder is reduced by the value of the prejudice which the policyholder's action caused to the insurer in waiving his or her rights. <u>Article 130: Money recovered from a third party</u> The insurer who recovers money from the third party is entitled to an amount not exceeding the sum paid to the policyholder with respect to the loss and the reasonable costs incurred in connection with the recovery. <u>Section 7: Insurer's liability</u> <u>Sub-Section One: Property insurance</u> <u>Article 131: Maximum indemnity</u> In case of occurrence of insured event, the insurer pays maximum indemnity based on the value of the insured object under an indemnity insurance contract to indemnify or compensate the policyholder, or such other person whose	subrogation, la responsabilité de l'assureur d'indemniser le souscripteur d'assurance est réduite de la valeur du préjudice subi par l'assureur suite à l'action du souscripteur d'assurance de renoncer à ses droits. <u>Article 130 : Argent recouvré auprès d'un tiers</u> L'assureur qui recouvre l'argent auprès d'un tiers a droit au montant qui n'excède pas le montant qu'il a payé au souscripteur d'assurance en rapport avec la perte et les frais raisonnables encourus en rapport avec le recouvrement. <u>Section 7 : Responsabilité d'assureur</u> <u>Sous-Section première : Assurance des biens</u> <u>Article 131 : Indemnité maximale</u> En cas de survenance d'un événement assuré, l'assureur paie l'indemnité maximale sur base de la valeur de l'objet assuré prévue dans le contrat d'assurance indemnitaire pour indemniser ou dédommager le souscripteur
---	--	---

undi muntu ufite inyungu yishingiwe mu masezerano, ku gihombo cyangwa ibyangijwe byishingiwe. <u>Ingingo ya 132:</u> Gusubizwa amafaranga ajyanye no kugabanya igihombo Iyo umufatabwishingizi yafashe ingamba zo kugabanya igihombo ku cyishingiwe, kandi iza ngamba zikaba zikwiye, mu buryo bwose, haba ku byerekeye ibiciro no kuba zarashoboraga kugera ku ntego, kabone n'iyi iza ngamba ntacyo zaba zaragezeho mu kugabanya igihombo, ikigo cy'ubwishingizi kigomba kwishyura umufatabwishingizi amafaranga yakoresheje. <u>Ingingo ya 133:</u> Ubwishingizi ku gaciro kari muni y'agaciro nyakuri k'umutungo Iyo umutungo wafatiwe ubwishingizi ku gaciro kari muni y'agaciro nyakuri kawo, uburyozwe bw'ikigo cy'ubwishingizi bugarukira ku igenagaciro ngereranya. icyo gihe, umufatabwishingizi yirengera uburyozwe bw'igice kitishingiwe. Icyakora iyo umufatabwishingizi yashyize igice cy'umutungo we icyo gihe igenagaciro ngereranya ntirikurizwa.	interest is insured under the contract, for the insured loss or damage. <u>Article 132:</u> Indemnification relating to loss mitigation Where the policyholder has taken measures to mitigate the loss from insured object, provided that the measures were, in all the circumstances, reasonable, in terms both of cost and likelihood of success, even if those measures were not successful in mitigating the loss, the insurer indemnifies a policyholder for the costs incurred. <u>Article 133:</u> Underinsurance Where a property is insured for less than its real value, the insurer's liability is limited to the average provision. In such case, the policyholder is liable for the uninsured portion. However, where a policyholder has insured a portion of his or her property, the average provision is not applicable.	d'assurance, ou toute autre personne dont l'intérêt est assuré dans le contrat, pour la perte ou le dommage assuré. <u>Article 132 :</u> Indemnisation relative à la diminution de la perte Lorsque le souscripteur d'assurance a pris des mesures pour diminuer la perte due à l'objet assuré, à condition que ces mesures soient, dans toutes les circonstances, raisonnables, tant en termes de coût qu'à la chance de succès, même si ces mesures n'ont pas réussi à diminuer la perte, l'assureur indemnise le souscripteur d'assurance pour les coûts engagés. <u>Article 133 :</u> Sous-assurance Si la chose assurée a une valeur supérieure à la somme garantie, la responsabilité de l'assureur est limitée à la clause de proportionnalité. Dans ce cas, le souscripteur d'assurance est responsable de la part non-assurée. Toutefois, lorsqu'un souscripteur d'assurance a assuré une partie de ses biens, la clause de proportionnalité n'est pas applicable.
--	--	---

<u>Ingingo ya 134:</u> Igihe uburyozwe bw'ikigo cy'ubwishingizi budashingira ku igenagaciro ngereranya Igihe impamvu y'ubwishingizi ibaye, ikigo cy'ubwishingizi kigasanga agaciro k'umutungo wishingiwe mu masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kigufi katari munsu ya mirongo inani ku ijana (80%) by'agaciro ku mutungo wishingiwe, uburyozwe bw'ikigo cy'ubwishingizi ntibushingira ku igenagaciro ngereranya. <u>Ingingo ya 135:</u> Ubwishingizi bw'ikirenga Iyo umutungo wafatiwe ubwishingizi ku gaciro kari hejuru y'agaciro nyakuri kawo, kandi umufatabwishingizi akaba yarabikoranye uburiganya, ikigo cy'ubwishingizi gishobora gusaba gusesa amasezerano y'ubwishingizi ndetse kigasaba no kwishyurwa igihombo byagiteje. Iyo nta buriganya bwabayeho, amasezerano y'ubwishingizi agumaho ariko ku gaciro nyakuri k'umutungo wishingiwe. Iyo agaciro kishingiwe kagabanyijwe bisabwe n'umufatabwishingizi, ikigo cy'ubwishingizi cyemererwa ikiguzi cy'ubwishingizi kigabanyije ariko kikagumana ikiguzi cy'ubwishingizi cyagizeho uburenganzira	<u>Article 134:</u> Circumstances where liability is not based on average provision In case of occurrence of an insured event and an insurer finds out that the value of property under a short-term insurance contract is not less than eighty percent (80%) of the value of the insured property, the liability of the insurer is not based on average provision. <u>Article 135:</u> Over-insurance Where the property insured is more than its real value and if the policyholder has acted fraudulently, the insurer may request the cancellation of the insurance contract and claim damages. If there has been no fraud, the insurance contract remains valid, but only up to the actual value of the insured property. If, at the request of the policyholder, the insured value is reduced, the insurer is entitled to reduced premiums but keeps premiums due before reduction.	<u>Article 134 :</u> Circonstances où la responsabilité d'un assureur n'est pas basée sur la clause de proportionnalité Si un évènement assuré survient et que l'assureur constate que la valeur du bien faisant l'objet du contrat d'assurance à court terme n'est pas inférieure à quatre-vingt pour cent (80%) de la valeur du bien assuré, la responsabilité de l'assureur n'est pas basée sur la clause de proportionnalité. <u>Article 135 :</u> Sur-assurance Si la somme garantie par le contrat est supérieure à la valeur du bien assuré et que le souscripteur d'assurance a agi frauduleusement, l'assureur peut demander l'annulation du contrat et réclamer les dommages-intérêts. S'il n'y a pas eu fraude, le contrat reste valable, mais seulement jusqu'à concurrence de la valeur réelle des biens assurés. Si, à la demande du souscripteur d'assurance, la valeur assurée est réduite, l'assureur n'a plus droit, qu'à des primes réduites, mais conserve les primes dus avant la réduction.
--	---	---

mbere y'iryo gabanywa. <u>Akicro ka 2:</u> Ubwishingizi bw'igihe kirekire <u>Ingingo ya 136:</u> Amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 100 y'iri tegeko, amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire agomba kugaragaza ibi bikurikira: 1° amazina n'itariki y'amavuko by'umuntu ubwishingizi bw'igihe kirekire bufatiwe; 2° amazina y'umugenerwabwishingizi mu gihe yagaragajwe; 3° icyishingiwe cyangwa impamvu izashingirwaho kugira ngo hatangwe ubwishyu; 4° iyo bishoboka uburyo bwo kubara igabanywa cyangwa umubare w'amafaranga umufatabwishingizi yagenerwa ahagaritse ubwishingizi. <u>Ingingo ya 137:</u> Ubwishingizi bw'igihe kirekire bugenewe undi muntu Iyo umufatabwishingizi akoze amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire bugenewe	<u>Sub-Section 2:</u> Long-term insurance <u>Article 136:</u> Long-term insurance contract Notwithstanding the provisions of Article 100 of this Law, a long-term insurance contract must include the following: 1° the names and date of birth of the individual for whom the long-term insurance is purchased; 2° the names of the beneficiary, if he or she is named; 3° the insured object or the term on which depends the payment; 4° if applicable, the method of calculation of the reduction or the surrender value. <u>Article 137:</u> Long-term insurance for the benefit of a third party Where a policyholder concludes a long-term insurance contract for the benefit of a third party	<u>Sous-Section 2 :</u> Assurance à long terme <u>Article 136 :</u> Contrat d'assurance à long terme Sous réserve des dispositions de l'article 100 de la présente loi, le contrat d'assurance à long terme doit préciser ce qui suit: 1° les noms et date de naissance de la personne pour laquelle l'assurance à long terme est souscrite; 2° les noms du bénéficiaire, s'il est désigné; 3° l'objet assuré ou le terme duquel dépend le paiement; 4° le cas échéant, le mode de calcul de la réduction ou de la valeur de rachat. <u>Article 137 :</u> Assurance à long terme pour le compte d'un tiers Lorsque le souscripteur d'assurance conclut un contrat d'assurance à long terme au profit d'une
--	--	---

undi muntu wagenwe mu masezerano, amafaranga agomba kwishyurwa hashingiwe kuri ayo masezerano ntabarirwa mu mutungo w'umufatabwishingizi; yishyurwa uwo muntu wagenwe.	specified in the contract, the money payable under this contract does not form part of the policyholder's estate; it is payable to the specified third party.	tierce personne désignée dans le contrat, la somme payable en vertu de ce contrat ne fait pas partie du patrimoine du souscripteur d'assurance ; elle est payable au tiers désigné.
Icyakora, umufatabwishingizi mu masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire bugenewe undi muntu akomeza gukoresha uburenganzira cyangwa ububasha ubwo ari bwo bwose bushingiye ku masezerano ye y'ubwishingizi bukubiyemo uburenganzira bwerekeye kugurura amasezerano y'ubwishingizi, kuguza amafaranga atanze ingwate ku masezerano, kubona ihindurwa iryo ari ryo ryose ry'amasezerano cyangwa ubundi buryo ubwo aribwo bwose buteganywa n'iri tegeko.	However, the policyholder under a long-term insurance for the benefit of a third party continues to exercise any right or power under his or her insurance contract including the right to surrender the contract, to borrow money on the security of the contract, to obtain any modification of the contract or any other means provided for under this Law.	Toutefois, le souscripteur d'assurance en vertu d'un contrat d'assurance à long terme, continue d'exercer tout droit ou pouvoir prévu par son contrat d'assurance, y compris le droit de racheter le contrat, emprunter de l'argent en donnant son contrat en garantie, obtenir toute modification du contrat ou tout autre moyen prévu par la présente loi.
<u>Ingingo</u> ya 138: Ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire	<u>Article 138: Assignment of a long-term insurance contract</u>	<u>Article 138</u> : Cession d'un contrat d'assurance à long terme
Ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire, rikozwe ku kiguzi cyangwa nta kiguzi, rishobora gukorwa iyo nyir'ayo masezerano cyangwa umuhagarariye ashyize umukono kuri ayo masezerano cyangwa ku nyandiko iri ukwayo kandi hari nibura umutangabuhamya umwe.	The assignment of a long-term insurance contract, whether with or without consideration, may only be made by an endorsement upon the contract itself or a separate instrument, signed in either case by the assignor or his or her duly authorised agent and attested by at least one witness.	La cession d'un contrat d'assurance à long terme, avec ou sans contrepartie, ne peut être faite que par endossement du contrat ou d'un instrument séparé, signé dans tous les cas par le cédant ou par son mandataire dûment délégué en présence d'au moins un témoin.
Ihererekanya ry'amasezerano riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntirishobora	The assignment provided for under Paragraph One of this Article cannot be operative before	La cession prévue à l'alinéa premier du présent article ne peut être opérationnelle avant que

kugira agaciro mbere yuko ikigo cy'ubwishingizi kimenyeshwa mu nyandiko iryo hererekanya ry'amasezerano cyangwa kopi yayo nyayo yemejwe n'utanze amasezerano ndetse n'uyakiriye cyangwa ababahagarariye bemewe. <u>Ingingo ya 139:</u> Kumenyesha ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire Itariki ikigo cy'ubwishingizi kimenyeshejweho mu nyandiko ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire ni yo ishingirwaho mu kugena uko abafite inyungu mu masezerano yahererekanyijwe bakurikirana. Ikigo cy'ubwishingizi kikimara kumenyeshwa ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire, kirandika mu bitabo byacyo, kikandikamo itariki yayo n'amazina y'uwakiriye ayo masezerano, kandi kigomba, kibisabwe n'ugishyikirije inyandiko imenyeshwa ihererekanya cyangwa uwakiriye amasezerano, kwemeza mu nyandiko ko cyamenyeshejwe iryo hererekanya.	the insurer is notified in writing of the assignment or its certified copy approved by the assignor and assignee or their duly authorised agents. <u>Article 139:</u> Notice of assignment of a long-term insurance policy The date on which the written notice of assignment of a long-term insurance policy is delivered to the insurer regulates the priority of all claims transferred between persons interested in the long-term insurance policy. Upon the receipt of notice of assignment of long-term insurance policy, the insurer records it together with the date thereof and the name of the assignee and, on the request of the person to whom the notice was given, or of the assignee, grants a written acknowledgment of the receipt of such notice.	l'assureur ne soit avisé par écrit de la cession ou de sa copie certifiée conforme approuvée par le cédant et le cessionnaire ou leurs mandataires dûment autorisés. <u>Article 139 :</u> Avis de cession d'une police d'assurance à long terme La date de transmission de l'avis écrit de cession d'une police d'assurance à long terme à l'assureur détermine l'ordre de priorité des créanciers sur la cession pour les personnes qui ont des intérêts dans la police d'Assurance à long terme. À la réception de l'avis de cession, l'assureur enregistre la cession de la police d'assurance à long terme, sa date ainsi que les noms du cessionnaire, et doit, à la demande de la personne par qui l'avis est transmis, ou du cessionnaire donner une preuve écrite de réception dudit avis.
--	---	---

<u>Ingingo ya 140</u> Ingaruka z'iherekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire Ikigo cy'ubwishingizi gihereye ku itariki cyamenyeshejweho ihererekanya ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire, gifata uwakiriye ayo masezerano ko ariwe wenyine ufite uburenganzira bw'ibiteganywa n'amasezerano y'ubwishingizi. Uweguriwe amasezerano ashobora gutanga ikirego cyerekeranye n'ayo masezerano atabanje kubisabira uburenganzira uwamweguriye ayo amasezerano cyangwa se kumushora mu rubanza. <u>Ingingo ya 141:</u> Ishyirwaho ry'umugenerwabwishingizi mu bwishingizi bw'igihe kirekire Umufatabwishingizi mu bwishingizi bw'igihe kirekire mu gihe afata ubwishingizi cyangwa ikindi gihe cyose mbere yuko amasezerano y'ubwishingizi ageza igihe cyo kwishyurwa, ashobora gushyiraho umugenerwabwishingizi cyangwa abagenerwabwishingizi bazishyurwa ibigenwa n'ayo masezerano igihe impamvu y'icyishingiwe yabaye.	<u>Article 140:</u> Effects of the transfer of long-term insurance policy From the date of the receipt of notice of assignment of long-term insurance policy, the insurer recognizes the assignee named in the notice as the only person entitled to benefits under the insurance policy. The assignee may institute any proceeding in relation to the long-term insurance policy without obtaining the consent of the assignor or have him or her intervene in such proceedings. <u>Article 141:</u> Nomination of a beneficiary of long-term insurance policy A long-term insurance policyholder, may, when subscribing to the policy or at any time before the policy matures, nominate the beneficiary or beneficiaries to whom the benefits under the policy are paid in when the ensured event occurred.	<u>Article 140:</u> Effets de la cession de la police d'assurance à long terme Dès la date de réception de l'avis de cession de la police d'assurance à long terme, l'assureur reconnaît le cessionnaire nommé dans l'avis comme la seule personne ayant droit aux prestations prévues par la police d'assurance. Le cessionnaire peut intenter une action en justice en relation avec la police d'assurance à long terme sans demander le consentement du cédant ou le faire intervenir dans le procès engagé. <u>Article 141 :</u> Désignation d'un bénéficiaire de la police d'assurance à long terme Le souscripteur d'assurance d'une police d'assurance à long terme, peut, au moment de la souscription ou à n'importe quel moment avant l'échéance de la police, nommer le bénéficiaire ou les bénéficiaires auxquels sont payées les prestations prévues par cette police d'assurance quand l'évènement souscrit survient.
--	---	--

<u>Ingingo ya 142:</u> Kutagabanya ibyishyurwa bigenwa n'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire Amafaranga yishyurwa ku bwishingizi bw'igihe kirekire igihe impamvu y'icyishingiwe yabaye cyangwa ayishyurwa habaye igurura ry'amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire agomba kwishyurwa hakurikije ibyateganijwe n'amasezerano. Ingingo iyo ariyo yose yaba iri mu masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire cyangwa mu yindi nyandiko yumvikanyweho n'impande zombi ifitanye isano n'ayo masezerano itakaza agaciro igihe cyose iha ikigo cy'ubwishingizi uburenganzira bwo kugabanya amafaranga yishyurwa ku bwishingizi. <u>Ingingo ya 143:</u>Agaciro k'igururwa ry'amasezerano y'ubwishingizi no kutishyura ikiguzi cy'ubwishingizi Mu gihe ubwishingizi bw'igihe kirekire bumaze nibura imyaka itatu (3): 1° umufatabwishingizi ashobora, abimenyesheje ikigo cy'ubwishingizi mu nyandiko, guhagarika amasezerano y'ubwishingizi maze akabona uburenganzira bwo guhabwa amafaranga angana n'ikiguzi cy'ayo	<u>Article 142:</u> Benefits related to long-term insurance policy payable without deduction Any payment related to long-term insurance policy or its surrender must be done in accordance with the long-term insurance policy. Any clause contained in a long-term insurance policy or in any other agreement made by both parties related to that policy is void, in so far as it entitles the insurer to make any such deduction without policyholder's consent. <u>Article 143:</u> Surrender value and non-payment of premium Where a long-term insurance policy has been in force for at least three (3) years: 1° the policyholder may, by notice in writing to the insurer surrender the policy and become entitled to receive the surrender value;	<u>Article 142 :</u> Prestations relatif à une police d'assurance à long terme payables sans réduction Tout paiement relatif à une police d'assurance à long terme ou au rachat de cette police doit être fait conformément à la police d'assurance à long terme. Toute clause contenue dans une police d'assurance à long terme ou dans un accord conclue par les deux parties en rapport avec la police est nulle, si elle donne le droit à l'assureur de faire une réduction sans le consentement du souscripteur d'assurance. <u>Article 143:</u> Valeur de rachat et non-paiement de prime Lorsqu'une police d'assurance à long terme est en vigueur depuis trois (3) ans au moins : 1° le souscripteur d'assurance peut, par un avis écrit à l'assureur, racheter la police et obtenir dès lors le droit de recevoir la valeur de rachat de celle-ci;
--	---	---

masezerano; 2° amasezerano y'ubwishingizi ntashobora gufatwa nk'ayarengeje igihe cyangwa ayataye agaciro kubera ko umufatabwishingizi atishyuye imisanzu y'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 144:</u> Inguzanyo ku bwishingizi bw'igihe kirekire Mu bwishingizi bw'igihe kirekire ikigo cy'ubwishingizi gishobora guha umufatabwishingizi inguzanyo ku mafaranga y'ubwishingizi bw'igihe kirekire yatanze. icyakora, iyo nguzanyo igomba kuba iri munsi y'ijana ku ijana (100%) by'agaciro k'amafaranga amaze kugira muri ayo masezerano. <u>Ingingo ya 145:</u> Uruhare rw'umufatabwishingizi ku nyungu z'ikigo cy'ubwishingizi bw'igihe kirekire Amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire ateganya ko umufatabwishingizi afite uruhare ku nyungu agaragaza uburyo agahimbazamusyi n'inyungu byishyurwa umufatabwishingizi hashingiwe ku nyungu zemejwe n'impuguke mu mibare y'ubwishingizi yashyizweho. Mu gihe impuguke mu mibare y'ubwishingizi	2° the insurance policy may not lapse or be forfeited because of non-payment of premiums. <u>Article 144:</u> long-term insurance policy loans In long-term insurance policy, an insurer may grant to a policyholder a loan on premium of a long-term insurance policy. However, such loan must be less than a hundred percent (100%) of the current value of total premiums the insurance policy. <u>Article 145:</u> Share of a policyholder to long-term insurer's interests Long-term insurance policy which provides that the policyholder is entitled to interests, specifies the manner bonuses and interests are paid to a policyholder in line with interests determined by the appointed actuary. Where the insurer's appointed actuary in long-	2° la police d'assurance ne peut pas être considérée comme expirée ou être déchue en raison du non-paiement des primes. <u>Article 144:</u> Prêt sur une police d'assurance à long terme Dans la police d'assurance à long terme, l'assureur peut accorder au souscripteur d'assurance un prêt sur les primes d'une police d'assurance à long terme. Toutefois, ce prêt doit être inférieur à cent pour cent (100%) de la valeur actuelle de primes de la police d'assurance. <u>Article 145:</u> Participation du souscripteur d'assurance aux intérêts de l'assureur à long terme Une police d'assurance à long terme qui prévoit que le souscripteur d'assurance a droit aux intérêts, précise la manière dont des bonus et des intérêts sont payés au souscripteur d'assurance suivant des intérêts déterminés par l'actuaire désigné. Lorsque l'actuaire en assurance à long terme
--	--	---

bw'igihe kirekire yashyizweho itanze inama nyuma y'igenzura yakoze ko umufatabwishingizi afite uruhare ku nyungu ikigo cy'ubwishingizi cyabonye, izo nyungu zihabwa umufatabwishingizi. <u>Ingingo ya 146:</u> Guta agaciro k'ubwishingizi bw'igihe kirekire Ubwishingizi bw'igihe kirekire buta agaciro iyo: 1° uwishingiwe yiyahuye mu myaka itatu (3) ya mbere ikurikira ishyirwaho umukono ry'amasezerano; 2° umugenerwabwishingizi ahamwe n'icyaha cyo kwica uwishingiwe. Ikigo cy'ubwishingizi ni cyo gifite inshingano yo kugaragaza ko uwishingiwe yiyahuye. Mu gihe mu masezerano hari abagenerwabwishingizi benshi, ikiguzi cy'ubwishingizi gihabwa abagenerwabwishingizi batagize uruhare mu rupfu rw'uwishingiwe. Mu gihe ibivugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bibaye, ikiguzi cy'ubwishingizi gisubizwa ababyemerewe n'amategeko. Icyakora, ubwishingizi bukomeza kugira agaciro iyo umugenerwabwishingizi agaragaje	term insurance recommends, after an actuarial scrutiny, that the policyholder contributed to surplus of an insurer, such surplus is given to the policyholder. <u>Article 146:</u> Loss of validity of a long-term insurance A long-term insurance loses its validity if: 1° the insured person committed suicide in the last three (3) years following the signing of long-term insurance contract; 2° the beneficiary is convicted of the murder of the insured person. The burden of proving the insured's suicide lies upon the insurer. While there are many beneficiaries in the contract, the cost of insurance is paid to beneficiaries who have not been involved in the death of the insured person. In case the event referred to in items 1° and 2° of Paragraph One of this Article, the cost of insurance may be payable to the legal beneficiaries. However, insurance remains valid when the beneficiary proves that the insured person has	désigné recommande, après un examen actuariel, que le souscripteur d'assurance contribue aux intérêts de l'assureur, ces intérêts sont accordés au souscripteur d'assurance. <u>Article 146 :</u> Perte de validité d'une assurance à long terme L'assurance à long terme perd sa validité, si: 1° la personne assurée a commis le suicide dans les trois (3) ans suivant la signature du contrat; 2° le bénéficiaire est trouvé coupable du meurtre de la personne assurée. La preuve de suicide de l'assuré incombe à l'assureur. Lorsqu'il existe de nombreux bénéficiaires dans le contrat, le coût de l'assurance est payé aux bénéficiaires qui n'ont pas été impliqués dans le décès de la personne assurée. Au cas où l'évènement visé dans les dispositions des points 1° et 2° de l'alinéa premier du présent article survient, les prestations sont remises aux ayants droits. Toutefois, l'assurance reste valable lorsque le bénéficiaire prouve que la personne assurée
--	--	--

ko uwishingiwe yiyahuye bitewe n'uburwayi bwo mu mutwe bwagaragaye nyuma y'uko amasezerano ashwirwaho umukono. <u>Akicro ka 3: Ubwishingizi bw'uburyozwe</u> <u>Ingingo ya 147: Kwishyura umuntu utari mu masezerano indishyi zikomoka ku buryozwe</u> Kwishyura umuntu utari mu masezerano indishyi zikomoka ku buryozwe biba gusa iyo nyuma y'uko impamvu y'icyishingiwe ibayeho, uwo muntu wangirijwe yagejeje ikibazo cye ku Kigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 148: Abatishyurwa mu bwishingizi bw'uburyozwe</u> Mu bwishingizi bw'uburyozwe, aba bakurikira ntibishyurwa: 1° uwashakanye n'umufatabwishingizi, abo akomokaho, abamukomokaho n'abo uwo bashakanye akomokaho baba iwe kandi abafite mu nshingano; 2° abantu barebwa n'amategeko yihariye mu byerekeye indishyi ziterwa n'ibyago bikomoka ku kazi keretse iyo abo bantu bahisemo gukurikina indishyi	committed suicide due to a mental illness that has arisen after the contract is signed. <u>Sub-Section 3: Liability insurance</u> <u>Article 147: Insurer's liability towards a third party</u> The insurer's liability is only liable towards a third party if, subsequent to the occurrence of the insured event, the aggrieved third party has claimed to the insurer. <u>Article 148: Persons not entitled to insurance liability</u> Under liability insurance, the following are not entitled to any benefit: 1° the spouse of a policyholder, his or her ascendants, his / her descendants and his or her spouse's ascendants who are his or her dependents; 2° Persons concerned by special laws in respect of work-related accident compensation unless such persons have chosen to lodge a claim for compensation from the insurer;	s'est suicidée en raison d'une maladie mentale survenue après la signature du contrat. <u>Sous-Section 3 : Assurance de responsabilité</u> <u>Article 147 : Responsabilité de l'assureur à l'égard d'un tiers</u> L'assureur de la responsabilité n'est tenu à l'égard d'un tiers que si, à la suite du fait dommageable prévu au contrat, le tiers lésé a fait à l'assureur une réclamation. <u>Article 148 : Personnes exclues du bénéfice de l'assurance de responsabilité</u> Dans le cadre de l'assurance de responsabilité civile, les personnes suivantes n'ont droit à aucune indemnisation : 1° conjoint du souscripteur d'assurance, ses ascendants, ses descendants ainsi que les ascendants de son époux sous sa charge ; 2° personnes bénéficiant des lois spéciales en matière d'indemnisation des accidents du travail, sauf si ces personnes ont choisi d'intenter une action en réclamation
---	--	---

ku mufatabwishingizi; 3° abakozi cyangwa abahagarariye umufatabwishingizi mu gihe bari mu kazi kabo. <u>Ingingo ya 149: Kutemera uburyozwe</u> Ikigo cy'ubwishingizi gifite uburenganzira bwo kutemera uburyozwe cyangwa imishyikirano byakozwe n'umufatabwishingizi batabyumvikanyeho. Kwemera ibyabaye ntibigomba kwitiranywa no kwemera uburyozwe. <u>Ingingo ya 150: Kubuza umufatabwishingizi kwishyura indishyi</u> Umufatabwishingizi cyangwa uwo ari we wese mu bagenerwabwishingizi abujijwe kwemera, gukemura, kumvikana cyangwa kwishyura ibisabwa kwishyurwa mu izina ry'ikigo cy'ubwishingizi atabifitiye uruhushya rutanzwe mu nyandiko n'ikigo cy'ubwishingizi.	3° employees or representatives of a policyholder while on duty. <u>Article 149: Rejecting a liability</u> The insurer has the right not recognize liability or negotiation that occurred without his or her consent. The recognition of the occurrence of an event should not be equated to the recognition of liability. <u>Article 150: Prohibition for the policyholder to admit an indemnity claim</u> It is prohibited for the policyholder or any of his or her beneficiaries to admit, settle compromise or pay an indemnity claim on behalf of the insurer without a written consent of the insurer.	d'indemnités auprès du souscripteur d'assurance ; 3° employés ou représentants du souscripteur d'assurance pendant qu'ils sont au service. <u>Article 149: Refus de responsabilité</u> L'assureur a le droit de ne pas reconnaître la responsabilité ou une transaction faite par le souscripteur sans son consentement. La reconnaissance de la matérialité d'un fait ne doit pas être assimilée à la reconnaissance de responsabilité <u>Article 150 : Interdiction au souscripteur d'assurance d'accepter la demande d'indemnisation</u> Il est interdit au souscripteur d'assurance ou à l'un de ses bénéficiaires d'admettre, de régler, de transiger ou de payer une demande d'indemnisation pour le compte de l'assureur sans le consentement écrit de l'assureur.
---	---	--

<u>Ingingo ya 151:</u> Uburenganzira bwo gukurikirana ibyaregewe n’undi muntu Ikigo cy’ubwishingizi ni cyo gikurikirana imanza zerekanywe n’uburyozwe bwaregewe n’umuntu utari mu masezerano wangirijwe ariko ntikirebwa n’imanza nshinjabyaha umufatabwishingizi yarezwemo. <u>Ingingo ya 152:</u> Ikirego kitaziguye gitanzwe n’utari mu masezerano wangirijwe Umuntu utari mu masezerano wangirijwe afite uburenganzira bwo gukurikirana ikigo cy’ubwishingizi uburyozwe cyishingiye uwateje igihombo. icyakora, agomba kubanza kugaragariza ikigo cy’ubwishingizi uwishingiye wateje igihombo. Ikigo cy’ubwishingizi ntigishobora kwishyura undi muntu utari mu masezerano uretse utari mu masezerano wangirijwe, igice cyangwa ayishingiye yose keretse uwo wangirijwe abitangiye uburenganzira. Ikigo cy’ubwishingizi ntikigomba kwanga kwishyura undi muntu utari mu masezerano wangirijwe cyitwaje ko umufatabwishingizi hari ibyo atubahirije nyuma y’uko impamvu y’icyishingiye iba.	<u>Article 151:</u> Right to follow up legal proceedings brought by a third party The insurer is entitled to follow up legal proceedings in the civil trial with respect to the liability action brought by the aggrieved third party but it is not involved in the criminal cases brought by the policyholder. <u>Article 152:</u> Direct action of the aggrieved third party The aggrieved third party has a right to take a direct action against the insurer of the liability of the author of the damage. However, he or she has first to prove to the insurer the insured person who caused the damage. The insurer cannot pay to third party, other than the aggrieved one, all or part of the sum insured unless the aggrieved third party gives his or her consent. The insurer must not oppose against the aggrieved third party the forfeitures of the policyholder incurred after the insured event occurs.	<u>Article 151 :</u> Droit du procès sur l’action intentée par le tiers L’assureur se réserve le droit du procès civil sur l’action en responsabilité intentée par le tiers mais il n’est pas concerné par des poursuites pénales engagées contre le souscripteur d’assurance. <u>Article 152 :</u> Action directe du tiers lésé Le tiers lésé a le droit d’intenter une action directe contre l’assureur de la responsabilité de l’auteur du dommage. Toutefois, il doit préalablement prouver à l’assureur la personne assurée qui est auteur du dommage. L’assureur ne peut payer à un tiers, autre que le tiers lésé, tout ou partie de la somme assurée à moins que le tiers lésé n’en donne son accord. L’assureur ne peut opposer au tiers lésé les déchéances qu’a pu encourir le souscripteur postérieurement à la survenance de l’événement assuré.
--	---	---

<u>Icyiciro cya 8: Ubwishingizi butangwa n'ikigo by'ubwishingizi cya Leta</u> <u>Ingingo ya 153: Imikoranire hagati y'ikigo cy'ubwishingizi cya Leta n'umufatabwishingizi wigenga</u> Ikigo cy'ubwishingizi cya Leta gishobora kugirana amasezerano y'ubwishingizi n'umufatabwishingizi wigenga keretse biteganijwe ukundi n'andi mategeko. Amasezerano y'ubwishingizi avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo agomba kuba yanditse kandi akurikiza ingingo zerekeranye n'amasezerano y'ubwishingizi ziteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 154: Ikigo gicunga ubwishingizi bw'ubuzima</u> Ikigo gicunga ubwishingizi bw'ubuzima ntigishobora gukora umurimo wo gucunga ubwishingizi bw'ubuzima kitabyemerewe n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Ibisabwa mu kwemerera ikigo gicunga ubwishingizi bw'ubuzima gukora, imikoranire n'ibindi bigo bifitanye isano n'ubuzima ndetse n'ibigo by'ubwishingizi bigenwa n'amabwiriza rusange.	<u>Section 8: Insurance services provided by a public insurer</u> <u>Article 153: Collaboration between a Public insurer and a private policyholder</u> Public insurer may make a police insurance contract with a private policyholder unless provided otherwise by other laws. The insurance contract provided for in Paragraph One of this Article must be in writing and has to comply with other provisions related to insurance contract provided for by this Law. <u>Article 154: Health maintenance organization</u> No health maintenance organization cannot operate as such unless it is licensed to do so by the Supervisory Authority. Requirements for authorizing a health maintenance organization to operate, interact with other health-related organization and insurance companies are determined by the regulations.	<u>Section 8 : Prestations des services d'assureur public</u> <u>Article 153 : Collaboration entre l'assureur public et un souscripteur d'assurance privé</u> Un assureur public peut conclure un contrat d'assurance avec un souscripteur d'assurance privé sauf dispositions contraires des autres lois. Le contrat d'assurance prévu à l'alinéa premier du présent article doit être par écrit et se conformer aux autres dispositions relatives au contrat d'assurance prévues par la présente loi. <u>Article 154 : Organisation de gestion d'assurance santé</u> Aucune organisation de gestion d'assurance santé ne peut être autorisée de fonctionner en tant que tel sans agrément de l'Autorité de contrôle. Les exigences pour autoriser l'organisation de gestion d'assurance santé à fonctionner, à interagir avec d'autres organisations liées à la santé et avec des assureurs sont déterminées par les règlements.
---	---	--

<u>Icyiciro cya 9: Ingingo zikemura ibibazo byihariye</u> <u>Ingingo ya 155: Ingaruka z'igihombo cy'umufatabwishingizi</u> Igihombo cy'umufatabwishingizi si impamvu y'iseswa ry'amasezerano y'ubwishingizi. Icyo gihe, ayo masezerano akomezanywa n'abo umufatabwishingizi abereyemo umwenda nabo bakishyura ikiguzi cy'ubwishingizi yagombaga kwishyura. Icyakora, ababereyemo imyenda n'umufatabwishingizi wahombye hamwe n'ikigo cy'ubwishingizi bashobora gusesa amasezerano y'ubwishingizi mu gihe cy'amezi atatu (3) abarwa uhereye igihe icyemezo cy'igihombo gitangarijwe. <u>Ingingo ya 156: Urupfu rw'uwishingiwe</u> Iyo uwishingiwe apfuye, amasezerano y'ubwishingizi akomezanywa n'umuzungura we n'ubwo haba hari ingingo y'amasezerano ibiteganywa ukundi. Icyakora, umuzungura cyangwa ikigo cy'ubwishingizi, bishobora gusesa amasezerano y'ubwishingizi mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye igihe urupfu rwabereye.	<u>Section 9: Provisions for special cases</u> <u>Article 155: Effect of bankruptcy of the policyholder</u> bankruptcy of the policyholder is not the cause of termination of the insurance contract. In such a case, the contract continues for the benefit of the body of creditors who become indebted for premiums due. However, the body of creditors and the insurer can, within three (3) months from the date of declaration of bankruptcy, terminate the contract. <u>Article 156: Death of the insured person</u> In case of death of the insured person, the insurance contract continues automatically with his or her heir, notwithstanding any contrary clause. However, the heir or the insurer can within three (3) months of death, terminate the contract.	<u>Section 9: Dispositions applicables aux cas particuliers</u> <u>Article 155: Effets de la faillite d'un souscripteur d'assurance</u> La faillite du souscripteur d'assurance ne constitue pas le motif de résiliation du contrat d'assurance. Dans ce cas, il subsiste au profit de la masse des créanciers qui devient débitrice des primes dues. Toutefois, la masse des créanciers et l'assureur peuvent, endéans trois (3) mois à compter du jugement déclaratif de faillite, résilier le contrat d'assurance. <u>Article 156: Décès de la personne assurée</u> En cas de décès de la personne assurée, le contrat d'assurance continue de plein droit avec son héritier, nonobstant toute clause contraire. Toutefois, l'héritier ou l'assureur peuvent, endéans trois (3) mois à compter du décès, résilier le contrat.
---	--	--

<u>Ingingo ya 157: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda</u> Indishyi zirebana n'ubwishingizi ku mutungo zihabwa ababerewemo imyenda hakurikije uburenganzira bwo kwishyurwa mbere nk'uko amategeko abigenga. Ababerewemo imyenda bafite uburenganzira butaziguye bwo gukurikirana ikigo cy'ubwishingizi. Ubwishyu bwakozwe n'ikigo cy'ubwishingizi nta buriganya, kitazi ko hari ingwate bugira agaciro. <u>Ingingo ya 158: Igihe cy'ubusaze</u> Uburenganzira bwo gukurikirana ibiteganywa n'amasezerano y'ubwishingizi busaza nyuma y'igihe cy'imyaka itanu (5) ibarwa uherye igihe impamvu y'icyishingiwe yabereye cyangwa igihe uruhande bireba rwamenyeye ko impamvu y'icyishingiwe yabaye. Ubusaze buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo ntibureba undi muntu utari mu masezerano wangirijwe n'impamvu y'icyishingiwe yabaye. Ingano y'igihe cy'ubusaze ntishobora	<u>Article 157: Right of creditors</u> Compensation for property insurance is paid to the debtors in accordance with their preferential rights to benefit in accordance with the relevant laws. Creditors are directly entitled to lodge a claim against the insurer. Payments made in good faith by the insurer, without knowledge of any surety are valid. <u>Article 158: Limitation period</u> Any claim arising out of an insurance contract expires after a period of five (5) years from the occurrence of the insured event or from the day when the party becomes aware of it. The limitation period referred to in Paragraph One of this Article does not concern the aggrieved third party and occurrence of insured event. The duration of limitation period cannot be	<u>Article 157: Droit des créanciers</u> Les indemnités d'assurances garantissant un bien sont attribuées aux créanciers conformément à leurs droits de privilège conformément aux lois en la matière. Les créanciers ont droit d'intenter une action directe contre l'assureur. Les paiements faits de bonne foi par l'assureur, sans avoir connaissance des suretés, sont valables. <u>Article 158 : Délai de prescription</u> Toute action résultant d'un contrat d'assurance est prescrite après un délai de cinq (5) ans à compter de la date où les événements assurés sont survenus ou à partir du jour où la partie concernée en a pris connaissance. La prescription visée à l'alinéa premier du présent article ne concerne pas le tiers lésé et la survenance de l'événement assuré. La durée du délai de prescription ne peut pas
---	--	---

kugabanywa n'amasezerano. <u>Ingingo ya 159:</u> Ibitabarirwa mu mubare w'ibyishingiwe Uretse iyo amasezerano y'ubwishingizi abiteganywa ukundi, ikigo cy'ubwishingizi ntikiryozwa ibyangiritse bitewe n'impamvu za politiki, iz'intambara ndetse n'iterabwoba. Gihamya y'uko icyishingiwe cyangijwe bitewe n'impamvu zavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo itangwa n'ikigo cy'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 160:</u> Kuvaho kw'icyishingiwe nyuma y'amasezerano y'ubwishingizi Mu bwishingizi bw'ibintu, kuvaho kwa burundu kw'icyishingiwe ku mpamvu idateganyijwe mu masezerano y'ubwishingizi ni impamvu y'irangira ry'amasezerano y'ubwishingizi. Iyo ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bibaye, ikiguzi cy'ubwishingizi kitarakoreshwa gisubizwa umufatabwishingizi.	shortened by the contract. <u>Article 159:</u> Exclusions Unless otherwise provided by the insurance agreement, the insurer is not liable for damages for political, war or terrorist reasons. Evidence that the insurance subject matter is damaged for the reasons stated in the Paragraph One of this Article is provided by the insurer. <u>Article 160:</u> Removal of insurance subject matter after insurance contract In property insurance, the permanent removal of insurance subject matter for a reason not provided for in the insurance policy is a ground for the termination of the insurance contract. Where the event provided for in Paragraph One of this Article occurs, the unused insurance cost is reimbursed to the policyholder.	être réduite par le contrat. <u>Article 159:</u> Risques exclus Sauf disposition contraire du contrat d'assurance, l'assureur n'est pas responsable des dommages occasionnés par des raisons politiques, des raisons de guerre ou de terrorisme. La preuve que l'objet assuré est endommagé suite aux raisons prévues à l'alinéa premier du présent article, incombe à l'assureur. <u>Article 160:</u> Perte de l'objet assuré après le contrat d'assurance En assurance de biens, la perte totale de l'objet assuré pour une raison non-prévue par la police d'assurance constitue le motif de résiliation du contrat d'assurance. Lorsque le cas visé par l'alinéa premier du présent article survient, les primes d'assurance non-consommées sont remises au souscripteur d'assurance.
---	---	--

<u>Ingingo ya 161:</u> Kuvaho kw'icyatera iyangirika ry'icyishingiwe Mu bwishingizi bw'ibintu, iyo icyishingiwe kitari kiriho igihe amasezerano yashyirwagaho umukono cyangwa kiriho ariko kitagishobora kugira icyo kiba ni impamvu y'irangira ry'amasezerano y'ubwishingizi. Iyo ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bibaye, ikiguzi cy'ubwishingizi cyatanzwe gisubizwa umufatabwishingizi.	<u>Article 161:</u> Removal of the risk In property insurance, if the insured did not exist at the time the contract was signed or exists but is no longer under risk, it is the reason for the nullification of the insurance contract. Where the event provided for in Paragraph One of this Article occurs, the insurance premium paid is refunded to the insurer.	<u>Article 161 :</u> Disparition du risque En assurance de biens, si au moment de la conclusion du contrat, l'objet assuré a déjà péri ou ne peut plus être exposé au risque, le contrat d'assurance est annulé. Lorsque le cas visé par l'alinéa premier du présent article survient, la prime d'assurance payée est remboursée à l'assureur.
<u>UMUTWE WA VIII: INGAMBA Z'IZAHURA N'ISESWA</u> <u>Icyiciro cya mbere:</u> Ingamba z'izahura zikozwe n'ikigo cy'ubwishingizi <u>Ingingo ya 162:</u> Ingamba zo guhangana n'ingorane z'ubukungu Ikigo cy'ubwishingizi kigomba guhorana ingamba n'uburyo bwo guhangana n'ingorane zihariye z'ubukungu zakoresheya muri icyo gihe n'ikizaza. Ibikubiye mu ngamba zo guhangana n'ingorane zihariye z'ubukungu bigenwa n'amabwiriza rusange.	<u>CHAPTER VIII: RECOVERY AND LIQUIDATION MEASURES</u> <u>Section One:</u> Recovery measures by the insurer <u>Article 162:</u> Contingency plans The insurer must to maintain contingency plans and procedures for counteracting economy based specific risks for use in the current and future concern situations. The content of the contingency plan is determined by the regulations.	<u>CHAPITRE VIII : MESURES DE REDRESSEMENT ET DE LIQUIDATION</u> <u>Section première:</u> Mesures de redressement par l'assureur <u>Article 162:</u> Plans d'urgence L'assureur doit maintenir des plans d'urgence et des procédures pour contrer les risques spécifiques basés sur l'économie à utiliser dans les situations du présent et de l'avenir. Le contenu du plan d'urgence est déterminé par les règlements.

<u>Ingingo 163:</u> Iyemezwa rya gahunda y'izahurwa Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rusanze imiterere y'imari y'ikigo cy'ubwishingizi igomba kuzahurwa, rusaba abagize Inama y'Ubutegetsi, ubuyobozi, abafitemo imigabane cyangwa abandi bafite uruhare ku mutungo w'icyo kigo, kurugezaho gahunda y'izahurwa, kugira ngo ruyemeze. <u>Ingingo ya 164:</u> Ibikubiye muri gahunda y'izahura y'ikigo cy'ubwishingizi Gahunda y'izahura y'ikigo cy'ubwishingizi igomba kuba ishingiye kuri bimwe muri ibi bikurikira: 1° ibyemezo bigamije kugarura cyangwa gushimangira ukudahungabana kw'imari; 2° guteganya amafaranga y'ingoboka no kuzigama andi; 3° guhagarika kwishyura inyungu ku migabane; 4° kongera imari shingiro mu mafaranga ndetse n'indi nkunga yose y'amafaranga cyangwa y'ingwate;	<u>Article 163:</u> Approval of recovery plan The Supervisory Authority may, if the financial situation of an insurer so requires, require the insurer's members of the Board, management, shareholders or other owners of the insurer to submit a recovery plan to the Supervisory Authority for approval. <u>Article 164:</u> Contents of the recovery plan of an insurer The recovery plan of an insurer must be based on some of the following elements: 1° measures designed to restore or strengthen the financial stability; 2° constituting provisions and other reserves; 3° suspending the payment of dividends; 4° increasing the capital, as well as any other financial support or guarantee;	<u>Article 163 :</u> Approbation d'un plan de redressement Lorsque l'Autorité de contrôle estime que la situation financière d'un assureur l'exige, elle peut demander aux membres du Conseil d'Administration de l'assureur, à la direction, aux actionnaires ou aux autres propriétaires de l'assureur de lui soumettre un plan de redressement pour approbation. <u>Article 164:</u> Contenu d'un plan de redressement d'un assureur Le plan de redressement d'assureur doit être basé sur quelques éléments suivants : 1° mesures de nature à rétablir ou à renforcer la stabilité financière; 2° constituer des provisions et autres réserves; 3° suspendre le paiement des dividendes; 4° augmenter le capital, ainsi que tout autre apport financier ou garantie;
--	---	---

5° gusubira mu miterere n'imikorere by'ikigo cy'ubwishingizi bikenewe kugira ngo uburyo bwo gukora no gucunga umutungo wacyo burusheho gutungana. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gusaba ikigo cy'ubwishingizi cyatanze gahunda y'izahura gufata ingamba z'inyongera kuzo cyari cyatanze. <u>Icyiciro cya 2: Ingamba z'izahura zikozwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi</u> <u>Ingingo ya 165: Ububasha bwo gushyiraho umuyobozi udasanzwe</u> Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora gushyiraho ikigo cy'ubwishingizi umuyobozi udasanzwe. Umuyobozi udasanzwe uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ashirwaho iyo bigaragaye ko: 1° gahunda y'izahurwa yatanze n'ikigo cy'ubwishingizi itatuma izahurwa ry'ikigo cy'ubwishingizi rigerwaho; 2° ikigo cy'ubwishingizi cyananiwe kubahiriza ibikubiye muri iri tegeko	5° proceeding with required adjustment of organization and operation of the insurer in order to improve the quality of its operations and management. The Supervisory Authority may request that the insurer which submitted a recovery plan to take additional measures. <u>Section 2: Recovery measures by the Supervisory Authority</u> <u>Article 165: Powers to appoint a special administrator</u> The Supervisory Authority may appoint a special administrator for an insurer. The special administrator referred to in the Paragraph One of this Article, is appointed if it is established that: 1° the recovery plan submitted by the insurer is not effective for the recovery of the insurer; 2° the insurer failed to comply with the provisions of this Law or regulations;	5° réorganiser les structures nécessaires de l'assureur en vue d'améliorer la qualité de ses méthodes de fonctionnement et ses moyens de gestion. L'Autorité de contrôle peut demander à l'assureur qui avait présenté un plan de redressement de prendre des mesures supplémentaires. <u>Section 2: Mesures de redressement par l'Autorité de contrôle</u> <u>Article 165: Pouvoir de désignation d'un administrateur spécial</u> L'Autorité de contrôle peut désigner un administrateur spécial pour un assureur. L'administrateur spécial visé à l'alinéa premier du présent article est nommé s'il s'avère que: 1° le plan de redressement soumis par l'assureur n'est pas efficace pour le redressement de l'assureur; 2° l'assureur n'a pas pu respecter les dispositions de la présente loi ou
--	--	---

cyangwa mu mabwiriza rusange;		règlements;
3° ikigo cy'ubwishingizi cyananiwe gushyira mu bikorwa ibyo cyiyemeje muri gahunda y'izahura;	3° the insurer failed to implement its recovery plan;	3° l'assureur ne peut pas mettre en œuvre son plan de redressement;
4° imiterere y'imari y'ikigo cy'ubwishingizi itumye biba ngombwa;	4° the financial situation of the insurer requires it;	4° la situation financière de l'assureur l'exige;
5° ikigo cy'ubwishingizi gikora ibikorwa by'ubwishingizi biteye inkeke cyangwa byatuma gihungabana;	5° the insurer is engaged in risky and dangerous insurance practices;	5° l'assureur est engagé dans des pratiques d'assurance risquant et dangereuses;
6° ikigo cy'ubwishingizi gikora cyangwa gifasha mu bikorwa by'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iterabwoba;	6° the insurer is engaged in money laundering and financing terrorism activities;	6° l'assureur est engagé dans des activités de blanchiment de capitaux et de financement du terrorisme;
7° ikigo cy'ubwishingizi kibangamiye igenzura ry'Urwego rw'Ubugenzuzi;	7° the insurer is hindering the supervisory activities of the Supervisory Authority;	7° l'assureur entrave des activités de supervision de l'Autorité de contrôle;
8° ikigo cy'ubwishingizi kibangamiye ibikorwa by'abagenzuzi bigenga;	8° the insurer is hindering the work of the external auditors;	8° l'assureur entrave le travail des auditeurs externes;
9° imiterere y'ikigo cy'ubwishingizi ishobora guhungabanya inyungu z'abafatabwishingizi;	9° the insurer's situation may jeopardize interests of its policyholders;	9° la situation de l'assureur peut compromettre des intérêts de ses souscripteurs d'assurance;
10° ari ngombwa kubungabunga ukudahungabana n'imikorere myiza by'urwego rw'ubwishingizi muri	10° it is necessary to ensure the stability and soundness of the insurance system as a whole.	10° il est nécessaire d'assurer la stabilité et la solidité du système d'assurance dans l'ensemble.

rusange. <u>Ingingo ya 166:</u> Ububasha bw’umuyobozi udasanzwe Urwego rw’Ubugenzuzi rushobora guha umuyobozi udasanzwe bumwe cyangwa bwose mu bubasha bukurikira: 1° gukora iperereza ku kigo cy’ubwishingizi ; 2° kubanza kwemeza ibyemezo, amabwiriza atangwa, amasezerano y’ubwumvikane n’ibindi bikorwa by’ikigo cy’ubwishingizi; 3° gucunga ikigo cy’ubwishingizi; 4° gusubiza ikigo cy’ubwishingizi ku murongo. Umuyobozi udasanzwe mu gihe akora inshingano ze, afite uburenganzira bwo kwifashisha inzobere, zirimo ababaruramari, abagenzuzi bigenga cyangwa abanyamategeko. Inshingano z’umuyobozi udasanzwe zisobanurwa mu nyandiko imushyiraho. Iyo nyandiko igomba kugena:	<u>Article 166:</u> Powers of the special administrator The Supervisory Authority may assign to the special administrator part or whole of the following powers: 1° conducting investigation within the insurer; 2° granting prior approval of an insurer’s decisions, instructions, transactions, and other operations of the insurer; 3° managing the insurer; 4° reorganizing an insurer. While on duties, the special administrator has rights to call for experts including accountants, independent auditors or legal experts. Duties of a special administrator are defined in the Supervisory Authority’s appointment document. The document must specify:	<u>Article 166:</u> Pouvoirs de l’administrateur spécial L’Autorité de contrôle peut investir à l’administrateur spécial une partie ou l’entièreté des pouvoirs suivants: 1° mener des investigations auprès d’assureur; 2° approuver préalablement les décisions, instructions, transactions et autres opérations d’un assureur; 3° gérer l’assureur; 4° réorganiser l’assureur. Pendant l’exercice de ses fonctions, l’administrateur spécial, a le droit de faire appel à des experts, notamment des comptables, des auditeurs indépendants ou des experts juridiques. Les attributions de l’administrateur spécial sont définies dans l’acte de désignation de l’Autorité de contrôle. Le document doit spécifier:
--	---	---

1° aho ububasha bw'umuyobozi udasanzwe bugarukira n'uburyo bwo kubukoresha; 2° imikoranire y'umuyobozi udasanzwe n'inzego z'ikigo cy'ubwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora guhindura cyangwa guhagarika ubutumwa bw'umuyobozi udasanzwe. Nta muntu wakwitwaza ibanga ry'akazi kugira ngo yime umuyobozi udasanzwe uvugwa amakuru amusaba. <u>Ingingo ya 167:</u> Ububasha bwo gukora iperereza Iyo umuyobozi udasanzwe ahawe ububasha bwo gukora iperereza mu kigo cy'ubwishingizi, akora iperereza iryo ari ryo ryose cyangwa isesengura ry'imibare asanga ari ngombwa. Mu gihe umuyobozi udasanzwe ahawe ububasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ikigo cy'ubwishingizi kigomba kumufasha kikamuha abakozi n'ibikoresho.	1° where the powers of the special Administrator are limited and how to use them; 2° collaboration of a special Administrator with the organs of the insurer. The Supervisory Authority may modify or suspend the mandate of the Special Administrator. No person may invoke professional secrecy obligation for non-disclosure of information required by the special administrator. <u>Article 167:</u> Investigating powers When the special administrator is granted powers of carrying out investigations to an insurer, he or she conducts any investigations or actuarial he or she deems necessary. In case the special administrator is assigned the power referred to in Paragraph One of this Article, the insurer must provide to the special administrator and give him or her human and material resources.	1° lorsque les pouvoirs du directeur spécial sont limités et comment les utiliser; 2° collaboration d'un Administrateur spécial avec l'assureur. L'Autorité de contrôle peut modifier ou suspendre le mandat de l'administrateur spécial. Personne ne peut se prévaloir de l'obligation au secret professionnel pour refuser de révéler les informations requises par l'administrateur spécial. <u>Article 167:</u> Pouvoir d'investigation Lorsque l'administrateur spécial se voit conférer des pouvoirs d'enquête à un assureur, il procède à toute enquête ou actuariat qu'il juge nécessaire. Lorsqu'il est conféré à l'administrateur spécial le pouvoir visé à l'alinéa premier du présent article, l'assureur doit mettre à sa disposition les moyens humains et matériels.
--	---	---

<u>Ingingo ya 168:</u> Ingaruka z'ibyemezo bitabanje kwemezwa n'umuyobozi udasanzwe Iyo ikigo cy'ubwishingizi gifashe ibyemezo, gitanze amabwiriza, gikoze amasezerano y'ubwumvikane cyangwa kigakora ibikorwa biri mu bubasha bw'umuyobozi udasanzwe atabanje kubyemeza, bishobora guseswa n'Urwego rw'Ubugenzuzi. Iyo ibyemezo by'ikigo cy'ubwishingizi bisheshwe ku mpamvu ziteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, icyo gihe umutungo watanze cyangwa amafaranga yishyuye bigomba kugaruzwa kandi uwabikoze akabiryoza. <u>Ingingo ya 169:</u> Imikoreshereze y'ububasha bwo gucunga ikigo cy'ubwishingizi Mu gihe umuyobozi udasanzwe ahawe inshingano yo gucunga ikigo cy'ubwishingizi, Urwego rw'Ubugenzuzi rumuha ububasha busesuye bwo kuzuza izo nshingano. Ububasha buhawe umuyobozi udasanzwe bwubahirizwa n'ikigo cy'Ubwishingizi n'undi muntu uwo ari we wese. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kugabanya cyangwa guhagarika ububasha bw'Inama y'Ubutegutsi	<u>Article 168:</u> Effects of mandate to provide prior approval In case the insurer takes decisions, issues instructions, makes transactions and other operations that are within the power of the special administrator without his or her prior approval, the Supervisory Authority may invalidate such deeds. Where the insurer's decisions are invalidated due to the reason specified in Paragraph One of this Article, the asset transferred or sum paid must be restituted and any person who made the decisions be liable. <u>Article 169:</u> Use of power to manage an insurer When the special administrator is appointed to manage the insurer, the Supervisory Authority vests in him or her full power to fulfil his or her mandate. The power vested in the special administrator must be observed by the insurer and other person. The Supervisory Authority may limit or suspend the powers of the Board of Directors, and General Assembly of shareholders of the	<u>Article 168:</u> Conséquences du mandat d'approbation préalable de l'administrateur spécial Dans le cas où l'assureur prend des décisions, émet des instructions, effectue des transactions et autres opérations qui sont du pouvoir de l'administrateur spécial sans son accord préalable, l'Autorité de contrôle peut invalider de tels actes posés. Lorsque les décisions de l'assureur sont invalidées suite au motif prévu par l'alinéa premier du présent article, les actifs cédés ou toute somme payée doivent être restitués et l'auteur de ces décisions en est tenue responsable. <u>Article 169 :</u> Utilisation du pouvoir de gestion de l'assureur Lorsque l'administrateur spécial est nommé pour assurer la gestion de l'assureur, l'Autorité de contrôle lui accorde tous les pouvoirs pour accomplir sa mission. Le pouvoir accordé à l'administrateur spécial est respecté par l'assureur et toute autre personne. L'Autorité de contrôle, peut limiter ou suspendre les pouvoirs du Conseil d'Administration et de l'Assemblée Générale
--	--	---

n'ubw'Inama Rusange y'abanyamigabane b'ikigo cy'ubwishingizi. Rushobora kandi gutangaza icyo cyemezo cyangwa kikamanikwa aho amashami yose y'ikigo cy'ubwishingizi bireba akorera. Umuyobozi udasanzwe washyizweho kugira ngo acunge ikigo cy'ubwishingizi, ashobora guhagarika ubwishyu bwose cyangwa igice cyabwo, kwegurira undi umutungo, ishyingira mu bikorwa ry'amasezerano cyangwa ubwumvikane byakozwe n'ikigo cy'ubwishingizi igihe abona ari ngombwa. Urwego rw'Ubugenzuzi rushobora kugena uburyo iryo hagarikwa rimenyeshwa rubanda. Iyo ihagarikwa rivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo ribaye, nta bwishyu, kwegurira undi umutungo cyangwa gushyira umukono no gushyira amasezerano mu bikorwa bishobora gukorwa n'ikigo cy'ubwishingizi, bitabanje kwemezwa n'umuyobozi udasanzwe. Iyo habaye ihagarikwa ry'imyishyure, rivugwa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo, kwishyura imyenda ndetse n'ubundi buryo bwose bukoreshwa mu kwishyuzwa imyenda biba bihagaze.	insurer. It may also publish this decision or displays a copy of this decision in all branches of the concerned insurer. The special administrator appointed to manage the insurer is empowered to suspend, in whole or in part, any payment, property transfer, contract execution, or transactions of the insurer if he or she deems it necessary. The Supervisory Authority may determine modalities of making public such suspension. Where the suspension referred to in paragraph 2 of this Article happens, no payment, transfer, signing or execution of contracts may be carried out by the insurer except with prior approval of the special administrator. During the suspension referred to in paragraph 3 of this Article, the payment of debts and any other enforcement procedures for obtaining payment of debts are suspended.	des actionnaires de l'assureur. Elle peut aussi publier cette décision ou l'afficher dans toutes les succursales de l'assureur concerné. L'administrateur spécial désigné pour gérer l'assureur a le pouvoir de suspendre, entièrement ou partiellement, tout paiement, cession d'actif, exécution de contrat, ou transactions de l'assureur s'il le juge nécessaire. L'Autorité de contrôle peut déterminer les modalités de rendre publique une telle suspension. Si la suspension visée par l'alinéa 2 du présent article intervient, aucun paiement, transfert, signature ou exécution de contrat ne peut être effectuée par l'assureur, sauf sur approbation préalable de l'administrateur spécial. Pendant la suspension visée à l'alinéa 3 du présent article, les paiements de dettes et toutes les procédures d'exécution pour obtenir le paiement des dettes sont suspendus.
--	---	--

<u>Ingingo ya 170:</u> Ububasha bwo gusubiza ku murongo ikigo cy'ubwishingizi. Iyo umuyobozi udasanzwe ahawe ububasha bwo gusubiza ku murongo ikigo cy'ubwishingizi, agomba kubanza gusesengura imiterere y'imari y'icyo kigo mu gihe kigenwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi kandi akaruha raporo ku buryo bushoboka bwo kuzahura imari y'ikigo cy'ubwishingizi. Urwego rw'Ubugenzuzi rukimara gushyikirizwa raporo y'umuyobozi udasanzwe rufata icyemezo cyerekeye gusubiza ku murongo ikigo cy'ubwishingizi. Mbere yo gufata icyo cyemezo, Urwego rw'Ubugenzuzi rubonye ko ari ngombwa, rushobora kugirana imishyikirano n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ubwishingizi, abagize inama y'Ubutegetsi, cyangwa abagifitemo imigabane n'abo kibereyemo imyenda. <u>Ingingo ya 171:</u> Umushahara w'umuyobozi udasanzwe n'ibitangwa ku mpuguke yifashishije Ikigo cy'ubwishingizi nicyo cyishyura umushahara n'ibindi bigenerwa umuyobozi udasanzwe, kimwe n'ibitangwa ku mirimo y'inzobere umuyobozi udasanzwe yifashishije, mu buryo bugenwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi.	<u>Article 170:</u> Power of reorganizing an insurer When the special administrator is vested with the power of reorganizing an insurer, he or she analyses the insurer's financial situation and submit to the Supervisory Authority a report on the prospects for restoring the insurer's financial soundness. Upon receipt of the special administrator's report, the Supervisory Authority decides on the prospects for restoring the insurer's financial soundness. Before making such a decision, the Supervisory Authority, if it deems necessary may meet the management, the members of the Board of Directors or shareholders and insurer's creditors. <u>Article 171:</u> Wages of special administrator and experts cost The insurer pays wages and other service emoluments of the special administrator as well as costs associated with any expert services that the special administrator may require, under conditions set by the Supervisory Authority.	<u>Article 170:</u> Pouvoir de réorganiser un assureur Lorsque l'administrateur spécial est investi des pouvoirs de réorganiser un assureur, il analyse la situation financière de l'assureur et soumet à l'Autorité de contrôle un rapport sur la possibilité de rétablir la solidité financière de l'assureur. A la réception du rapport de l'administrateur spécial, l'Autorité de contrôle décide sur la possibilité de rétablir la solidité financière de l'assureur. Avant de prendre une telle décision, l'Autorité de contrôle peut, s'il s'avère nécessaire, s'entretenir avec la direction de l'assureur, les membres du Conseil d'Administration ou les actionnaires et les créanciers de l'assureur. <u>Article 171 :</u> Salaires de l'administrateur spécial et coût des experts L'assureur prend à sa charge le paiement du salaire et autres émoluments des services de l'administrateur spécial ainsi que les charges liées aux services des experts auxquels il peut faire recours, dans les conditions fixées par
---	---	--

<u>Ingingo ya 172: Isozwa ry’ubutumwa bw’umuyobozi udasanzwe</u> Iyo umuyobozi udasanzwe asoje ubutumwa bwe agomba gushyikiriza raporo Urwego rw’Ubugenzuzi. Umuyobozi udasanzwe agomba kugira ibanga ry’akazi ku birebana n’amakuru ayo ari yo yose yamenye mu rwego rw’ubutumwa yari yarahawe. <u>Ingingo ya 173: Ibindi byemezo by’izahura bifatwa n’Urwego rw’Ubugenzuzi</u> Iyo gahunda y’izahura yakozwe n’ikigo cy’ubwishingizi itagize icyo igeraho, Urwego rw’Ubugenzuzi rufata zimwe mu ngamba z’izahura zikurikira: 1° kugurisha ibikorwa by’ikigo cy’ubwishingizi byose cyangwa igice cyabyo ku bindi bigo by’ubwishingizi; 2° guhagarika ubucuruzi bw’ubwoko bw’ubwishingizi runaka; 3° guhindura imyenda y’ikigo cy’ubwishingizi kibereyemo abandi	<u>Article 172: Completion of the mandate of the special administrator</u> Upon completion of his or her mandate, the special administrator must submit a report to the Supervisory Authority. The special administrator is bound by professional secrecy with regard to any information obtained in connection with his or her mandate. <u>Article 173: Other recovery measures by the Supervisory Authority</u> When the insurer’s recovery plan is not successful, the Supervisory Authority may take recovery measures including among others: 1° selling to other insurers part or all of the insurer’s activities; 2° run-off; 3° converting debts into shares;	l’Autorité de contrôle. <u>Article 172: Fin de mandat de l’administrateur spécial</u> Au terme de sa mission, l’administrateur spécial doit soumettre un rapport à l’Autorité de contrôle. L’administrateur spécial est tenu au secret professionnel pour toute information dont il a eu connaissance dans le cadre de l’exercice de sa mission. <u>Article 173: Autres mesures de redressement par l’Autorité de contrôle</u> Lorsque le plan de redressement de l’assureur ne donne aucun résultat, l’Autorité de contrôle peut prendre des mesures de redressement entre autres : 1° la vente aux autres assureurs de toute ou partie des opérations de l’assureur; 2° gestion extinctive; 3° la transformation des dettes ou créances en actions;
---	--	---

mo imigabane; 4° gukora ubundi buryo cyangwa ikindi gikorwa cyose cyafasha mu rwego rwo kurengera inyungu z'abafatabwishingizi. Mu gihe ingamba zivugwa mu gace ka 2 k'iyi ngingo zifashwe, ikigo cy'ubwishingizi gihagarika ubucuruzi bw'ubwoko bw'ubwishingizi runaka ariko kigakomeza kwishyura ibyishingirwa byabaye cyangwa ibizaba. <u>Icyiciro cya 3: Iseswa ry'ikigo cy'ubwishingizi</u> <u>Ingingo ya 174: Uburyo bw'iseswa ry'ikigo cy'ubwishingizi</u> Ikigo cy'ubwishingizi gishobora guseswa ku bushake bwacyo cyangwa hakurikijwe iseswa ritegetswe. <u>Ingingo ya 175: Iseswa ku bushake ry'ikigo cy'ubwishingizi</u> Ikigo cy'ubwishingizi cyifuza guseswa ku bushake kibanza kubisabira uburenganzira Urwego rw'Ubugenzuzi.	4° any other resolution method or transaction that may help in protecting policyholders interests. In case the measures referred to in item 2° of this Article are taken, the insurer suspends any kind of underwriting activities but continues to make payment of any occurred or subsequent event. <u>Section 3: Liquidation of an insurer</u> <u>Article 174: Procedures of the liquidation of an insurer</u> An insurer may be voluntarily or forcefully liquidated. <u>Article 175: Voluntary liquidation of an insurer</u> An insurer wishing to be voluntarily liquidated must request for an authorization from the Supervisory Authority.	4° toute autre mesure de redressement ou transaction ou opération susceptible de contribuer à la protection des intérêts des souscripteurs d'assurance. Lorsque les mesures visées au point 2° du présent Article sont prises, l'assureur suspend toute activité de souscription d'assurance mais continue les paiements des indemnités pour les dommages survenus ou ultérieurs. <u>Section 3: Liquidation d'un assureur</u> <u>Article 174: Procédure de liquidation de l'assureur</u> Un assureur peut entrer en liquidation volontaire ou forcée. <u>Article 175: Liquidation volontaire d'un assureur</u> Un assureur qui veut entrer en liquidation volontaire doit en demander une autorisation de l'Autorité de contrôle.
---	---	---

Ubusabe buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bugomba kugaragaza raporo yanditse y'umugenzuzi w'imari wigenga yemeza ko ikigo cy'ubwishingizi gifite ubushobozi bwo kwishyura ako kanya abishingiwe n'abo kibereyemo imyenda ndetse n'umwirondoro w'ushinzwe isesa. Iyo Urwego rw'Ubugenzuzi rwemeye iseswa rikozwe ku bushake, rugena uburyo imenekanisha rikorwa <u>Ingingo ya 176:</u> Iseswa ritegetswe ry'ikigo cy'ubwishingizi Urwego rw'Ubugenzuzi ni rwo rwemeza iseswa ritegetswe. Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho ushinze isesa. Igihembo cy'ushinzwe isesa washyizweho hakurikije ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kimwe n'andi mafaranga yo kwishyura ibyakozwe mu rwego rw'iseswa bitangwa n'ikigo cy'ubwishingizi kiri mu iseswa. Amabwiriza rusange akena uburyo bwihariye bwo gusesa ikigo cy'ubwishingizi.	The request referred to in the Paragraph One of this Article, must include a written report from the independent auditor which ascertains the insurer's ability to immediately pay the insured person and insurer's debtors and the liquidator's credentials. In case the Supervisory Authority approves the voluntary liquidation, it determines the procedure for its publication. <u>Article 176:</u> Forced liquidation of an insurer Supervisory Authority orders the forced liquidation. The Supervisory Authority appoints the liquidator. The remuneration of a liquidator appointed in accordance with the Paragraph One of this Article and the costs associated with the liquidation procedure are borne by the insurer undergoing the liquidation. The regulations determine the special procedures for the liquidation of an insurer.	La demande visée à l'alinéa premier du présent article doit comprendre un rapport écrit d'un auditeur indépendant attestant la solvabilité immédiate de l'assureur par rapport aux compensations des personnes assurées et aux créanciers de l'assureur ainsi que l'identification du liquidateur. Si l'Autorité de contrôle accepte la liquidation volontaire, elle détermine la procédure de sa publication. <u>Article 176:</u> Liquidation forcée d'un assureur L'Autorité de contrôle ordonne la liquidation forcée. L'Autorité de contrôle désigne le liquidateur. La rémunération d'un liquidateur nommé conformément à l'alinéa premier du présent article et les charges occasionnées par la procédure de liquidation sont à la charge de l'assureur en liquidation. Les règlements déterminent la procédure spéciale relative à la liquidation d'un assureur.
---	---	--

<u>Ingingo ya 177: Ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi</u> Hashyizweho ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi kigamije kugoboka umufatabwishingizi mu gihe ikigo cyigenga cy'ubwishingizi cyasheshwe. Buri kigo cyigenga cy'ubwishingizi ni umunyamuryango w'ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi. Iteka rya Perezida rigena imiterere n'imikorere by'ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi. <u>Ingingo ya 178: Urutonde rw'abishyurwa ku mutungo w'ikigo cy'Ubwishingizi gisheshwe</u> Igihe cyose ikigo cy'Ubwishingizi gisheshwe, ibivuye mu mutungo wacyo n'ingwate, ukuyemo amafaranga ahemba imirimo ijyanye n'iseswa, bigabanywa ibyiciro binyuranye by'abafitiwe imyenda. Ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi ni cyo cyishyurwa mbere umubare w'amafaranga cyasubije abafatabwishingizi. Umutungo usigaye ugomba gusaranganywa abandi baberewemo imyenda ku buryo bukurikira:	<u>Article 177: Policyholders' compensation fund</u> A Policyholder compensation fund is hereby established designed to indemnify policyholders in the event of liquidation of a private insurer. Each private insurer is a member of the Policyholders' compensation fund. A Presidential Order determines the organization and functioning of the Policyholders' compensation fund. <u>Article 178: Creditors relief ranking from a liquidated insurer</u> Anytime an insurer is liquidated, the proceeds from the sale of assets and guarantees, minus costs associated with the liquidation are distributed to various categories of creditors. The Policyholders compensation fund has the first claim to the extent of sums repaid to the insured policyholders of the liquidated insurer. The remaining proceeds are distributed to other creditors in the following order:	<u>Article 177 : Fonds de compensation de souscripteurs d'assurance</u> Il est créé un fonds de compensation de souscripteurs d'assurance ayant pour objet d'indemniser les souscripteurs d'assurance en cas de liquidation d'un assureur privé. Chaque assureur privé est membre du fonds de compensation de souscripteurs d'assurance. Un arrêté présidentiel détermine l'organisation et le fonctionnement du fonds de compensation de souscripteurs d'assurance. <u>Article 178: Rang de désintéressement des créanciers d'un assureur liquidé</u> Chaque fois qu'un assureur est liquidé, le produit de la réalisation de l'actif et des garanties, déduction faite des dépenses liées à la liquidation, est distribué aux différentes catégories de créanciers. Le fonds de compensation des souscripteurs d'assurance occupe le premier rang à concurrence des sommes remboursées aux souscripteurs d'assurance de l'assureur en liquidation. Le montant restant est distribué à d'autres créanciers dans l'ordre suivant:
--	---	--

1° abafatabwishingizi ku mubare w'amafaranga atarishyuwe n'ikigega cy'indishyi cy'abafatabwishingizi; 2° abandi ikigo cy'ubwishingizi kibereyemo imyenda hakurikijwe ibirebana n'itegeko ryerekeye izahura ry'ubucuruzyi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo. Uko umutungo n'ingwate bigenda bigurishwa n'uko icyiciro kimwe cy'ababereyemo umwenda baba bamaze kwishyurwa amafaranga yose, amafaranga asigaye agabanywa ababereyemo umwenda bo mu icyiciro gikurikiyeho ugereranyije n'uko umwenda wabo ungana. <u>Ingingo ya 179:</u> Ibindi bisabwa mu iseswa ry'ikigo cy'ubwishingizi Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, Urwego rw'Ubugenzuzi rushyiraho amabwiriza agabanywa ibindi bisabwa birebana n'iseswa ry'ibigo by'ubwishingizi. <u>Ingingo ya 180:</u> Iseswa ry'ikigo cya Leta cy'ubwishingizi Iseswa ry'ikigo cya Leta cy'ubwishingizi rikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	1° policyholders for sums not paid by the policyholder's compensation fund; 2° other creditors in accordance with priority order as stated in the law relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency. As assets and guarantees are sold off, and each time a category of creditor is completely paid off, the remainder is distributed to creditors belonging to the following category in proportion to their respective claims. <u>Article 179:</u> Additional requirements for liquidation of an insurer Without prejudice to the provisions of this Law, the Supervisory Authority issues regulations specifying additional requirements relating to the liquidation of insurers. <u>Article 180:</u> Liquidation of a public insurer Liquidation of a public insurer is conducted in accordance with the relevant laws.	1° les souscripteurs d'assurance pour les sommes n'est pas remboursé par le fonds de compensation de souscripteurs; 2° d'autres créanciers selon l'ordre de priorité tel que prévu dans la loi relative au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité. Au fur et à mesure de la réalisation de l'actif et des garanties, et chaque fois qu'une catégorie de créanciers est totalement désintéressée, le reliquat est distribué aux créanciers de la catégorie suivante au prorata de leurs créances. <u>Article 179:</u> Exigences additionnelles de liquidation de l'assureur Sans préjudice des dispositions de la présente loi, l'Autorité de contrôle édicte des règlements déterminant les exigences additionnelles relatives à la liquidation des assureurs. <u>Article 180:</u> Liquidation d'un assureur public La liquidation d'un assureur public se fait conformément aux lois en la matière.
--	---	--

<u>Ingingo ya 181:</u> Ubuzimagatozi bw'ikigo cy'ubwishingizi kiri mu iseswa Ubuzimagatozi bw'ikigo cy'ubwishingizi kiri mu iseswa burakomeza kugeza igihe iseswa rirangiye. Mu gihe ikigo cy'ubwishingizi kiri mu iseswa mu mikoranire yacyo n'abandi, ushinzwe iseswa agomba kugaragaza ko ikigo cy'ubwishingizi kiri mu iseswa. UMUTWE WA IX: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO <u>Ingingo ya 182:</u> Ububasha bwo guhana Urwego rw'Ubugenzuzi rufite ububasha bwo gufatira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ibigo by'ubwishingizi, abahuza mu bwishingizi, n'abayobozi bakuru babyo batubahirije iri tegeko cyangwa amabwiriza rushyiraho. Amabwiriza rusange akena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'uburyo bitangwa.	<u>Article 181:</u> Legal personality of an insurer in the process of the liquidation The legal personality of an insurer in the process of liquidation remains until the liquidation is completed. While in the liquidation, the liquidator has the obligation to specify in his or her relations with third parties that the insurer is under liquidation. CHAPTER IX: FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES <u>Article 182:</u> Power to impose sanctions The Supervisory Authority has the power to take necessary administrative sanctions in respect of insurers, insurance intermediaries and their senior managers who fail to comply with this Law or regulations it issues. The regulations determine the administrative faults and sanctions as well as the procedure for their application.	<u>Article 181:</u> Personnalité juridique d'un assureur en liquidation La personnalité juridique d'un assureur en liquidation subsiste jusqu'à la clôture de la liquidation. Pendant que l'assureur est en liquidation, le liquidateur a l'obligation de préciser dans ses relations avec les tiers que l'assureur est en liquidation CHAPITRE IX: FAUTES, SANCTIONS INFRACTIONS ET PEINES <u>Article 182:</u> Pouvoir d'imposer des sanctions L'Autorité de contrôle a le pouvoir de prendre des mesures administratives nécessaires contre les assureurs, les intermédiaires d'assurance et leurs cadres dirigeants qui ne se conforment pas à la présente loi ou aux règlements qu'elle édicte. Les règlements déterminent les fautes et les sanctions administratives ainsi que la procédure de leur application.
---	--	--

<u>Ingingo ya 183: Gukora umurimo ujyanye n'ubwishingizi nta ruhushya</u> Umuntu wese: 1° ukora umurimo w'ubwishingizi cyangwa umurimo w'ubuhuza mu bwishingizi atarabihereye uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha; 2° uwahawe uruhushya rwo gukora umurimo w'ubwishingizi ariko agakora ibindi bikorwa by'ubucuruzi bitari umurimo w'ubwishingizi; 3° wiyita ikigo cy'ubwishingizi cyangwa umuhuza mu bwishingizi atabifitiye uruhushya, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	<u>Article 183: Operating activities related to insurance business without license</u> Any person who: 1° operates an insurance business or business of insurance intermediary without license granted by the competent organ; 2° having been granted a license to perform insurance business, operates business other than insurance business; 3° claims to be insurer or insurance intermediary without a license, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than three (3) years but not exceeding five (5) years and a fine of not less than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000) but not exceeding ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) or only one of these penalties.	<u>Article 183: Exercer une activité relative à l'assurance sans licence</u> Toute personne qui: 1° exerce une activité d'assurance ou une activité d'intermédiaire d'assurance sans l'autorisation octroyée par l'organe compétent; 2° ayant obtenu l'autorisation d'exercer une activité d'assurance, exerce une activité autre que l'activité d'assurance; 3° prétend être un assureur ou un intermédiaire d'assurance sans l'autorisation, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins sept millions (7.000.000 FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas dix millions (10.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.
---	---	--

UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER X: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE X: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 184 :</u> Ubwishingizi butegetswe	<u>Article 184:</u> Compulsory insurance	<u>Article 184:</u> Assurance obligatoire
Ubwishingizi butegetswe bugenwa n'amategako yihariye.	Compulsory insurance is determined by special laws.	L'assurance obligatoire est déterminée par des lois spéciales.
<u>Ingingo ya 185:</u> Amafaranga adafite uyakurikirana	<u>Article 185:</u> Unclaimed funds	<u>Article 185:</u> Fonds non réclamés
Hatitawe ku masezerano ayo ariyo yose yakozwe hagati y'ikigo cy'ubwishingizi n'umufatabwishingizi, iyo hari amafaranga agendanye n'amasezerano y'ubwishingizi yari ageze igihe cyo gutangwa, adafite uyakurikirana mu gihe cy'imyaka icumi (10) ikigo cy'ubwishingizi cyohereza ubutumwa bwanditse uyagenewe aho yabarizwaga bwa nyuma kikananyuza itangazo mu bitangazamakuru bigera henshi mu Rwanda.	Notwithstanding any agreement between an insurer and a policyholder, where any funds under an insurance policy that are due remains unclaimed for a period of ten (10) years, the insurer sends a notice to the last known address of the recipient and publish it in media outlets with largest audience in Rwanda.	Nonobstant tout accord entre l'assureur et le souscripteur, lorsque les fonds dûs en vertu d'une police d'assurance restent non réclamés pour une période de dix (10) ans, l'assureur envoie un avis à la dernière adresse connue du destinataire et le publie dans les médias à plus large public au Rwanda.
Iyo uwari uyagenewe adasubije ubutumwa buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu gihe cy'amezi atatu (3) uhareye igihe yaboneye ubutumwa, ibyo yari agenewe bishingiye ku masezerano y'ubwishingizi bifatwa nk'aho ntawe ubikurikirana.	If the intended recipient does not respond to the notice referred to in the Paragraph One of this Article within three (3) months from the date of receipt of the notice, his or her entitlements under the insurance contract are deemed to be unclaimed.	Si le destinataire prévu ne répond pas à la notification visée à alinéa premier du présent article dans un délai de trois (3) mois à compter de la date de réception de la notification, ses droits découlant du contrat d'assurance sont réputés non réclamés.
Amabwiriza rusange y'Urwego rw'Ubugenzuzi agena uburyo bwo gucunga amafaranga adafite	The regulations by the Supervisory Authority determine the modalities for managing	Les règlements de l'Autorité de contrôle déterminent les modalités de gestion de fonds

abayakurikira mu gihe akiri mu kigo cy'ubwishingizi. Bitabangamiye andi mategeko iyo uwari ugenewe amafaranga abonetse nyuma y'igihe cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, arayahabwa. <u>Ingingo ya 186: Igihe cy'inizibacyuho</u> Ibigo by'ubwishingizi n'abahuza mu bwishingizi bahawe igihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18), uherye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo babe baryubahirije. Icyakora, ibigo by'ubwishingizi n'abahuza mu bwishingizi basanganywe uruhushya rwo gukora hashingiwe ku Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi bafatwa nk'aho bahawe uruhushya hashingiwe kuri iri tegeko. <u>Ingingo ya 187: Agaciro k'amasezerano atararangiza igihe</u> Amasezerano y'ubwishingizi yakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa akomeza kugira agaciro kayo.	unclaimed funds when they are kept with the insurer. Without prejudice to other laws, if the owner of the funds is found after the period referred to in the Paragraph One of this Article, he or she is entitled to such funds. <u>Article 186: Transitional period</u> All insurers and insurance intermediaries are given a period not exceeding eighteen (18) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to comply with its provisions. However, insurers and insurance intermediaries licensed under the Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business are considered as licensed under this Law. <u>Article 187: Validity of ongoing contracts</u> Ongoing insurance contracts concluded before the commencement of this Law remain valid.	non réclamés lorsqu'ils sont encore tenus par l'assureur . Sans préjudice d'autres lois, si l'ayant droit des fonds est retrouvé après la période visée à l'alinéa premier du présent article, il en acquiert d'office. <u>Article 186 : Délai de transition</u> Tous les assureurs et intermédiaires d'assurance ont un délai ne dépassant pas dix huit (18) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer à ses dispositions. Toutefois, les assureurs et intermédiaires d'assurance agréent conformément à la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation des activités d'assurance sont réputés être autorisés conformément à la présente loi. <u>Article 187: Validité des contrats en cours</u> Les contrats d'assurance en cours signés avant l'entrée en vigueur de la présente loi restent valables.
---	--	---

<u>Article 188: Amabwiriza ariho yatanzwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi</u> Amabwiriza rusange n'amabwiriza y'Urwego rw'Ubugenzuzi yashyizweho hakurikijwe Itegeko-teka n° 20/75 ryo ku wa 20/06/1975 ryerekeye ubwishingire ryemejwe n'Itegeko n° 01/82 ryo kuwa 26 Mutarama 1982 ryemeza Amategeko teka nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu n'Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyijwe n'iri tegeko mu ireme ryazo mu gihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18), uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. <u>Ingingo ya 189: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 190: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u> Itegeko-teka n° 20/75 ryo ku wa 20/06/1975 ryerekeye ubwishingire ryemejwe n'Itegeko n°	<u>Article 188: Existing regulations issued by the Supervisory Authority</u> All Supervisory Authority regulations and directives issued in accordance with the Decree-law n° 20/75 of 20/06/1975 relating to insurance, confirmed by the Law n° 01/82 of 26 January 1982 confirming the decree-laws as modified and complemented to date and the Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business remain applicable in their provisions which are not in contradiction with this Law in term of their substance until they are harmonized with this Law within a period of eighteen (18) months, from the date of publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. <u>Article 189: Drafting, consideration and adoption of this Law</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 190: Repealing provision</u> Decree-Law n° 20/75 of 20/06/1975 relating to insurance, confirmed by the Law n° 01/82 of 26	<u>Article 188: Directives existantes émises par l'Autorité de contrôle</u> Tous les règlements et les directives émis par l'Autorité de contrôle conformément au Décret-loi n° 20/75 du 20/06/1975 relatif aux assurances en général, confirmé par la loi n° 01/82 du 26 janvier 1982 portant confirmation des décrets lois telle que modifiée et complétée à ce jour et la loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation des activités d'assurance demeurent en application dans leurs dispositions qui ne sont pas contraires à la présente loi quant à leur fond jusqu'à ce qu'ils soient harmonisés avec la présente loi endéans dix-huit (18) mois, à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda. <u>Article 189: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 190: Disposition abrogatoire</u> Le Décret-loi n° 20/75 du 20/06/1975 relatif aux assurances, confirmé par la loi n° 01/82 du 26
--	--	--

01/82 ryo kuwa 26 Mutarama 1982 ryemeza Amategeko teka nk’uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu n’Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/9/2008 ryerekeye imitunganyirize y’umurimo w’ubwishingizi n’ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. <u>Ingingo ya 191</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	January 1982 confirming the decree-laws as modified and complemented to date and Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organisation of insurance business, and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed. <u>Article 191: Commencement</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	janvier 1982 portant confirmation des décrets lois telle que modifiée et complétée à ce jour et la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 portant organisation d’activités d’assurances et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogés. <u>Article 191: Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	--	--

Kigali, 30/06/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kugira ngo bishyirweho Ikirango cya Repubulika:
Seen to be sealed with the Seal of the Republic:
Vu pour être scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux